


# ABATWARE B'IKIBI

*"Abo bahuje inama, baha ya nyamaswa imbaraga zabo n'ubutware bwabo. Bazarwanya Umwana w'Intama, ariko Umwana w'Intama azabanesha, kuko ari we Mutware utwara abatware n'Umwami w'abami, kandi abari hamwe na we bahamagawe batoranijwe bakiranutse na bo bazayinesha."*
Ibyahishuwe 17:13,14

Easy Reading Edition

# Ibirimo


Ijambo Ku Musomyi ........ 4
Daniyeli 8:1-12 ........ 8
  "Iby'ukuri ribijugunya hasi, rikajya ribasha ibyo rigambiriye" ........ 8
    Intangiriro ........ 11
    Roma Itabonwa Nk'uko Iri ........ 12
    Kwisanisha N'aho Ugeze ........ 13
    Kurwanya Bibiliya ........ 17
    Gutangira Umurimo Kw'Abajezuwite ........ 18
    Kubungabunga Imyemerere Ya Kiliziya Gaturika ........ 20
Abajezuwite ........ 29
  I. Umugambi w'abajezuwite n'indahiro yabo ........ 29
  II. Umuhango wo kwakirwa n'indahiro y'ikirenga y'abajezuwite ........ 31
    Indahiro y'ikirenga y'abajezuwite (yose uko yakabaye) ........ 34
Babuloni Yo Mu Byahishuwe 17 ........ 56

# Ijambo Ku Musomyi

1. Mu gihe usoma ibintu bitangaje, ndetse biteye ubwoba biri muri icyi gitabo, ni byiza kuzirikana aya magambo ari hepfo avugwa n'Ibyanditswe Byera, kuko araguha impamvu y'ukuri kandi ikomeye yo kwishingikiriza ku Mana Yaremye Ijuru n'isi:

*"Ubwenge n'imbaraga bifitwe n'Imana, Igira inama no kumenya. Dore irasenya maze ntihasubire kubakika, Ikingirana umuntu ntihakingurike. Yimana amazi agakama, Maze yayatanga akubika isi. "Imbaraga n'ubuhanga bifitwe na yo, Umuriganya n'uriganywa ni abayo. Ijyana abajyanama ho iminyago, N'abacamanza ikabajijisha. Ni yo yica amasezerano y'abami, Kandi ikababohesha imigozi. Ijyana abatambyi ho iminyago, Kandi yubika intwari. Imwaza amagambo y'abiringirwa, Kandi abasaza ikabaka ubwenge. Ibikomangoma ibisukaho gusuzugurwa, Kandi idohora umushumi w'intwari." Yobu 12:13-21*

*"Ndi Uwiteka ni ryo zina ryanjye, icyubahiro cyanjye sinzagiha undi, n'ishimwe ryanjye sinzariha ibishushanyo bibajwe. Dore ibya mbere birasohoye, n'ibishya ndabibamenyesha mbibabwire bitari byaba." Yesaya 42:8,9*

*"Mwebwe n'umugaragu wanjye natoranije muri abagabo bo guhamya ibyanjye", ni ko Uwiteka avuga, "Kugira ngo mumenye, munyizere, munyitegereze ko ari jye. Nta mana yambanjirije kubaho, kandi nta yizamperuka. "Jyewe, jye ubwanjye ni jyewe Uwiteka, kandi nta wundi mukiza utari jyewe. Ni jye wabwirije iby'agakiza kandi ndakiza, ndabigaragaza kandi muri mwe nta yindi mana yahabaye, ni cyo gituma muri abagabo bo kumpamya ko ari jyewe Mana." Ni ko Uwiteka avuga. "Kandi koko uhereye aho*

*umucyo wabereyeho ndi we, nta wubasha gutesha ukuboko kwanjye. Ubwo nzakora umurimo ni nde uzankoma mu nkokora?"Yesaya 43:10-13*

*"Ariko rero noneho umva, Yakobo mugaragu wanjye, Isirayeli natoranije." Uwiteka wakuremye akagukuza uhereye ukiri mu nda, kandi ari we uzajya agufasha aravuga ati "Witinya Yakobo mugaragu wanjye, Yeshuruni natoranije. "Uwishwe n'inyota nzamusukiraho amazi, nzatembesha imigezi ku butaka bwumye, urubyaro rwawe nzarusukaho Umwuka wanjye n'abana bawe nzabaha umugisha. Bazamera nk'uko imikinga yo ku migezi imerera mu bwatsi. "Umwe azavuga ati 'Ndi uw'Uwiteka', undi aziyita izina rya Yakobo, undi aziyandikira n'ukuboko kwe ko ari uw'Uwiteka yihimbe izina rya Isirayeli." Uwiteka Umwami wa Isirayeli, Uwiteka Nyiringabo Umucunguzi we aravuga ati "Ndi uwa mbere kandi ndi uw'imperuka, kandi nta yindi mana ibaho itari jye. Ni nde uhwanye nanjye uzahamagara akabivuga, akabintunganyiriza uhereye aho nashyiriyeho bwa bwoko bwa kera? Ibiza kuza n'ibizabaho nibabivuge. Mwe kugira ubwoba ngo mutinye. Kera sinabikubwiye nkabigaragaza? Namwe muri abagabo bo kumpamya. Hariho indi mana ibaho itari jye? Ni koko nta kindi gitare, ubwanjye sinkizi." Yesaya 44:1-8*

**2.** Ibikubiye muri iki gitabo ntabwo bigamije gusebya cyangwa kwibasira umuntu cyangwa itsinda ry'abantu. Ahubwo bigamije guhishurira abantu ukuri, nk'uko kwari kwaravuzwe n'ubuhanuzi bwo mu Ijambo ry'Imana. Niba usanze ufite aho uhuriye n'ibyo ubuhanuzi bwo mu Ijambo ry'Imana bwari bwaravuze, ita kuri iri rarika ry'Imana:

- ✓ *"'Nimuze tujye inama', ni ko Uwiteka avuga, 'Naho ibyaha byanyu byatukura nk'umuhemba birahinduka umweru bise na shelegi, naho byatukura tukutuku birahinduka nk'ubwoya bw'intama bwera. Nimwemera mukumvira muzarya ibyiza byo mu gihugu. Ariko nimwanga mukagoma inkota izabarya', kuko akanwa k'Uwiteka ari ko kabivuze*." Yesaya 1:18-20
- ✓ *"Ubabwire uti 'Umwami Uwiteka aravuga ati: Ndirahiye, sinezezwa no gupfa k'umunyabyaha, ahubwo nezezwa n'uko umunyabyaha ahindukira akava mu nzira ye maze akabaho. Nimuhindukire, mugaruke muve mu nzira zanyu mbi. Kuki mwarinda gupfa mwa ab'inzu ya Isirayeli mwe?*'" Ezekiel 33:11
- ✓ *"Icyo nshaka kimwe ni uko wemera ibyaha byawe, ibyo wacumuye ku Uwiteka Imana yawe, wayobereje inzira zawe ku mana z'abanyamahanga munsi y'igiti cyose gitoshye, kandi ntiwumviye ijwi ryanjye. Ni ko Uwiteka avuga*." Yeremiya 3:13
- ✓ *"Uwiteka anyura imbere ye arivuga ati 'Uwiteka, Uwiteka, Imana y'ibambe n'imbabazi, itinda kurakara ifite kugira neza kwinshi n'umurava mwinshi, igumanira abantu imbabazi ikageza ku buzukuruza babo b'ibihe igihumbi, ibabarira gukiranirwa n'ibicumuro n'ibyaha*.'" Kuva 34:6,7
- ✓ *"Azabyara umuhungu uzamwite YESU, kuko ari we uzakiza abantu be ibyaha byabo*." Matayo 1:21
- ✓ *"Bukeye bw'aho abona Yesu aza aho ari aravuga ati 'Nguyu Umwana w'intama w'Imana, ukuraho ibyaha by'abari mu isi.*'" Yohana 1:29
- ✓ *"Ariko nitwatura ibyaha byacu, ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa kose*." 1Yohana 1:9

# Icyitonderwa

Ibikubiye muri iki gitabo ntabwo ari ibitekerezo by'uwacyanditse, ahubwo ibirimo ni ibyo Ijambo ry'Imana ryari ryarahanuye bitari byaba. Mu kugenzura uko ubwo buhanuzi bwasohoye, twifashishije Bibiliya, ibitabo by'amateka, n'ubuhamya bw'abavuga ibyo bakoze ubwabo, ibyo biyumviye, cyangwa ibyo bahagazeho ku buryo nta muntu ushobora kuvuguruza ubuhamya bwabo.

"Icyubahiro kibe icy'Imana ifite ubwenge yonyine iteka ryose, ku bwa Yesu Kristo, Amen." Abaroma 16:27

# DANIYELI 8:1-12

**"Iby'ukuri ribijugunya hasi, rikajya ribasha ibyo rigambiriye"**

*"Mu mwaka wa gatatu Umwami Belushazari ari ku ngoma, jyewe Daniyeli neretswe ibikurikira ibyo neretswe ubwa mbere. Nkerekwa ibyo nagize ngo ndi ibwami i Shushani mu gihugu cya Elamu, ariko ubwo nabyerekwaga nari ku ruzi Ulayi, nubuye amaso mbona impfizi y'intama ifite amahembe abiri, ihagaze ku ruzi. Ayo mahembe uko ari abiri yari maremare ariko rimwe ryasumbaga irindi, iriererire ni ryo ryaherukaga kumera. Mbona iyo mpfizi y'intama igenda ishyamye yerekeye iburasirazuba n'ikasikazi n'ikusi, ntihagira inyamaswa ihangara kuyihagarara imbere, ntihaboneka ubasha kuziyikiza. Yagenzaga uko yishakiye, ikagira imbaraga. Nkibyitegereza mbona haje isekurume y'ihene iturutse iburengerazuba igenda idakoza amaguru hasi, ikwira isi yose.Kandi iyo sekurume y'ihene yari ifite ihembe rigaragara cyane hagati y'amaso yayo. Nuko itera ya mpfizi y'intama y'amahembe abiri nari nabonye ihagaze ku ruzi, iyivudukira ifite imbaraga n'uburakari bukaze. Mbona yegereye iyo mpfizi y'intama irayirakarira, irayisekura iyivuna ayo mahembe yombi. Ya mpfizi y'intama ntiyari ifite imbaraga zo kuyihagarara imbere. Ahubwo iyo sekurume y'ihene iyikubita hasi irayisiribanga, ntihaboneka uwabasha gukiza iyo mpfizi y'intama imbaraga za ya sekurume y'ihene. Isekurume y'ihene igira imbaraga nyinshi cyane, imaze gukomera iryo hembe rinini riravunika, mu cyimbo cyaryo hamera andi mahembe ane agaragara cyane, yerekeye mu birere bine by'ijuru. Kuri rimwe muri ayo hashamikaho agahembe gato karakura cyane, kaba rinini ryerekeye ikusi n'iburasirazuba n'igihugu gifite ubwiza. Rihinduka rinini rigera mu ngabo zo mu ijuru, ndetse ingabo zimwe n'inyenyeri zimwe ribijugunya hasi rirabisiribanga. Nuko ririkuza ndetse ryireshyeshya n'umugaba w'ingabo, rimukuraho igitambo gihoraho kandi ubuturo bwera burasenyuka. Izo ngabo hamwe n'igitambo*

*gihoraho, bihānwa mu butware bwaryo ku bw'igicumuro.* ***Iby'ukuri ribijugunya hasi, rikajya ribasha ibyo rigambiriye****." Daniyeli 8:1-12*

Muri Daniyeli igice cya 8, tuhasanga ubuhanuzi Daniyeli yahawe ubwo yari ari mu iyerekwa, kandi ubwo buhanuzi bwari bwerekeye ku bwami bwagombaga kubaho hano ku isi n'uko buzagenda bukurikirana, bumwe busimbura ubundi mu kuyobora isi. Ntabwo turi burebe igice cya 8 cyose, ahubwo tugiye kurebera hamwe amagambo ari ku murongo wa 12 avuga ngo: "*Iby'ukuri ribijugunya hasi, rikajya ribasha ibyo rigambiriye.*"

Kugira ngo tumenye ubusobanuro nyabwo bw'aya magambo tugomba kubanza kumenya ihembe rivugwa ko ari ryo ryajugunye iby'ukuri hasi uko risobanurwa. Kuri iyi ngingo, nta kibazo na gito turi bugire kuko ubwo Daniyeli yari amaze kwerekwa ibyo bintu bikamuyobera, marayika Gaburiyeli yahawe itegeko ngo: "*Gaburiyeli we, sobanurira uwo muntu ibyo yeretswe*." Daniyeli 8:16. Mu gusobanurira Daniyeli ibyo yeretswe, marayika Gaburiyeli yaramubwiye ati:

"*Umva yewe mwana w'umuntu, ibyo weretswe ni iby'igihe cy'imperuka... Impfizi y'intama y'amahembe abiri wabonye, ni bo bami b'Abamedi n'Abaperesi. Kandi ya sekurume y'ihene y'igikomo ni umwami w'i Bugiriki, kandi ihembe rinini riri hagati y'amaso yayo ni we mwami wabo wa mbere. Kandi nk'uko ryavunitse mu cyimbo cyaryo hakamera andi mahembe ane, uko ni ko hazaba ubwami bune bukomoka muri ubwo bwoko, ariko buzaba budafite amaboko nk'ay'uwa mbere. Igihe ubwo bwami buzaba bwenda gushirira, abanyabyaha bamaze gukabya, umwami w'umunyamwaga umenya ibitamenyekana azima. Imbaraga ze zizaba zikomeye, ariko ntizizaba ari ize ubwe. Azarimbura bitangaje, azabasha ibyo yagambiriye, azarimbura abakomeye n'ubwoko bw'abera. Azagira*

*imigambi ituma abashishwa byose n'uburyarya, kandi azishyira hejuru mu mutima we, azarimbura benshi biraye ndetse azahaguruka kurwanya Umwami w'abami. Ariko azavunagurika nta wumukozeho.*"

Ubusobanuro Daniyeli yahawe na marayika, nta rujijo na ruto busiga mu bwenge bwacu, kuko yahawe ubusobanuro bwuzuye. Dukurikije ubusobanuro bwa marayika, hagombaga kubaho ubwami bw'Abamedi n'Abaperesi busimbuye ubwami bwa babuloni (Daniyeli 5:30,31), ubwo na bwo bugasimburwa n'ubwami bw'Ubugiriki; umwami wa mbere w'Ubugiriki agapfa agasimburwa n'abatware be bane bigabanije ubwami bw'ubugiriki, bukavamo ubwami bune ariko budakomeye nk'ubwa mbere; ubwo na bwo bugasimburwa n' "*umwami w'umunyamwaga umenya ibitamenyekana.*" Uwo na we "*azahaguruka kurwanya Umwami w'abami. Ariko azavunagurika nta wumukozeho.*"

Umwami wa mbere wategetse Ubugiriki nk'ubwami bwayoboraga isi, ni Alexandre le grand. Yapfuye mu mwaka wa 323 mbere y'ivuka rya Kristo; maze abagaba b'ingabo ze bane bigabanya ubwami bwe: Cassander (Kasanderi) yatwaye igice cy'I burengerazuba, Lysimachus (Lisimakusi) atwara igice cy'amajyaruguru, Seleucus (Selekusi) atwara igice cy'I burasirazuba, Ptolemy (Butolemi) atwara igice cy'amajyepfo. Ng'uko, uko ubuhanuzi bwo mu Ijambo ry'Imana bwerekeye ubwami bw'Ubugereki bwasohoye.

Mu iyerekwa rya Daniyeli, yabonye "*Kuri rimwe muri ayo hashamikaho agahembe gato karakura cyane, kaba rinini ryerekeye ikusi n'iburasirazuba n'igihugu gifite ubwiza.*" Ako gahembe kamaze kuba rinini, ni ryo hembe ryavuzweho ngo: "***Iby'ukuri ribijugunya hasi, rikajya ribasha ibyo rigambiriye***." Mbese iryo hembe ryakoze ibyo ni irihe? Mu gusobanura iryo hembe iryo ari

ryo, marayika yaravuze ati: “*Igihe ubwo bwami buzaba bwenda gushirira,… umwami w’umunyamwaga umenya ibitamenyekana azima.*” Biragaragara neza ko iryo hembe rishushanya ubwami bwasimbuye ubwami bw’Ubugiriki, kuko marayika yavuze ko iryo hembe rizaza mu mahenuka y’ubwami bw’Ubugiriki. Nta kwibeshya na gucye, ubwami bwa Roma (Roma ya gipagani na Roma ya gikristo) ni bwo bwasimbuye ubwami bw’Ubugiriki, kandi bwitwara nk’uko ubuhanuzi bwo mu Ijambo ry’Imana bwari bwaravuze.

Byagenze gute?

## Intangiriro

“Birasa naho abantu bamwe rukumbi bemera ko amateka y’isi yabayemo ubugambanyi bukomeye, ari bamwe bo muri twe babyize gusa. Mu gihe Franklin D. Roosevelt (perezida wa 32 wa Leta Zunze Ubumwe Za Amerika kuva 1933 - 1945) asa n’aho yakabije ubwo yavugaga ati: “Nta kintu kibaho muri politiki ari impanuka; iyo kibayeho mu buryo bumeze nk’aho ari impanuka, ni uko kiba cyateguwe muri ubwo buryo,” Carroll Quigley – wigishijje Bill Clinton muri kaminuza ya Georgetown – mu gitabo cye yise Tragedy and Hope (Intambara n’Ibyiringiro), yavuze ko (a) abantu benshi batuye isi bari mu butware bw’agatsiko gato kagenzura isi kandi ko (b) Quigley na we ari umwe mu bagize ako gatsiko.” *Rulers of evil. p.xiii*

“Igitekerezo cy’uko amashyaka abiri yo muri Leta Zunze Ubumwe Za Amerika aba ahagarariye ibitekerezo na politiki bihabanye, ndetse ahari, bamwe bakaba ku ruhande rw’iburyo abandi bakaba ku ruhande rw’ibumoso, ni igitekerezo cy’ubuswa cyemerwa gusa n’abigishijwe uburere mboneragihugu. Aho kuba gutyo, ayo mashyaka abiri agomba guhuza, kugira ngo abaturage

mu gihe cyo gutora bashyire ku ruhande icyo badashaka ariko ku buryo bidashobora kuvanaho gahunda ngengamikorere (policy) cyangwa gutera impinduka. Politiki zikomeye kandi za ngombwa kuri Amerika ntiziba zigishobora guhakanwa, ahubwo zigibwaho impaka gusa mu tuntu duto tuzigize, ku nzira zakoreshwa kugira ngo izo politiki zishyirwe mu bikorwa, ku bigomba kubanza, cyangwa uburyo bwakoreshwa." *Carroll Quigley, Tragedy and Hope, p.1247,1248 (Yabaye umwarimu w'uwahoze ari perezida wa Leta Zunze Ubumwe Za Amerika Bill Clinton muri Kaminuza y'Abajezuwite yo muri Amerika yitwa George Town University)*

"Ku muntu ureba ikirangantego cya Leta Zunze Ubumwe Za Amerika abyitayeho, ni ikirango gihagarariye Umurimo w'Icyaha. Ijambo ryavuzwe n'umujezuwite w'umuhanga mu bijyanye n'ubumenyi mu bya politiki witwa Michael Novak, rigashyirwa ahagaragara ku itariki 28/01/1989 mu kinyamakuru cy'abajezuwite bo muri Amerika mu ngingo yiswe 'Issue of America,' ribivuga neza mu buryo busobanutse ; yaravuze ati: 'Abashinze Leta Zunze Ubumwe Za Amerika bashakaga kubaka 'gahunda nshya' (novus ordo) izaha umudendezo n'ubutabera abantu bose… Ihame shingiro ry'iyi gahunda nshya (new order) ni icyaha cy'inyokomuntu. Kubaka igihugu kigenewe abanyabyaha, kuva ubwo, ni yo yabaye inshingano y'ingenzi… Ntacyo bimaze kubaka gahunda ngengamibanire y'abakiranutsi. Abakiranutsi bariho ni bake cyane. Kandi abo ntibishoboka kubana na bo !… Ku bw'iyo mpamvu, gahunda ngengamibanire yose ifite akamaro ni ishyiriweho rubanda nyamwinshi gusa, ari bo: abanyabyaha.'" *F. Tupper Saussy, Rulers of evil, p.224*

## Roma Itabonwa Nk'uko Iri

"Mu by'ukuri, mu gihe havugwaga cyane amakuru y'ikiswe "Holy Alliance" (Ubufatanye Butagatifu) hagati ya perezida Ronald

Reagan na papa Yohani Pawulo wa 2, mu mwaka w'1992 hashyizwe ahagaragara icyegeranyo kuri politiki ya Leta Zunze Ubumwe Za Amerika cyagaragaje ko nta cyiciro na kimwe cyo mu butegetsi bwa leta kitari kiyobowe n'umusenateri uturuka muri kiliziya gaturika y'I Roma." *Rulers of evil. p.2*

Nk'uko turi buze kubibona, hakurikijwe umugambi n'intego by'abajezuwite, ubu bamaze kwigarurira Leta Zunze Ubumwe za Amerika ku buryo bo ubwabo batanga ubuhamya bukurikira:

"Imyanzuro yo mu nama ya Vatikani ya 2, iha amabwiriza abanyapolitiki yo gukoresha imyanya bafite bagateza imbere umurimo n'imigambi bya kiliziya gaturika y'I Roma." *Rulers of evil. p.3*

"Inama ya Vatikani ya 2 kandi yongeye kwemeza ihame rya kiliziya gaturika ryo mu mwaka w'1302, ryashyizweho na papa Boniface wa 8 rigira riti: "Ni ingenzi cyane bidasubirwaho ko kugira ngo ikiremwamuntu kibone agakiza kigomba kuba munsi y'ubutware bwa papa w'I Roma."" *Rulers of evil. p.4*

## Kwisanisha N'aho Ugeze

"Abantu bacye ni bo bazi ko kiliziya gaturika y'I Roma muri Leta Zunze Ubumwe Za Amerika yemewe nka Leta.

Uburyo ibi byagezweho biratangaje. Agitangira kuyobora, perezida Ronald Reagan yatumiye Vatikani iyoborwa na papa, kugira ngo ifungure ambasade yayo bwa mbere I Washington D.C. Papa yamusubije amwemerera maze ambasade ya Vatikani ifungurwa ku mugaragaro ku itariki 10/01/1984.

Nyuma y'aho gato, hatanzwe ikirego mu rukiko rw'intarara ya Filadelifiya kirega perezida Reagan. Icyo kirego cyatanzwe n'Ihuriro ry'Abayahudi baba muri Amerika, Akanama gahuriweho

n'amatorero y'Ababatisita, Abadivantisiti b'Umunsi wa Karindwi, Inama y'igihugu y'amadini, Ishyirahamwe ry'Igihugu Ry'amatorero y'Ivugabutumwa, n'Ihuriro ry'Abanyamerika Baharanira Kutifatanya kw'Itorero na Leta. Ibirego byabo byari bigendereye gutuma urukiko rutangaza ko ubuyobozi bwanyuranije n'itegekonshinga mu kwemerera idini gaturika y'I Roma ibyo ayandi madini atemerewe.

Ku itariki 07/05/1985, ikirego cyateshejwe agaciro n'umucamanza mukuru John Fullam. Umucamanza Fullam yavuze ko inkiko z'intara zidafite ububasha bwo kwivanga mu "byemezo birebana na politiki y'ububanyi n'amahanga" by'urwego nshigwabikorwa. Musenyeri James W. Malone, perezida wa conference gaturika muri Amerika yashimye icyemezo cy'umucamanza Fullam. Ikirego cyarongeye kiratangwa. Aho bari bagitanze baracyanga, bavuga ko "umwanya wihariye kiliziya gaturika y'I Roma ifite ku butaka bwigenga igenzura (Vatikani) buyiha amahirwe andi amadini adashobora kubona." Ibiro bihagarariye papa muri Amerika, bimuha uburyo bwo kugenzurira hafi guverinoma ya Leta Zunze Ubumwe Za Amerika – "politiki y'igihugu" – nk'uko iyoborwa hakoreshejwe abayobozi bakorera kiliziya gaturika. (Umwe muri abo ni umucamanza Fullam, ari na cyo abatanze ikirego batamenye)

Ubu buryo bwo kugenzura ibintu ni na bwo bwakoreshwaga na Roma ya gipagani. Abakoreraga abaturage bari abatambyi b'ibigirwamana bitandukanye n'ibigirwamanakazi. Nk'urugero, ibijyanye n'amafaranga byayoborwaga n'abatambyi b'ikigirwamanakazi cyitwa Moneta. Abatambyi b'ikigirwamana cyitwa Dionysus bayoboraga ibijyanye n'ibishushanyo mbonera by'imyubakire hamwe n'amarimbi, mu gihe abatambyi b'ikigirwamana Justitia ari bo bategekaga inkiko. Amagana

y'imiryango y'abatambyi b'ibigirwamana, yari izwi nk'ibigo byeguriwe imana (z'abaroma), ni yo yayoboraga ibiro bitandukanye by'ubutegetsi, uhereye ku bucamanza ukageza ku bijyanye n'imyubakire, gusukura, gusana ibiraro (nta kiraro cyashoboraga kubakwa hadatanzwe uburenganzira buvuye ku muyobozi wa Roma *Pontifex Maximus*[1]), inyubako, insengero, inzu z'ibitabashwa, aho kogera bidagadura (baths), imiyoboro y'amazi y'imyanda, ibyambu, imihanda minini, inkuta nini zirinda imijyi, no kugena imbibe z'amasambu.

Abatambyi (b'ibigirwamana) bayoboraga imirimo yo gutunganya inzira z'abanyamaguru no gusana imihanda, ni bo bagenzuraga ingengabihe n'uburezi by'urubyiruko. Abatambyi (b'ibigirwamana) ni bo bagenaga agaciro n'ingano by'amafaranga. Abatambyi (b'ibigirwamana) bizihizaga kandi bagata ibyangombwa by'amavuko, bakayobora umubatizo (wo mu iyobokamana ryabo), ubugimbi n'ubwangavu, bakayobora gahunda zo kweza abantu, kwicuza ibyaha, ibyo gushyingirwa, ibyo gutandukana kw'abashakanye (divorce), iby'abapfuye, ibyo gushyingura, ibyo gucibwa (excommunication), guhindura uwapfuye umuntu ushobora kwambazwa (canonization), gushyira umuntu ku rwego rw'imana (deification), gushyira abana batagira ababyeyi mu miryango (adoption), kuzamura umuntu mu ntera y'icyiciro cy'ubuzima. Abatambyi (b'ibigirwamana) bayoboraga amasomero, inzu ndangamurajye, bakagenzura ubutaka n'ubutunzi byeguriwe imana zabo. Abatambyi (b'ibigirwamana) bandikaga amazina y'ibihangano n'ibimenyetso (trademarks and symbols). Abatambyi (b'ibigirwamana) bari bashinzwe amateraniro yo gusenga, bakayobora ibirori, imikino, imyidagaduro. Abatambyi (b'ibigirwamana) bandikaga amasezerano ahesha uburenganzira

[1] Pontifex Maximus: Ni izina ry'abategetsi bayobora Roma, ryatangiye gukoreshwa n'umwami wa Roma Julius Caesar muri 48 Mbere ya Kristo. Ubu iryo zina ni papa uryitwa kuko ari we uyobora Roma. *Rulers of evil, p.6*

ku mutungo, amasezerano y'umurajye, n'amasezerano yo guhererekanya ibintu.

Mu kinyejana cya kane, kimwe cya kabiri cy'ubutaka na kimwe cya kane cy'abaturage b'ubwami bwa Roma byari bifitwe n'abatambyi b'ibigirwamana. Ubwo umwami w'abami Constantine na sena ye bemeraga ubukristo nk'idini ryemewe ry'ubwami bwose, impinduka zabaye ntaho zihuriye n'izimpinduramatwara. Ubutunzi bwa babatambyi b'ibigirwamana bwahise bwitwa ko bubaye ubw'itorero rya gikristo, n'abo batambyi bavuga gusa ko babaye abakristo. Ubuyobozi bwakomerejeho nta guhagarara cyangwa guhinduka. Ibigirwamana n'ibigirwamanakazi bya gipagani byahawe amazina meza afitanye isano n'ubukristo. Igishushanyo cyari hejuru y'ingoro "y'ikigirwamanakazi cy'uburumbuke cyitwa Cybele n'ibindi bigirwamana," cyitiriwe "Bikiramariya n'abatagatifu bose." Ingoro y'ikirwamana cyitwa Apollo yahindutse urusengero rwa mutagatifu Apollinaris. Ingoro y'ikigirwamana cya Mars yitiriwe uwahowe Imana mutagatifu Martina.

Ibishushanyo by'ikigirwamana Apollo byababaga bizegurutswe n'uruziga rw'umucyo byiswe ko ari Yesu, maze imisaraba y'ibigirwamana Bacchus na Tammuz byemewe hose nk'ibigaragaza ukubambwa [kwa Yesu]. Papa Leo wa 1 yatangaje ko "mutagatifu Petero na mutagatifu pawulo" basimbuye Romulus na Remis nk'abarinzi ba Rome. Iminsi mikuru ya gipagani na yo, yitiriwe ubukristo. Itariki 25 Ukuboza – ari yo yizihizwagaho ivuka ry'ibigirwamana bitandukanye, birimo nka Saturn, Jupiter, Tammuz, Bacchus, Osiris, Mithras – byavuzwe ko ari yo tariki Yesu yavutseho, kandi n'imihango yagendanaga na wo kunywa bakishimisha bagatanga n'impano, iza guhindurwamo Noheri.

Guhindagura ukuri n'Ibyanditswe Byera kugira ngo babone uko bashyira buri kiremwamuntu cyose munsi y'ubutware bw'umutegetsi w'I Roma ni byo bita "Missionary Adaptation." (Kwisanisha n'aho ugeze). Ibi bisobanurwa nko guhindura amahame y'ivugabutumwa ukayahuza n'iby'umuco w'aho ugeze ugusaba, kugira ngo ibyo ubupapa bwifuza bigerweho bitagonganye n'imitekerereze n'imikorere by'abantu kugira ngo birinde impagarara zitari ngombwa.

Ubwo ni na bwo buryo Roma yakoresheje ku butegetsi bw'abaturage ba Leta Zunze Ubumwe Za Amerika, ku buryo badashobora gutekerteza ko Amerika iyoborwa na sisiteme y'ubugaturika. Ariko kandi urebye amazina y'abayoboye Leta Zunze Ubumwe Za Amerika uhita ubona ko ari ko bimeze.

Ariko hejuru y'ibyo byose, imbogamizi ikomeye kuri uku kwisanisha n'imico y'abo basanze – yari *Ibyanditswe Byera – ni ukuvuga, Isezerano Rya Kera n'Isezerano Rishya, bizwi nka Bibiliya Yera*. Hafi y'igihe cyose Roma yamaze iyoborwa n'ubupapa, habayeho urwango rukomeye hagati y'abapapa na Bibiliya, ari bo bavugaga ko bahagarariye abemera Bibiliya.

## Kurwanya Bibiliya

Buri muryango mugari wose w'abantu (society) uba ufite icyo twakwita ibyanditswe byera. Ibyanditswe byera bya ba Kayisari b'I Roma byari ubuhanuzi hamwe n'amabwiriza y'imihango byari bikubiye mu buhanuzi icumi bwari bwarahanuwe n'abahanuzikazi b'ibigirwamana byabo (Sibyllines) hamwe n'igitabo cyitwa Aeneid (soma eniyedi) cyanditswe n'umusizi w'umuromani witwa Virgil.

Izo nyandiko (Sibyllines na Aeneid) zabaga zemerewe gusomwa n'abatambyi b'ibigirwamana bonyine n'abandi bantu bacye bo mu bakomeye. Abaturage bamenyaga ibyabaga bikubiye

muri izo nyandiko ari uko abo batambyi bamanutse bakabibabwira. Ubwo Isezerano Rya Kera n'Isezerano Rishya byemerwaga nk'Ibyanditswe Byera by'ubwami bwa Roma, na byo, byeguriwe abihaye Imana bonyine. Hanyuma, hakurikijwe umugenzo w'I Roma, abaturage bamenyaga ibyanditswe muri Bibiliya ari uko babibwiwe nk'ubwiru bugenewe abihaye Imana ari na bo babibabwiraga gusa. Ibi byakorwaga bityo, kubwo kurengera [icyo bitaga] ubwami butagatifu bwa Roma. Kuko iyo abaturage baramuka bagize ubumenyi bwa Bibiliya, bari kuvumbura ko *Pontifex Maximus* (ni yo title ifitwe na papa nk'umuyobozi wa Roma) atari umuyobozi wemewe wa gikristo. Mu kumenya ibyo, ntibari kuba bacyongeye gupfukamira ubutware bwe. Ubwami bwashoboraga kugwa. Ku bw'iyo mpamvu itorero gaturika ry'I Roma ryisanze rigomba kuvanaho kwiga no gusoma Bibiliya.

Ariko kandi, mu duce dutanduka, aho Roma yatwaraga hari amatsinda anyanyagiye y'abakristo bari bararinze Ibyanditswe Byera babikomoye ku itorero rya mbere [ry'intumwa]. Kuri abo bakristo Bibiliya yatangaga irarika rihoraho ryo gusabana n'Umuremyi w'isanzure. Babeshwagaho n'ibyanditswe Roma yari ifitiye ishyari. Mu kinyejana cya 13, ayo matsinda yariyongereye ku buryo papa Geregori wa 9 yatangaje ko kwiga Bibiliya utabiherewe uruhushya ari ubuhakanyi. Nyuma yaje guca iteka rivuga ko: "ari inshingano za buri mugaturika wese gutoteza abahakanyi." Mu rwego rwo kugenzura uko iryo totezwa rigomba gukorwa, yashyizeho urukiko rwa papa ruburanisha abahakanyi (inquisition)…. Buri rubanza rwose rwaburanishwaga, igihano cyabaga ari ukwicwa.

## Gutangira Umurimo Kw'Abajezuwite

Ijambo "Abaporotesitanti" ryakoreshejwe bwa mbere mu mwaka w'1529 ryerekeza ku mubare munini w'ibikomangoma

by'imigi 14, (myinshi muri yo yari iyo mu Budage), byanze icyemezo cy'umwami w'abami Charles Habsburg washakaga kubahatira kwemera "Iteka Ry'I Worms" (ryari iteka ry'umwami ryo guca Martin Luther rikanateganya ibihano nk'ibyo k'umuntu wese uzamufasha cyngwa uzamushyigikira ryashyizwe ahagaragara kuwa 21/05/12521). Iri teka kandi ryategekaga imigi 300 yayoborwaga n'ibikomangoma kuyoboka idini Gaturika ry'I roma. Ibyo bikomangoma byararyanze, ahubwo bisaba ko mu mwanya waryo bizajya bigendera ku nyandiko y'ukwizera kwa Luteri izwi nka "Augsburg Confession" (Guhamya Ukwizera kw'I Augsburg)

Iteka ry'I Worms n'inyandiko y'ukwizera kwa Luteri byatumye abagaturika n'abaporotesitanti bamara imyaka 15 barebana ay'ingwe. Hanyuma kuwa 13/12/1545, papa Pawulo wa 3 ahamagaza impande zombie mu nama yabereye mu mugi wavugaga ikidage wo mu majyaruguru y'ubutaliyani witwa Trent. Yabasezeranije gukemura ibibazo mu nzira y'amahoro mu nama mpuzamadini.

Hashize amezi 4 mbere y'uko inama y'I Trent itangira imirimo yayo, maze habanza gucibwa iteka rivuga ko ibitabo na Bibiliya byahinduwe na Luteri, LeFevre, Zwingli, Calvin, n'abandi bantu "batemewe," byose uko byakabaye byari bibujijwe gukoreshwa n'umuntu wese, kubera ko kubisoma byatezaga akaga gakomeye.

Maze abajezuwite batangira umurimo wabo…. (bari bamaze gusa imyaka 11 bashinzwe na Ignace de Loyola, bamaze n'imyaka 5 bemewe na papa Pawulo wa 3 gukorera kiliziya gaturika) - {*Rulers of evil, p.55,56* (*Abatware b'ikibi*)} [Zari ingabo zambaye umwambaro w'idini zahamagajwe na kiliziya gaturika kugira ngo barwanye ubuporotesitanti aho buboneka hose].

## Kubungabunga Imyemerere Ya Kiliziya Gaturika

Mu nama y'i Trent, nta cyajyaga guhagarika abajezuwite kuba ari bo bagirwa abigisha b'Uburayi. Bakoresheje amafaranga y'abami, ayavaga mu bucuruzi, hamwe n'ayatangwaga na kiliziya gaturika, abajezuwite bubatse sisiteme y'uburezi yagutse cyane n'ibigo by'amashuri. Nta mafaranga y'ishuri bakaga, ariko buri munyeshuri wese w'umuhanga yarasuzumwaga ngo harebwe niba afite ibyagombwa byafasha abajezuwite baramutse bamukoresheje. … kuva ubwo umurimo w'ibanze w'abajezuwiti wabaye uwo kwigisha…. Mu mwaka w'1556, bitatu bya kane by'abajezuwite boherejwe mu bigo 46 by'abajezuwite kugira ngo bashyire mu bikorwa gahunda yiswe «Kurwanya kwiga ukoreshe kwiga» (Learning against Learning); iyo gahunda yari igamije kuvana amahame y'ukuri kw'Ibyanditswe mu bwenge hakoreshejwe kwiga amasomo y'ubuhanga bugezweho. Mu mwaka w'1749, ibyo bigo byari bimaze kugera kuri 669, n'amaseminari 176, n'amazu 61 yo kwigiramo, na kaminuza 24, byose byagenzurwaga n'abajezuwite.

Imiryango myinshi y'abaporotesitanti bohereje abana babo mu mashuri y'abajezuwite, nubwo Maritini Luteri yari yarababuriye mu mwaka w'1520, avuga ko «niba amashuri adashishikarira kwigisha no kumenyereza urubyiruko rw 'abanyeshuri Ibyanditswe Byera, ayo mashuri azaba imiryango migari yo kujyana abantu i Gihenomu.» Gahunda ngenderwaho (program) yo mu mashuri y'abajezuwiti (yitwaga ratio studiorum mu kilatini), yatumaga Ibyanditswe bititabwaho ku buryo bugaragara. Igice cya 4, ku ngingo ya 351 y'itegekonshinga ry'abajezuwite ryashyizweho na Ignace de Loyola, igaragaza amasomo agomba kwitabwaho: «inyandiko z'abantu mu ndimi zitandukanye, indimi, imitekerereze yo gushyira mu gaciro (logic), Imitekerereze ihanitse y'abantu (philosophy), amasomo y'amahame agenga ibintu

ndengakamere (metaphysics), iyobokamana rihuza imitekerereze y'abahanga no kwizera kwa gikristo (scholastic theology), n'Ibyanditswe Byera. Kwigisho ayo masomo byagombaga kubazinira umusaruro bifuzaga. Birasa nkaho kwigana imbaraga isomo runaka muri ayo, byaterwaga n'icyo Uwiteka yabaga ashaka kuko ni We ugenzura byose. Ingingo ya 366 muri rya tegekonshinga, ku bw'imbabazi z'Imana yemeraga ko Ibyanditswe Byera byigwa. Abanyeshuri bose bagombaga kwiga ikilatini…[mbere y'uko biga andi masomo]. Ibyanditswe Byera byigirwaga hamwe n'ikilatini cyangwa bikigwa nyuma. Nubwo Ibyanditswe byagombaga kwigwa, ubusobanuro bw'abaporotesitanti ntibwagombaga na gato guhabwa agaciro.

Dr James J. Walsh, wari umuyobozi ushinzwe abanyeshuri muri kaminuza y'ubuvuzi ya Fordham yaranditse ati: «Gahunda ngenderwaho (program) yo mu mashuri y'abajezuwite yaje kwemerwa ku rugero rwo hejuru nka gahunda ngenderwaho y'amashuri y'i Burayi muri rusange.» Nanone kandi Dr Walsh yaravuze ati:

> Ababyeyi bacu bashinze Repubulika ya Amerika, ni ukuvuga itsinda ry'abantu banditse bakanasinya itangazo ry'ubwingenge, bakayobora impinduramatwara ya Amerika, kandi bakanandika itegekonshinga rya Leta Zunze Ubumwe Za Amerika… abenshi muri bo, bari barize mu mashuri y'abakoloni cya ngwa ayandi nka yo yo hanze y'igihugu… yakurikizaga… gahunda ngenderwa y'imyigishirize y'abajezuwite (ratio studiorum). Ibi ni ibintu abantu batigeze bitaho mu mateka yacu y'uburezi bw'Amerika.

Muri gahunda ngenderwaho y'abajezuwiti (ratio studiorum) hari hakubiyemo ibintu nk'imyidagaduro (entertainment), guhimba amakinamico (dramatic production), kwandika inkuru (composition), gutegura imbwirwaruhame (rhetoric), no kumenya kuvuga neza (eloquence). Ayo masomo yafatanywaga n'imyitozo yahimbwe na Ignace de Loyola yitwa «imyitozo ya roho» (spiritual exercises[2]) kugira ngo babashe gushimangira amahame ya kiliziya gaturika mu banyeshuri, agire imbaraga kuruta Ibyanditswe byera n'amahame ya Giporotesitanti. Byaje kubyara gahunda z'imyidagaduro yigaruriye abantu cyane yari izwi nka «Jesuit Theatre». {*Rulers of evil, p.65,66* (*Abatware b'ikibi*)}

[kimwe mu bintu bikomeye byakoreshejwe n'abajezuwite mu kwigarurira imitima y'abantu, ni filime]. Imwe muri filime za mbere zigaruriye ibitekerezo by'imbaga nyamwinshi muri Amerika ni iyitwa "Cowboy" – yari igihangano cy'abajezuwite. Eusebio Kino, umwe mu bakorewe ibibumbano bihagarariye leta ya Arizona mu nzu y'inteko ishingamategeko ya Amerika, yari umwarimu w'umujezuwite mu ishuri rikuru ryo mu Budage ryitwa Ingolstadt ryo mu ntara ya Bavaria. Hagati y'umwaka w'1687 n'1711 Kino yatangije ubworozi bw'amatungo magufi muri Leta ya Arizona imwe mu zigize Leta Zunze Ubumwe Za Amerika. Ku bw'iyo mpamvu yibukwa nk' "Umubyeyi w'ubworozi bw'amatungo magufi." Mu gutekereza ku bikorwa bya Kircher[3] na Kino, tubona ikintu gitangaje: "Kino Cowboys," mu buryo yerekwaga abantu, yaranduye amahame y'ibyanditswe mu bantu bose bahururiga kuyireba ibacengezamo ubutumwa bw'abajezuwite n'iyobokamana rya kiliziya gaturika y'I Roma – bivuga ko kumenya no kumvira Ibyanditswe Byera atari ngombwa mu gusobanukirwa inzira z'ikiza

[2] Imyitozo ya roho (spiritual exercises): Ni uburyo bwahimbwe na Ignace de Loyola, aho umuntu yitegereza ikintu cyangwa akagitekerezaho cyane kugeza ubwo agira amayerekwa.

[3] Athenasius Kircher (1602-1680): Ni umujezuwite wahimbye isakazamajwi, n'igiterezo cya cyo gukora kamera zifata amashusho.

n'ikibi, cyangwa mu gukora ibikwiriye umuntu akurikije amategeko karemano.

Gukoresha filime na radio mu guhuza abakorerabushake b'abagaturika n'abayobozi ba Roma yari intego nyamukuru ya gahunda yiswe "Igikorwa Gaturika." Iyo gahunda yafunguwe ku mugaragaro mu mwaka w'1922 na papa Piyo wa 11, wari ufite abo yaturiraga ibyaha (confessors) babiri, ari bo padiri Alissiardi na padiri Celebrano, bombi b'abajezuwiti. Papa Piyo wa 11, ni we mupapa wa mbere washinze radio ya Vatikani mu mwaka w'1931, anashyiraho ibiro by'igihugu bishinzwe kugenzura amafilimi mu mwaka w'1922…

Nyuma y'intambara ya 2 y'isi, mu kwezi kwa cyenda 1957, papa Yohani wa 23 yahaye izo gahunda z'imyidagaduro y'abajezuwite indi ntera ikomeye mu rwandiko yandikiye abasenyeri bose rwitwa "*Miranda prorsus*" (Kureba imbere), aho yagize ati:

> Abantu bagomba kugezwa aho buri wese asabana na mugenzi we. Ibitekerezo byabo bigomba kwerekezwa ku mibanire y'abantu. Tekinike z'ubugeni (filime, radio, na televiziyo) zishobora kugera kuri iyi ntego mu buryo bworoshye kuruta ijambo ryanditse. Kiliziya Gaturika yifuza cyane ko ubwo buryo bwakoreshwa mu gukwirakwiza no guteza imbere buri kintu cyose gishobora kwitwa kiza. Bitewe n'uko kiliziya igomba guhuriza hamwe umuryango w'abantu wose, nk'uko ibikora, mu murimo wayo yahawe n'ijuru, irebwa mu buryo butaziguye n'iterambere ry'abantu bose.

Papa Yohani wa 23 yasabye ko ibiro by'igihugu bishinzwe kunzura amafilimi byashinzwe na papa Piyo wa 11:

Byashingwa abantu bafite ubunararibonye mu byo gukora amafilimi, isakazamajwi (soumd broadcasting), na televiziyo, bakayoborwa n'umupadiri utoranywa mu buryo bwihariye n'abasenyeri… kandi turanasaba ko abarwanashyaka b'indahemuka ku murimo wa gahunda y'Igikorwa Gaturika [abajezuwite n'abo bakorana], bakwigishwa uko bikwiriye, ku buryo bishimira gutera inkunga ibyo biro bishinzwe kugenzura filime, n'ubushake bwabo kandi bashyize hamwe.

Mu mwaka w'1964, papa Pawulo wa 6 yashimangiye neza urwandiko rwa papa Yohani wa 23 n'iteka ryiswe "*Inter mirifica*" (Mu bintu bitangaje), aho yavuze ati: "Ni uburenganzira kavukire bwa kiliziya gukoresha no kwigarurira… itangazamakuru, sinema, radio, televiziyo n'ibindi bimeze nka byo." Yakomeje agira ati:

Inshingano ikomeye ku gukoresha neza uburyo bwo guhuza imbaga nyamwinshi iri ku banyamakuru, abanditsi, abakinnyi ba filime, abahimbyi, abakora filime n'indirimbo (producers), abashinzwe imurikabikorwa (exhibitors), abashinzwe gukwirakwiza ibintu (distributors), abayobora ibikorwa, abacuruzi, abanenga – abo bose, mu ijambo rimwe, bafitanye isano no gukora no gusakaza amakuru mu buryo ubwo ari bwo bwose… Bafite ububasha bwo kuyobora inyokomuntu mu nzira nziza cyangwa mu nzira mbi bakoresheje amakuru batangaza n'igitutu bashyira ku bantu. Bizaba ngombwa ko bagenzura ubukungu, politiki, n'indangagaciro z'ubugeni mu buryo butabangamira ikiza gihuriweho na benshi…

Imiterere y'ubutumwa bugomba kuba mu myidagaduro yavuzweho muri kimwe mu bice by'iteka rya papa Pawulo wa 6 ko bugomba kerekeza abantu ku "ibyabyeho, kugaragaza ikibi hifashishijwe ubwo buryo nkoranyambaga hakongerwamo n'amakabyankuru akwiriye, kugira ngo bifashe mu gusesengura imiterere y'umuntu, no gufasha mu kugaragaza ikiza n'ikibi mu buryo bwabyo buhebuje." Batewe umwete n'iryo teka, abayobora gahunda nkoranyambaga kuva mu mwaka w'1965 batangiye gushyira imbaraga mu gushaka ko itegekonshinga ryashyigikira ihame ryo "kuvuga icyo ushaka" ku buryo byajyaga kubashoboza kuvuga ibyabayeho kera, kugaragaza uko ibintu bimeze, no kwerekana ikibi mu buryo buteye imbere, bufite imbaraga zo kwigarurira abantu, kubyutsa iruba, no gukurura abantu, nk'uko tubona bimeze muri iki gihe, aho imyidagaduro yahindutse nk'ikoranabuhanga ryereka abantu uko bakora ibibi. Biragaragara neza ko bitayobora abantu ku kwishimira Ibyanditswe Byera. Ibi ni ibintu bigaragaza imyidagaduro yo muri iyi minsi nk'intsinzi y'umurimo w'abajezuwite. {*Rulers of evil, p.70-73* (*Abatware b'ikibi*)}

[Kimwe mu bihangano bya filime byigaruriye imbaga y'abakristo, by'umwihariko abaporotesitanti, ni filime yakozwe na Mel Gibson yitwa «The Passion of The Christ» iyo benshi bita filime ya Yesu. (ariko ntabwo ari yo yonyine yakinnye ku buzima bwa Yesu, hari n'izindi). Muri iyo filime, cya gisambo kihannye kigaragara cyambaye mu ijosi ikintu kimeze nk'umudari utukura ukoreshwa muri kiliziya gaturika, wo kugihesha uburenganzira bwo kuvuganirwa na Bikiramariya kikajya mu ijuru kitanyuze muri purigatori. Urugendo bakora berekeye aho Yesu n'ibyo bisambo babambwe, rukurikiza neza umuhango w'Inzira y'Umusaraba wo muri Kiliziya Gaturika n'amibukiro 5 y'ishavu ya rozari.] {Byakuwe

mu kigisho cya Prof. Walter J. Veith kitwa From Crete To Malta, part 3 (Kuva i Kereti ujya i Melita, igice cya 3)}

«Mel Gibson yabwiye ikinyamakuru gisohoka kuri interinete kitwa «Christianity Today» (Ubukristo b'iki gihe), amagambo akurikira: «Natangajwe cyane n'uburyo abaporotesitanti bo mu matorero y'ivugabutumwa bakiriye iyi filime nta kuzuyaza, kurusha irindi tsinda ryose ry'abakristo. Ikintu gituma birushaho kuntangaza ni uko iyi filime yerereza Bikiramariya cyane… uwo Mel Gibson avuga ko afatanije na Kristo umurimo w'ubuhuza n'uwo gucungura.» (David Neff. «Mel, Mary, and Mothers,» christianitytoday.com, 20/02/2004)







Nyuma y'imyaka 400 sisiteme y'uburezi bw'abajezuwite itangiye, bari bamaze gusohora abanyeshuri bakomeye muri gahunda zose z'uburezi bwashyizweho n'abajezuwite. Umuntu

wafatwaga nk'uwize yabaga ari umuntu ufite ubumenyi mu bintu bitandukanye by'isi, ugendana n'ibigezweho mu by'imyidagaduro, kandi akaba atita ku Byanditswe Byera. Gusohora abanyeshuri bafite ibyo sisiteme y'uburezi y'abajezuwite isaba ni yo yabaye intego y'uburezi bwo muri iki gihe, batitaye ku kiguzi kiremereye cyo kudaha agaciro Ibyanditswe Byera, (nk'uko Luteri yabitanzemo umuburo, kandi bigashimangirwa n'ubwicanyi bwabereye I Columbine muri Amerika mu 1999, ayo mashuri yamaze guhinduka "imiryango migari y'I Gihenomu"). Gahunda y'abajezuwite y'imyidagaduro (Jesuit theatre) n'imyitozo ya roho, mu itangira ryabyo byari bigendereye kuzana abantu bose munsi y'ubutware bwa papa binyuze mu kwigarurira amarangamutima yabo. Ibi ni byo bikorwa ubu binyuze mu kwigaragaza kuzuye kw'imbuga nkoranyambaga zo muri iki gihe (Facebook, Whatsapp, Twitter, Instagram, n'izindi).

Umugambi ukomeye wo kurwanya Ibyanditswe wanashyizwe mu bikorwa hakoreshejwe guca intege amasomo amwe afite aho ahuriye n'urufatiro rw'Ibyanditswe Byera: nk'indimi, ubumenyi, n'amateka. Ubushakashatsi bwakozwe n'Ishyirahamwe Ry'Igihugu Ry'Abize (scholars) ryo muri Leta Zunze Ubumwe Za Amerika hamwe n'Icyegeranyo cy'umwaka kigaragaza uko amashuri yo muri Amerika akurikirana (World Report's annual listing of "America's Best Colleges") (yaba amashuri yigenga cyangwa aya leta), bagaragaje imibare iteye inkeke. Mu mwaka w'1914, hafi amashuri yose yasabaga ko abayigamo bagomba kwiga icyongereza; bigeze mu mu 1964 imibare yerekanaga ko 86% by'amashuri ari yo yasabaga abayigamo ko bagomba kwiga icyongereza; mu 1996 yari 36%. Mu 1914, 82% by'amashuri akomeye na za kaminuza byasabaga ababyigamo ko bagomba kwiga imibare; mu 1964 byari bigeze ku kigero cya 36% gusa; mu 1996 byari biri ku kigero cya 12%. Mu 1914, 1939 no mu 1964, hejuru ya 70% by'amashuri

yasabaga byibura isomo rimwe mu masomo y'ubumenyi kamere (natural sciences); uwo mubare wagiye hasi ugera kuri 34% mu 1996. Mu 1914, 75% y'ibigo by'amashuri byasabaga ko abanyeshuri bagomba kwiga indimi, mu 1939 no 1964 biba 50%. Uyu munsi, nta kigo na kimwe mu bigo by'amashuri bikomeye rigisaba ko abanyeshuri bagomba kwiga indimi. Ibigo by'amashuri byinshi byo muri iki gihe biri gusohora abanyeshuri bafite ubumenyi buke bw'amateka cyangwa batabufite na gato. Mu 1914, 90% by'amashuri y'ikitegererezo muri Amerika yasabaga ko abanyeshuri bagomba kwiga amateka; mu 1939 no mu 1964, 50% by'ayo mashuri yarabisabaga; bigeze mu 1996, ishuri rimwe gusa mu mashuri 50 akomeye ni ryo ryasabaga ko abanyeshuri biga amateka. Ahari mu minsi izaza, birashoboka ko abanyamateka bazaba bariho, ari abayakunda gusa bazaba bariyiyigishije, babandi bagenzura ahahise kugira ngo basobanukirwe n'igihe bagezemo, kandi batagubwa gitumo n'ahazaza hagasanga batiteguye.

Imyumvire ya Amerika yamaze kwigarurirwa n'abarwanashyaka ba kiliziya gaturika (abajezuwite), mu gihe iminsi yumva igasobanukirwa n'akaga umuntu arimo isa n'iyamaze gucibwa. Umugabane munini w'ibinyura mu bitangazamakuru, yaba televiziyo, radiyo, ibinyamakuru, filime, aho bakorera ibirori (stage), cyangwa interinete, byose bikurikiza umurongo ngenderwaho wo kwigisha abantu washyizweho n'abajezuwite (ratio studiorum). Ibigo by'abajezuwite ntibikiri ibigo bisaba uruhushya rwo gutangira gukora; ahubwo byahindutse nk'umugabane ugize ubuzima bwacu bwa buri munsi, binyuze mu mafilime, ahacururizwa ibintu bitandukanye, ibigo by'amashuri, ingo zacu, n'ibiterezo byacu, [byose bigendera ku murongo washyizweho n'abajezuwite maze ugakurikirwa n'abantu benshi, baba babizi cyangwa batabizi]. Imibereho y'ikiremwamuntu yahindutse nk'imyitozo ya roho, abantu bakoreshwa n'abayobozi

b’amadini, bazi kugenza amarangamutima y’abantu uko bashaka. {*Rulers of evil, p.73-74* (*Abatware b’ikibi*)}

# ABAJEZUWITE

*[Amagambo akurikiyeho, kuva ku kadirishya (#) kugeza ku kandi, aboneka mu cyigisho cya mbere cyo mu gitabo kitwa “Vatican Assassins” bisobanura “Abicanyi b’I Vatikani” cyanditswe na Eric Jon Phelps. Ibyo twahinduye mu kinywarwanda ni ibiri kuri paje 88-90, 90-95, 97-107]*

## I. UMUGAMBI W’ABAJEZUWITE N’INDAHIRO YABO

#Umugambi w’itsinda ry’abajezuwite, ryashinzwe na Ignace de Loyola mu mwaka w’1534 rikemererwa gukorera muri kiliziya gaturika na Papa Pawulo wa 3 ku itariki 27/09/1540, abihamishije iteka yise “*Regimini militantis Ecclesiae*” bisobanura “Ubuyobozi bw’itorero riri ku rugamba,” ni ukurimbura buri kintu cyose kiranga umugambi ukomeye w’Uwiteka w’Ubugorozi bwa Giporotesitanti bwatangijwe na Maritini Luteri mu mwaka w’1517. Uwo murimo abajezuwite bawita “The Counter-Reformation” bisobanura “Ikumirabugorozi.”

Mu gushaka kurimbura Ubugorozi bwa Giporotesitanti, Abajezuwite Babyiyeguriye (The professed Jesuits), nyuma y’imyaka cumi n’itanu bari mu ishuri n’imyaka mirongo itatu n’umwe bakorera umuryango wabo, biyeguriye ubwabo gukorera uwo muryango babihamishije indahiro izwi nk’“Isezerano rya Kane.” Mu by’ukuri, Abajezuwite benshi ntabwo baba bari muri uru rwego rw’abitwa “The Professed Jesuits” (ni ukuvuga Abajezuwite Babyiyeguriye), bityo ntabwo baba barigeze binjizwa mu buryo bwuzuye mu bibi by’uyu muryango (bamenyaho igice).

Juan de Palafox, wari Musenyeri wa Los Angeles, Mexico, mu ibaruwa yandikiye Papa Innocent wa 10 mu mwaka w'1647, yaranditse ati:

"Ariko Abajezuwite bonyine, bihisha mu mwijima babishaka, kandi uwo mwijima ntabwo abalayiki bemerewe na gato kuwinjiramo, ndetse uwo mwambaro ubatwikiriye nta nubwo ukingurirwa benshi mu bagize uwo muryango w'Abajezuwite. Hari umubare munini w'Abajezuwite bakoze amasezerano atatu, ariko batigeze bakora Isezerano Rya Kane, bityo bakaba badashobora kwigishwa mu buryo bwuzuye ibirebana n'amahame yabo nyakuri, inzego zigize uwo muryango n'ibyo abagize uwo muryango bemerewe gukora byose; iri banga, ku rundi ruhande, nk'uko ubizi Nyirubutungane, rizwi n'umubare muto, kandi ikindi cyose gifite umwihariko kimenywa gusa n'Abayobozi bo hejuru hamwe n'Umujenerali [uyobora abajezuwite]." *The Black Pope*, p. 474

Ku bijyanye n'Isezerano rya kane, rikorwa n'abatarenze kabiri ku ijana (2%) by'abajezuwite, umubikira witwa M. F. Cusack mu gitabo yanditse mu mwaka w'1896 cyitwa "The Black Pope" (bisobanura Papa Wirabura) yanditse amagambo akurikira:

"Umujezuwite ntiyemerewe gukora isezerano rya nyuma ryuzuza ayandi [*Indahiro y'Ikirenga y'Isezerano rya Kane*] ataruzuza imyaka mirongo ine n'itanu y'ubukuru. Ku bw'iyo mpamvu hariho abajezuwite bacye gusa bari kuri urwo rwego muri uwo muryango (The Professed Jesuits) … Kugira ngo akore Isezerano rya Kane umujezuwite agomba kuba amaze imyaka mirongo itatu n'umwe muri uwo muryango, bityo umujezuwite utarinjiye muri uwo muryango (novitiate) akiri muto, agomba kuba arengeje cyane imyaka ijyenwe mbere y'uko akora isezerano rya nyuma. Naho ubundi, mbere y'uko icyo gihe kigera aba ari inkoreragahato y'umuyobozi we (Superior General), ushobora

kumukuraho abishatse, cyangwa akamugumana niba ari byo bimushimishije. Aba agomba kumera nk'umurambo uri mu biganza by'umuyobozi we …" *The Black Pope*, p. 474

Indahiro yose y'abajezuwite yashyizwe ahagaragara mu mwaka w'1883, iteye mu buryo bukurikira:

## II. UMUHANGO WO KWAKIRWA N'INDAHIRO Y'IKIRENGA Y'ABAJEZUWITE

[Iyo umujezuwite wo ku rwego rwo hasi agiye kuzamurwa mu ntera y'ubuyobozi, ajyanwa mu kigo kibamo abajezuwite mu cyumba basengeramo (chapel), ahantu haba hari abantu batatu gusa cyangwa abandi barengaho, Umuyobozi mukuru agahagarara kuri alitari. Iruhande rwe hagahagarara abihaye Imana babiri, umwe iburyo undi ibumoso; umwe muri abo bihaye Imana aba afite ibendera ry'umuhondo n'umweru, ari yo mabara y'ubuPapa; undi aba afite ibendera ry'umukara n'inkota n'umusaraba utukura uba uri hejuru y'umutwe udafite inyama n'amagufka abiri akoze ikimenyetso cy'umusaraba (skull and crossbones), hamwe n'inyuguti INRI, munsi y'izo nyuguti handitse ngo IUSTUM NECARE REGES IMPIOS (mu cyongereza aya magambo asobanura ngo: It is just to exterminate or annihilate impious or heretical Kings, Governments or Rulers, ari byo mu kinyarwanda bisobanura ngo: Ni igikorwa cy'ukuri gutsemba no kurimbura abami b'abapagani cyangwa b'abahakanyi, guverinoma cyangwa abategetsi). Hasi haba hari umusaraba utukura aho ugiye kuzamurwa mu ntera apfukama. Umuyobozi we mukuru amuhereza umusaraba uriho ishusho y'umuntu ubambye, akawufata mu kuboko kw'ibumoso maze akawushyira ku mutima we, kandi umuyobozi we anamwerekezaho inkota, akayifata mu bugi bwayo maze umutwe wayo akawushinga ku mutima we,

umuyobozi we aba akiyifashe ikirindi cyayo, maze agatangira kumubwira.]

**UMUYOBOZI MUKURU [AVUGA AMAGAMBO AKURIKIRA:]**

Mwana wanjye, kugeza ubu wigishijwe kwiyoberanya: kuba umugaturika w'I Roma mu bagaturika b'I Roma, ndetse no kuba umutasi muri bene so; kutagira umuntu wiringira, no kutagira umuntu n'umwe wizera. Wigishijwe kuba umugorozi mu bagorozi; kuba umuhigeno [4] mu bahigeno; kuba umukaluvinisite mu bakaluviniste [5] ; muri rusange kuba umuporotesitanti mu baporotesitanti; ugatuma bakugirira icyizere ku buryo ugera n'aho ubwiriza ku ruhimbi rwabo, kandi ukamagana wivuye inyuma iyobokama ryacu ritagatifu na Papa; ndetse ukamanuka hasi cyane kugeza n'ubwo uhinduka umuyahudi mu bayahudi, kugira ngo ubashe gukusanya amakuru yose yagirira akamaro umuryango wawe (abajezuwite) nk'umusirikare mwiza wa Papa.

Wigishijwe kubiba rwihishwa imbuto z'ishyari n'urwango mu miryango y'abantu (communities), mu ntara n'ibihugu byari biri mu mahoro, maze ukabashora mu bikorwa by'amaraso, bizana intambara hagati yabo, no kurema impinduramatwara n'intambara z'abaturage mu bihugu byari bifite ubwigenge n'amajyambere, ugakwirakwiza ibigendanye n'ubugeni (arts) n'ubumenyi mu bya siyansi kandi ukishimira imigisha y'amahoro. Wigishijwe kujya ku mpande zombi z'abahanganye no gushyikirana mu ibanga na mwene so w'umujezuwite, ushobora kuba afite inshingano ku ruhande rumwe rw'abahanganye, ariko mu bigaragara ugakomeza kurwanya urwo ruhande arimo; kugira ngo ku musozo w'amakimbirane kiliziya abe ari yo ibyungukiramo, biturutse ku byemezo byafashwe mu cyo gusinya amasezerano y'amahoro,

---

[4] Huguenots: Ni abaporotesitanti bo mu gihugu cy'Ubufaransa babayeho kuva mu kinyejan cya 16.

[5] Calvinists: Ni abaporotesitanti bakomotse ku umugorozi w'umufaransa witwa Jean Calvin

kandi kugira ngo iherezo ryabyo rigaragaze ko ari twe dufite imbaraga (the end justifies the means).

Wigishijwe inshingano yawe nk'umutasi, yo gukusanya imibare (statistics), ibimenyetso n'amakuru ushobora kubona mu bubasha bwawe ubivanye ahantu hashoboka hose; wigishijwe kwigarurira icyizere cy'imiryango y'abaporotesitanti n'abahakanyi ba buri rwego na buri mico, no kwigarurira icyizere cy'abacuruzi, abanyamabanki, abanyamategeko, mu bigo by'amashuri na za kaminuza, no mu nteko zishinga amategeko n'inzego zifata ibyemezo, no mu nzego z'ubucamanza n'inama z'ibihugu, no "kuba byose kuri bose," ku bw'inyungu za Papa, ari we tubereye abagaragu kugeza dupfuye.

Wahawe inyigisho zose kugeza ubu nk'umutangizi (novice), nk'umupadiri mushya (neophyte), kandi wakoze nk'umwunganizi (coadjutor), ukora nk'uwaturirwa ibyaha by'abantu (confessor) n'umupadiri, ariko ntiwigeze uhabwa ibicyenewe byose kugira ngo ube umuyobozi mu ngabo za Loyola zikorera Papa. Ugomba gukora mu gihe nyacyo nk'igikoresho no gukora nk'ushyira mu bikorwa amabwiriza y'abayobozi bawe bakuru [*nk'uko byagenze mu iyicwa rya Cornelius Jansen (1585-1638), wari Musenyeri wa Ypres (soma ipure), mu Buholande, akaba n'uwashinze imyizerere yitwa Jansenism, wari umugaturika w'I Roma wangaga cyane abajezuwite maze yicwa n'uburwayi butunguranye – bitewe n'uburozi yahawe mu kinyobwa – ku itariki 06/05/1638 apfa akiri muto ku myaka mirongo itanu n'itatu*] kubera ko nta n'umwe ushobora kuyobora hano atarahamishije ibikorwa bye amaraso y'umuhakanyi; kuko "amaraso atavuye nta muntu ushobora gukizwa." Bityo, kugira ngo ube umukozi ukwiriye umurimo wawe kandi wizere agakiza kawe nta gushidikanya, hejuru y'amasezerano

yo kumvira umryango wakoze no kubaha Papa, uzajya usubiramo ibyo ndi buvuge:

## INDAHIRO Y'IKIRENGA Y'ABAJEZUWITE (YOSE UKO YAKABAYE)

Njyewe, (Amazina y'ugiye kurahira), ubu, imbere y'Imana Ishoborabyose, Bikiramariya uhiriwe, nyirihirwe Malayika ukomeye Mikayeli, nyirihirwe Mutagatifu Yohana Umubatiza, Intumwa zera Mutagatifu Petero na Mutagatifu Pawulo n'abatagatifu bose n'ingabo zera zo mu ijuru, n'imbere yawe mubyeyi wanjye wa roho, Umuyobozi Mukuru w'Umuryango w'Abajezuwite (the Superior General of the Society of Jesus), washinzwe na Ignace de Loyola, ku buyobozi bwa papa Pawulo wa gatatu, ukaba ugikomeje na bugingo n'ubu, ndahiye inda ya Bibikiramariya, nyina w'Imana, n'inkoni y'ubutware ya Yezu Kristu, nsezeranye kandi nemeye ko, Nyirubutungane Papa ari mu cyimbo cya Kristu akaba ari na we mutwe rukumbi wa kiliziya gaturika ari na yo kiliziya y'abemera ku isi yose; kandi ko ku bw'imfunguzo zo gukinga no gukingura, Umukiza wanjye Yezu Kristu yahaye Nyirubutungane, afite ububasha bwo kuvanaho abami b'abahakanyi, ibikomangoma, ubutegetsi, repubulika na za guverinoma, kuko ziba zinyuranije n'amategeko iyo atari we wazemeje bityo zikaba zishobora kurimburwa nta mpungenge. Bityo, nzakoresha imbaraga zanjye zose mu kurwanirira iri hame no kurwanirira uburenganzira n'imigezo bya Nyirubutungane, ndwanya abihaye ubutware bitandukanije na papa b'abahakanyi cyangwa ubutegetsi bwa Giporotesitanti ubwo ari bwo bwose, cyane cyane Itorero ry'abakomotse kuri Luteri (Lutherans) ryo mu Budage, Ubuholande, Danimarike, Suwede na Noruveje, hamwe n'ubutegetsi n'amatorero yo mu Bwongereza na Ecosse, n'amashami yayo ari muri Irelande n'ayo ku mugabane w'Amerika

n'ahandi hose; n'abandi bantu bose biha ubutware n'abahakanyi, bakarwanya Itorero Ritagatifu ry'I Roma ari ryo Nyina w'ayandi madini. Nitandukanije kandi mpakanye kubaha umwami wese w'umuhakanyi, igikomanagoma cyangwa leta yitwa iya Giporotesitanti cyangwa abantu bose batemera ububasha bwa papa bwo gutegeka ibihugu (Liberals), mpakanye kumvira itegeko ryabo ryose, n'abanyamategeko babo n'abayobozi babakorera.

Nemeye kandi ko amahame y'amatorero y'Ubwongereza na Ecosse, Abakaluviniste, Abahigeno n'abandi bose bitwa Abaporotesitanti n'abatemera ububasha bwa papa bwo gutegeka ibihugu, ko ayo mahame aciriweho iteka, kandi ko n'umuntu wese utazarwanya ayo mahame aciriweho iteka.

Nemeye kandi ko, nzafasha, nkunganira kandi nkaha inama abakozi bose ba Nyirubutungane aho nzaba ndi hose, mu Busuwisi, mu Budage, mu Buholande, muri Danimarike, muri Suwede, muri Noruveje, mu Bwongereza, muri Irelande, cyangwa Amerika, cyangwa mu bundi bwami cyangwa akrere nzangeramo kose, ko nzakora uko nshoboye nkarimbura amahame y'Abaporotesitanti b'abahakanyi n'ay'abatemera ububasha bwa papa bwo gutegeka ibihugu, kandi nkasenya ububasha bwabo, bwaba ubw'ubutegetsi cyangwa ubundi bwose.

Nsezeranye kandi nemeye ko, nubwo mbibujijwe, nzigira nk'umwizera mu itorero iryo ari ryose ry'abahakanyi, ku bwo guteza imbere inyungu za Kiliziya yabyaye andi madini, no kubika ibanga no guhishira buri gihe imigambi n'inama by'abakozi ba kiliziya mu gihe mbimenyeshejwe, no kutamena ibanga haba mu buryo buziguye cyangwa butaziguye, haba mu magambo cyangwa mu nyandiko mu buryo ubwo ari bwo bwose; ahubwo ko nzashyira mu bikorwa ibyo nzategekwa byose na we, mubyeyi wanjye wa roho, cyangwa undi wese wo muri uyu muryango mutagatifu.

Nsezeranye kandi nemeye ko, nta gitekerezo cyangwa ubushake bwanjye nzagira, cyangwa ikindi kintu cyose nakwibwira ubwanjye, ahubwo ko nzumvira nta kujijinganya buri tegeko ryose nzahabwa n'abayobozi banjye bakuru mu gisirikare cya Papa n'icya Yezu Kristu. [nzumvira nk'umurambo (*perinde ac cadaver*)].

Nemeye kandi ko nzajya mu gice cyose cyo ku isi nshobora koherezwamo, mu turere dukonja two ku mpera ya ruguru y'isi, mu mucanga wotsa wo mu butayu bw'Afurika, cyangwa mu mashyamba y'inzitane yo mu Buhinde, mu bihugu byateye imbere byo mu Burayi, cyangwa mu mashyamba ateye ubwoba yo muri Amerika, ntijujuta kandi ntitotomba, kandi nzaganduka mu byo nzabwirwa byose.

Ikindi kandi, nsezeranye kandi nemeye ko, mu gihe mbonye uburyo, nzateza intambara zitarangwamo imbabazi na mba, haba mu ibanga cyangwa ku mugaragaro, zo kurwanya abahakanyi bose, Abaporotesitanti n'abantu bose batemera ububasha bwa papa bwo gutegeka ibihugu, nkurikije amabwiriza mpabwa, nzabarimbura kandi mbatsembe ku isi yose; kandi ntabwo nzita ku myaka, igitsina cyangwa uko umuntu ameze; nzamanika mu mugozi, ntwike, njugunye, nteke mu mazi ashyushye, nkure uruhu ku mibiri, ntanyaguze kandi mpambe ari bazima abo bahakanyi babi, nshwanyuze ibifu n'inda z'abagore babo kandi nkubite imitwe y'abana babo ku nkuta, kugira ngo ndimbure burundu ubwoko bwabo bubi. Kandi mu gihe ibyo bidashobora gukorwa muri ubwo buryo, nzakoresha uburozi mu ibanga, kubanigisha umugozi, ubugi bw'inkota cyangwa isasu, ntitaye ku cyubahiro, urwego, izina ry'icyubahiro, ububasha bw'umuntu cyangwa abantu, uko baba bameze kose muri ubu buzima, baba bakorera za leta cyangwa bikorera, nzabikora nkurikije amabwiriza nshobora guhabwa

n'umukozi wese wa Papa cyangwa Umuyobozi mukuru w'Umuryango w'Ukwemera Gutagatifu w'Abajezuwite.

Mu rwego rwo gushimangira ibyo ndahiriye, ari byo neguriye ubuzima bwanjye, roho yanjye n'imbaraga zanjye zose, nkoresheje iyi nkota mpawe nonaha, ndandikisha izina ryanjye amaraso yanjye bwite, nk'igihamya cy'ibyo niyemeje; kandi nintasohoza ibyo niyemeje cyangwa nkagaragaza intege nke mu kubisohoza, abavandimwe n'ingabo bagenzi banjye mu gisirikare cya Papa bazankate ibiganza n'ibirenge, bankate n'ijosi kuva ku gutwi kugeza ku kundi, bafungure inda yanjye batwikishe aside ibiyirimo byose, hamwe n'ibihano byose bishobora kungeraho hano ku isi kandi na roho yanjye izababazwe n'abadayimoni mu muriro utazima by'iteka ryose!

Ibyo ndahiriye byose, njyewe (Amazina y'ugiye kurahira), mbirahiye mu izina ry'ubutatu buhire n'amasakaramentu mahire, ayo ngiye kwakira nonaha, ko nzakora ibyo niyemeje kandi ko nzirinda kunyuranya na byo; kandi ndasaba ingabo zose zuje ubwiza zo mu ijuru kumbera abahamya ko kubahiriza iyi ndahiro ari wo mugambi wanjye nyakuri.

Mfashe isakaramentu rihire kandi ritagatifu kurusha ayandi rya ukarisitiya nk'igihamya cy'ibyo ndahiriye, kandi nzakomeza kubihamya ntyo, hamwe n'izina ryanjye nandikishije iyi nkota nyikojeje mu maraso yanjye bwite kandi mbishyiriraho ikimenyetso imbere y'uyu muryango mutagatifu (abajezuwite).

[Iyo ibyo birangiye urahira yakira ukarisitiya ayihawe n'umuyobozi we mukuru akanandika izina rye aryandikishije agasongero k'inkota yakojeje mu maraso ye bwite ayavanye hejuru y'ahaba umutima.]

**UMUYOBOZI MUKURU [ARONGERA AKAVUGA AMAGAMBO AKURIKIRA:]**

Noneho ubu, urahagurukira ku birenge byawe maze nkwigishirize muri Gatigisimu [6] ibintu by'ingenzi bizagufasha kumenyana n'umujezuwite wese wo kuri uru rwego.

Bwa mbere, wowe, nk'Umufurere w'umujezuwite, hamwe n'undi mugenzi wawe muzakora ikimenyetso cy'umusaraba nk'uko undi mugaturika w'I Roma wese yabikora; hanyuma umwe akore ikimenyetso cy'umusaraba akoreshe amaboko ku gice cyegereye ibiganza, abikore ibiganza bye birambuye, undi mu kumusubiza akore ikimenyetso cy'umusaraba akoresheje ibirenge bye, kimwe hejuru y'ikindi; uwa mbere ashyira urutoki rwe rwa mukubitarukoko (urwa kane uhereye ku gahera) rw'ikiganza cy'iburyo akarushinga mu kiganza cy'ibumoso, undi agashyira urutoki rwa mukubitarukoko rw'ikiganza cy'ibumoso mu kiganza cy'iburyo; hanyuma uwa mbere akore uruziga ku mutwe we akoresheje ikiganza cy'iburyo; maze undi akore ku mubiri we munsi y'umutima akoresheje urutoki rwa mukubitarukoko rw'ikiganza cy'ibumoso; hanyuma uwa mbere akoresheje ikiganza cy'iburyo afata mu ijosi ry'undi, maze akamera nk'ukatisha inkota kuva hejuru kugeza ku gifu n'inda abikorera kuri mugenzi we. Maze uwa mbere avuge ati "*Iustum*;" undi asubize ati "*Necare*;" hanyuma uwa mbere avuge ati "*Reges*." Undi asubize ati "*Impios*." (Mu cyongereza bisobanura: It is just to exterminate or annihilate impious or heretical Kings, Governments or Rulers, ari byo mu kinyarwanda bisobanura ngo: Ni igikorwa cy'ukuri gutsemba no kurimbura abami b'abapagani cyangwa b'abahakanyi, guverinoma cyangwa abategetsi). Maze uwa mbere yereke mugenzi we agapapuro gahinnye mu buryo bwihariye, inshuro enye, maze undi

[6] Gatigisimu ivuzwe hano ntabwo ari gatigisimu isanzwe y'abagaturika ahubwo ni Gatigisimu yihariye y'abajezuwite bakoze isezerano rya kane ry'indahiro y'ikirenga.

agace guhera hejuru kugera hasi; mu kugafungura, izina "JESU" riboneka ryanditse inshuro eshatu ku mutwe no ku mpera ebyiri z'umusaraba. Hanyuma y'ibyo, muzabwirana ibibazo n'ibisubizo bikurikira:

*Ikibazo*: Uturuka he?
*Igisubizo*: Ku nkombe za Yorodani, I Kaluvari, ku gituro gitagatifu, bwa nyuma nturuka I Roma.

*Ikibazo*: Witondera iki kandi urwanirira iki?
*Igisubizo*: Ukwemera gutagatifu.

*Ikibazo*: Ukorera nde?
*Igisubizo*: Umubyeyi utunganye w'I Roma, Papa, na Kiliziya Gaturika y'I Roma ku isi yose.

*Ikibazo*: Ni inde ukuyobora?
*Igisubizo*: Umusimbura wa Mutagatifu Ignace de Loyola, washinze Umuryango w'Abajezuwite cyangwa abasirikare ba Yezu Kristu.

*Ikibazo*: Ni inde wakwakiriye?
*Igisubizo*: Umusaza ukwiriye icyubahiro w'imvi z'uruyenzi.

*Ikibazo*: Gute?
*Igisubizo*: Yampaye inkota itari mu rwubati rwayo, mfukama ku musaraba munsi y'ibendera rya Papa n'iry'Umuryango wacu mutagatifu.

*Ikibazo*: Wararahiye?
*Igisubizo*: Nararahiye, narahiriye kurimbura abahakanyi na leta zabo n'abategetsi babo, ntitaye ku myaka, igitsina cyangwa uko umuntu ameze. Nkumvira nk'umurambo nta gitekerezo cyanjye

cyangwa ubushake bwanjye bwite, ahubwo nkumvira abayobozi banjye bakuru mbikuye ku mutima mu bintu byose nta kujijinganya cyangwa kwitotomba.

*Ikibazo*: Ibyo uzabikora?
*Igisubizo*: Yego nzabikora.

*Ikibazo*: Ugenda ute?
*Igisubizo*: Mu bwato bwa Petero w'umurobyi.

*Ikibazo*: Ugenda werekeye he?
*Igisubizo*: Mu bice bine by'isi.

*Ikibazo*: ugenda ufite uwhe mugambi?
*Igisubizo*: Wo kumvira amategeko ya Jenerali[7] wanye n'abayobozi banjye bakuru no gushyira mu bikorwa ubushake bwa Papa kandi nkuzuza neza ibyo nsabwa n'indahiro yanjye.

*Ikibazo*: Nuko jya mu isi yose, maze wigarurire ibihugu byose mu izina rya Papa. Umuntu wese utazamwemera nk'uri mu cyimbo cya Yezu n'umusimbura we hano ku isi, uzamuvume kandi umurimbure.

(Indahiro nk'iyi ishobora kuboneka mu gitabo cyitwa "*Subterranean Rome*" cyanditswe na Carlos Didier, cyahinduwe gikuwe mu Gifaransa gishyirwa ahagaragara I New York mu mwaka w'1843. Iyi ndahiro ishobora no kuboneka mu isomero ry'Inteko Ishinga amategeko ya Leta Zunze Ubumwe (Library of Congress), kuri nimero 66-43354 (Catalog Card Number)).

*Igice cy'indahiro y'ikirenga y'Abajezuwite cyashyizwe ahagaragara mu mwaka w'1981 na Dr Alberto Rivera, wahoze ari Umujezuwite*

[7] Umuyobozi mukuru w'abajezuwite ku isi aba afite title ya jenerali. Bamwita "Superior General"

*wabyiyeguriye (Professed Jesuit) wari warageze ku rwego rwo kurahira iyi ndahiro (nyuma akaza kwizera ubutumwa bwiza akaba umuporotesitanti), ivuga itya:*

## UMUHANGO WO KWAKIRWA N'INDAHIRO Y'IKIRENGA Y'ABAJEZUWITE

(Ihabwa umujezuwite wo ku rwego ruto iyo agiye kuzamurwa ku rwego rw'ubuyobozi)

**Umuyobozi Mukuru avuga amagambo akurikira:**

Mwana wanjye, kugeza ubu wigishijwe kwiyoberanya: kuba umugaturika w'I Roma mu bagaturika b'I Roma, ndetse no kuba umutasi muri bene so; kutagira umuntu wiringira, no kutagira umuntu n'umwe wizera. Wigishijwe kuba umugorozi mu bagorozi; kuba umuhigeno mu bahigeno; kuba umukaluvinisite mu bakaluviniste; muri rusange kuba umuporotesitanti mu baporotesitanti; ugatuma bakugirira icyizere ku buryo ugera n'aho ubwiriza ku ruhimbi rwabo, kandi ukamagana wivuye inyuma iyobokama ryacu ritagatifu na Papa; ndetse ukamanuka hasi cyane kugeza n'ubwo uhinduka umuyahudi mu bayahudi, kugira ngo ubashe gukusanya amakuru yose yagirira akamaro umuryango wawe (abajezuwite) nk'umusirikare mwiza wa Papa.

Wigishijwe kubiba rwihishwa imbuto z'ishyari n'urwango mu miryango y'abantu (communities), mu ntara n'ibihugu byari biri mu mahoro, maze ukabashora mu bikorwa by'amaraso, bizana intambara hagati yabo, no kurema impinduramatwara n'intambara z'abaturage mu bihugu byari bifite ubwigenge n'amajyambere, ugakwirakwiza ibigendanye n'ubugeni (arts) n'ubumenyi mu bya siyansi kandi ukishimira imigisha y'amahoro. Wigishijwe kujya ku mpande zombi z'abahanganye no gushyikirana mu ibanga na mwene so w'umujezuwite, ushobora kuba afite inshingano ku

ruhande rumwe rw'abahanganye, ariko mu bigaragara ugakomeza kurwanya urwo ruhande arimo; kugira ngo ku musozo w'amakimbirane kiliziya abe ari yo ibyungukiramo, biturutse ku byemezo byafashwe mu cyo gusinya amasezerano y'amahoro, kandi kugira ngo iherezo ryabyo rigaragaze ko ari twe dufite imbaraga (the end justifies the means).

Wigishijwe inshingano yawe nk'umutasi, yo gukusanya imibare (statistics), ibimenyetso n'amakuru ushobora kubona mu bubasha bwawe ubivanye ahantu hashoboka hose; wigishijwe kwigarurira icyizere cy'imiryango y'abaporotesitanti n'abahakanyi ba buri rwego na buri mico, no kwigarurira icyizere cy'abacuruzi, abanyamabanki, abanyamategeko, mu bigo by'amashuri na za kaminuza, no mu nteko zishinga amategeko n'inzego zifata ibyemezo, no mu nzego z'ubucamanza n'inama z'ibihugu, no "kuba byose kuri bose," ku bw'inyungu za Papa, ari we tubereye abagaragu kugeza dupfuye.

Wahawe inyigisho zose kugeza ubu nk'umutangizi (novice), nk'umupadiri mushya (neophyte), kandi wakoze nk'umwunganizi (coadjutor), ukora nk'uwaturirwa ibyaha by'abantu (confessor) n'umupadiri, ariko ntiwigeze uhabwa ibicyenewe byose kugira ngo ube umuyobozi mu ngabo za Loyola zikorera Papa. Ugomba gukora mu gihe nyacyo nk'igikoresho no gukora nk'ushyira mu bikorwa amabwiriza y'abayobozi bawe bakuru [*nk'uko byagenze mu iyicwa rya Cornelius Jansen (1585-1638), wari Musenyeri wa Ypres (soma ipure), mu Buholande, akaba n'uwashinze imyizerere yitwa Jansenism, wari umugaturika w'I Roma wangaga cyane abajezuwite maze yicwa n'uburwayi butunguranye – bitewe n'uburozi yahawe mu kinyobwa – ku itariki 06/05/1638 apfa akiri muto ku myaka mirongo itanu n'itatu*] kubera ko nta n'umwe ushobora kuyobora hano atarahamishije ibikorwa bye amaraso

y'umuhakanyi; kuko "amaraso atavuye nta muntu ushobora gukizwa." Bityo, kugira ngo ube umukozi ukwiriye umurimo wawe kandi wizere agakiza kawe nta gushidikanya, hejuru y'amasezerano yo kumvira umryango wakoze no kubaha Papa, uzajya usubiramo ibyo ndi buvuge:

"Njyewe, (Amazina y'ugiye kurahira), ubu, imbere y'Imana Ishoborabyose, Bikiramariya uhiriwe, nyirihirwe Malayika ukomeye Mikayeli, nyirihirwe Mutagatifu Yohana Umubatiza, Intumwa zera Mutagatifu Petero na Mutagatifu Pawulo n'abatagatifu bose n'ingabo zera zo mu ijuru....

Ikindi kandi, nsezeranye kandi nemeye ko, mu gihe mbonye uburyo, nzateza intambara zitarangwamo imbabazi na mba, haba mu ibanga cyangwa ku mugaragaro, zo kurwanya abahakanyi bose, Abaporotesitanti n'abantu bose batemera ububasha bwa papa bwo gutegeka ibihugu, nkurikije amabwiriza mpabwa. Kandi mu gihe ibyo bidashobora gukorerwa ku karubanda, nzakoresha uburozi mu ibanga, kubanigisha umugozi, ubugi bw'inkota cyangwa isasu, ntitaye ku cyubahiro, urwego, izina ry'icyubahiro, ububasha bw'umuntu cyangwa abantu, uko baba bameze kose muri ubu buzima, baba bakorera za leta cyangwa bikorera, nzabikora nkurikije amabwiriza nshobora guhabwa n'umukozi wese wa Papa cyangwa Umuyobozi mukuru w'Umuryango w'Ukwemera Gutagatifu w'Abajezuwite." *Double-Cross: Alberto Part Two, Jack Chick, (Chino, California: Chick Publications, 1981) pp. 13, 14.*

Uzirikane ko Abajezuwite bakoze iyi ndahiro bagamije kurimbura "Abaporotesitanti cyangwa amahame y'umudendezo" mu gihe bateza "intambara zitarangwamo imbabazi" barwanya

“Abaporotesitanti n’Abantu bose batemera ububasha bwa Papa bwo gutegeka ibihugu (Liberals).”

Ijambo “Abaporotesitanti,” nk’uko Abajezuwite barisobanura, bakubiyemo abantu bose bizera Nyagasani Yezu Kristu ariko ntibemere ubutware bw’iby’iyobokamana n’ubutware bwo gutegeka ibihugu bwa Papa w’I Roma, nyamara bakemera kandi bakigisha amahame ya Bibiliya yashyizwe ahagaragara n’Ubugorozi bwa Giporotesitanti, bwari buyobowe by’umwihariko na Martin Luther, John Calvin na John Knox. [Abajejezuwite bavuga ko] Abaporotesitanti ari “abahakanyi” kandi ko bagomba “kurimburwa bakavanwa ku isi yose.”

Ijambo, “Abantu bose batemera ububasha bwa Papa bwo gutegeka ibihugu (Liberals),” nk’uko Abajezuwite barisobanura, bakubiyemo Abagaturika bose bafatanya n’Abaporotesitanti mu kutemera ububasha bwa Papa w’I Roma bwo gutegeka ibihugu. Abo bantu bemera kandi bigisha ko ubutegetsi buba ari bwiza iyo bukorera abaturage, kandi n’ububasha bwabwo bukaba bugenwa kandi bukagengwa n’Itegekonshinga ryanditse.

Usibye kurahira indahiro, Abajezuwite baba bafite igitabo kibayobora cyitwa “*Secreta Monita*” (cyangwa *Secret Instructions of the Jesuits* bisobanura “*Inyigisho z’Ubwiru z’Abajezuwite*”). Izo nyigisho zagiye ahagaragara inshuro nke, guhera mu ntangiriro z’imyaka y’1600 (zitangarizwa I Cracow muri Pologne mu mwaka w’1612) kugeza mu mpera z’imyaka y’1800:

“… ariko ibyo bitabo birimo izo nyigisho byaje kuvanwaho birazimira nk’uko n’ibindi bitabo byose bibangamiye abajezuwite bizimira.” *The Engineer Corps of Hell; Or Rome’s Sappers and Miners, p. 16.*

Uguhishura *Inyigisho z'Ubwiru z'Abajezuwite* ntabwo ari ibintu by'ibihimbano, nk'uko tubibona twifashishije ibaruwa yamenyekanye cyane yanditswe na Juan de Palafox, wari Musenyeri wa Los Angeles, Mexico (iyo baruwa hamwe no kudapfa kwemera kwe ni byo byatumye atotezwa nta mbabazi n'umuryango w'abajezuwite kugeza ubwo byabaye ngombwa ko ahungira I Burayi kugira ngo akize ubuzima bwe), iyo baruwa yayandikiye Papa Innocent wa 10 ku itariki ya 08/01/1647:

[Juan de Palafox yabajije Papa ati:] "Ni irihe dini rindi rigira itegekonshinga ry'ibanga, uburenganzira bw'abanyamuryango buhishe, n'amategeko y'ubwiru? Kandi, ni uwuhe muryango w'abihaye Imana wundi ufite ibintu byose birebana n'ubuyobozi bwawo by'amayoberane? Mu mayoberane habamo urwikekwe. Amategeko y'indi miryango y'abihaye Imana ashyirwa ahagaragara aho abantu bose bashobora kuyabona; ndetse n'amategeko n'amabwiriza bigenga Abapapa, Abakaridinari, Abasenyeri, n'amategeko agenga urwego rw'abihaye Imana rwose; uburenganzira bw'abanyamuryango, inyigisho, amategeko, by'indi miryango y'abihaye Imana yose bishobora kubonwa kandi bigasomwa mu masomero hafi ya yose; ndetse n'umuntu ukinjira mu muryango w'abihaye Imana b'Abafuransisikani ashobora gusoma, akamenya inshingano ashobora kugira aramutse abaye umuyobozi mukuru w'uwo muryango. Ariko abayobozi bakuru b'Abajezuwite bo, ntabwo bayobora abanyamuryango babo bakurikije amategeko ya kiliziya, azwi n'abantu bose, ahubwo babayobora bakoresheje amategeko y'ubwiru azwi n'abayobozi babo bakuru gusa." *Papism in the XIX. Century, in the United*

*States, Robert J. Breckinridge, (Baltimore: David Owen & Son, 1841) pp. 310, 311.*

Abajezuwite, mu kurwanya inyigisho za Bibiliya zigishwaga n'Abagorozi, bayoboye Inama ya Trent (Council of Trent) yabaye kuva mu 1545 kugeza mu 1563. Inshuro makumyabiri n'eshanu zose iyo nama yateranye, yaciriyeho iteka "amahame yose yerekeye Ubuntu" yigishwaga n'Abagorozi, bavuma abantu bose bagundiraga iyo myizerere. Ku nshuro ya kane y'iyo nama, bahakanye umudendezo w'umutimanama, umudendezo wo kuvuga icyo utekereza n'umudendezo w'itangazamakuru. Dusoma ibintu bitangaje bikurikira:

"Inshuro ya kane y'inama… yari imwe mu nshuro z'ingenzi cyane z'Inama ya Trent. Muri iyi nama ubwo yateranaga ku nshuro ya kane, haciwe iteka rishyira imihango ya kiliziya ku rwego rumwe n'Ibyanditswe Byera – banatangaza ko ibitabo byo mu rwego rwa kabiri (Apocrypha or Deuterocanonical Books) bigomba kuba umugabane ugize Ijambo ry'Imana (Bibiliya) – banazamura Bibiliya y'ikilatini yitwa Vulgate, bayiha ububasha buri hejuru y'inyandiko z'umwimerere zahumetswe zo mu Giheburayo n'Ikigereki, banashyiraho amategeko akomeye arwanya umudendezo wo gutangaza amakuru… Uburenganzira bwo kwifatira icyemezo mu gihe usomye Ibyanditswe Byera bwavanyweho, kubukoreshwa bishyirirwaho ibihano kandi n'umudendezo wo gutangaza amakuru urakumirwa mu buryo bukomeye." *The History of Romanism, pp. 478, 479, 488.*

Itegeko rya kane ry'igitabo kigaragaza Ibitabo Bitemewe ryashyizweho n'Inama ya Trent ubwo yateranaga ku nshuro yayo

ya kane kandi rikemezwa na Papa Piyo wa 4 mu rwandiko yanditse ku itariki 24/03/1564 rirebana na Bibiliya, riravuga riti:

“Tumaze kubona ko Bibiliya Yera, yahinduwe mu ndimi z’abenegihugu, iyo yemerewe buri muntu wese, ugutinyuka kw’abantu guturuka kuri uko gusoma Bibiliya guteza akaga karuta ibyiza bizana; kuri iyi ngingo, tugendeye ku byemezo by’abasenyeri, abacamanza b’urukiko ruhana abahakanyi, bashobora kugirwa inama n’umupadiri, bashobora gutanga uruhushya rwo gusoma Bibiliya yahinduwe mu rurimi rw’abenegihugu ihinduwe n’abanditsi b’Abagaturika… kandi uru ruhushya rugomba kuba rwanditse. Ariko nihagira umuntu n’umwe utinyuka gusoma cyangwa gutunga Bibiliya adafite urwo ruhushya rwanditse, ntazigera ababarirwa kugeza ashyikirije iyo Bibiliya abihaye Imana… Ariko abapadiri basanzwe ntibemerewe gusoma cyangwa kugura izo Bibiliya badahawe uruhushya rwihariye ruvuye ku bayobozi bakuru.” *The History of Romanism, pp. 492,493*

Mu gusoza Inama bateye hejuru bati: “Havumwe abahakanyi bose! Bavumwe!! Bavumwe!!” *The History of Romanism, pp. 478, 479, 488.*

Iyi Nama ya Trent yari yuzuye gukiranirwa n’ibibi, ari yo yabaye ipfundo ryo kurwanya Ubugorozi bwa Giporotesitanti, yashyizeho amategeko ya kiliziya n’ayo mu rwego rwa politiki yagombaga gukurikizwa n’Abajezuwite na Papa wabo “*utibeshya*” mu myaka myinshi yakurikiyeho. Trent yagombaga guhinduka politiki ngenderwaho y’ububanyi n’amahanga y’ibihugu byose bigenzurwa n’Abajezuwite, mu rwego rwo kwagura ububasha bwa Papa bwo gutegeka ibihugu. Igihugu cyari gifite politiki y’ububanyi n’amahanga yagenderaga ku murongo w’Inama ya Trent ni

Amerika mu mpinduka ya cumi na kane yongewe ku itegekonshinga, ni yo yateye inkunga 'intambara y'imyaka mirongo itatu' (Thirty Years' War) hamwe n'impinduramatwara yo mu Burusiya (Bolshevik Revolution), ari na yo yatangije ubutegetsi bwamennye amaraso menshi bw'Ubukomunisime (Communism) mu kinyejana cya makumyabiri. Mu gihe cy'ubutegetsi bw'igitugu bw'ubukomunisime Bibiliya yari igitabo cyibujijwe – kuko ubwo butegetsi bwemeraga cyane ibyemezo by'Inama ya Trent! Perezida William Jefferson Clinton, wari igikoreshe cya Papa cyatojwe n'Abajezuwite, yakomeje politiki ya Trent maze agaba ibitero ku banzi ba Roma, ari bo Seribiya y'Aba orutodogise (orthodox) mu myaka y'1990.

Ku birebana n'ububasha umuyobozi mukuru w'Abajezuwite (General) aba afite ku Bajezuwite bose, dusoma amagambo akurikira:

"Ni iby'ukuri ko Umujezuwite afite umujenerali agomba kumvira nk'uko inkoreragahato yumvira shebuja, ariko kandi umujezuwite yemera ko Umujenerali umuyobora ari nk'Imana, ku buryo mu gihe ijwi ripfuye ry'Imana, (ni ko bita Ibyanditswe Byera, "dead voice of God"), risa n'aho rirwanya ijwi rizima ry'Imana rituruka muri Jenerali, ububasha bw'ijwi rizima ni bwo bugomba kubahwa." *M. F. Cusack, The Black Pope, pp. 120*

Mugenzi wanjye, wowe ushaka ukuri, mbese uha agaciro umudendezo w'umutimanama, umudendezo wo kuvuga ibyo wizera n'umudendezo wo gucapa Bibiliya mu rurimi rwawe bwite? Uwo ni wo mudendezo waharaniwe n'Ubugorozi bwa Giporotesitanti, ugashyigikirwa n'Itegekonshinga rya Leta Zunze Ubumwe za Amerika, ukarwanywa n'Inama yari iyobowe n'Abajezuwite ya Trent kandi ukanarimburwa n'ubutegetsi

bw'igitugu bwose bwabaga bwarashyizweho n'imbaraga z'Umuyobozi Mukuru w'Abajezuwite (Jesuit General).

Umubikira uzwi cyane witwa Cusack, waje kuva muri kiliziya gaturika mu mpera z'ikinyejana cya cumi n'icyenda, wari warigeze no kuburira Ubwongereza ku bijyanye n'ubugambanyi bw'Abajezuwite bwo kurimbura Ubwami bw'Ubwongereza, yavuze neza ati:

"...Nk'uko turi buze kubibona twifashishije ibihamya bidashobora kugishwa impaka, ni muri ubwo buryo hashyizweho urwego rwakoze ibintu birenze iby'undi muryango wose witwa ko ari uw'abihaye Imana ushobora gukora, mu gusenya amahoro y'imiryango, mu kugenzura iterambere ry'ikiremwamuntu, no gushyira mu bubata imitima y'abantu, kandi ibyo byose bigakorwa mu izina ry'iyobokamana." *M. F. Cusack, The Black Pope, pp. 43*

Tumaze kureba umugambi, indahiro n'amahame by'umuryango w'Abajezuwite, reka turekere aha tubanze dutekereze ku magambo ya nyuma ya Ignace de Loyola, washinze uwo muryango akaba ari na we watangije ikumirabugorozi (Father of the Counter-Reformation), yavuze ubwo yari agiye gupfa. Yaravuze ati:

"'Nakoreye byinshi byiza kiliziya y'I Roma – Nabonye intara nyinshi z'abantu bacu, ibigo by'amashuri byinshi, inyubako, amazu, n'ubutunzi byigarurirwa n'Umuryango wacu; ariko ibyo byose ubu ndabisize, kandi sinzi aho ngiye kwerekera!' Hashize umwanya arapfa afite ubwoba kandi atengurwa, maze mu maso he harijima, nk'uko uwari uhari yabitangaje, Umujezuwite witwa Turrianus." *History of the Jesuits, Steinmetz, Vol. I, p. 508*

Mu buryo buhabanye cyane, amagambo ya nyuma ya Martin Luther, watangije Ubugorozi bwa Giporotesitanti bwazanye

umudendezo w'umutimanama, umudendezo wo kuvuga icyo ushaka n'umudendezo wo gutangaza amakuru hamwe na Bibiliya yo mu Kidage, hamwe n'uwari umushyigikiye umwami Frederick wa 3 w'I Saxony, ubwo yari agiye gupfa, Luther yaravuze ati:

"Data, Imana y'Umwami wacu Yesu Kristo, Data nyiri uguhumurizwa kwose, ndagushimira ko wampishuriye Umwana Wawe ukunda, muri We ni ho ibyiringiro byanjye biri, ni We nabwirije kandi ndamuhamya, naramukunze kandi ndamwishimira, ari We abapagani na Papa batoteza. Nkuragije ubugingo bwanjye. Yesu Kristo Mwami wanjye, ndimo kuva mu mubiri wo muri iyi si, ndimo kuva muri ubu buzima, ariko ndabizi ko nzibanira nawe iteka ryose." *M. F. Cusack, The Black Pope, p. 73*

"Ignace de Loyola (soma Inyasi do Loyola) washinze umutwe w'abajezuwite, aho kumva ko igishinja afite ku mutima cyaje kugira ngo kimuyobore ku birenge by'umusaraba, yiyemeje ubwe ko ibimushinja ibyaha bidaturuka ku Mana, ko ahubwo bituruka kuri satani; maze afata umwanzuro wo kutazongera gutekereza ku byaha bye ukundi, no kubihanagura mu bwenge bwe, akabyibagirwa burundu. Luteri we, [ubwo yumvaga igishinja mu mutima] yahindukiriye Kristo, Loyola we yishatsemo igisubizo.... Hari amayerekwa yamujemo maze amutera gushimangira icyo cyemezo cye.... Loyola ntabwo yigeze ashaka ukuri mu Byanditswe Byera; ahubwo mu mwanya w'Ibyanditswe Byera yashatse uko yagirana umushyikirano n'imyuka.... Luteri we yarahiriye gukurikira Ibyanditswe.... Muri icyo gihe Loyola, yagundiriye iby'inzozi n'amayerekwa; maze amayerekwa ahinduka ihame ry'ubuzima bwe no kwizera kwe." *J.H. Merle D'Aubigne, D.D., History of the Reformation of the Sixteenth Century, 5 Volumes in 1. Grand Rapids, Mich.: Baker Book House, reproduced from London 1846 edition in 1976, book 10.*

Mugenzi wanjye, wowe ushaka ukuri, ni ayahe magambo ya nyuma uzavuga hagati y'amagambo ya Luther n'aya Loyola ubwo uzaba ugeze mu bihe byawe bya nyuma imbaraga zawe ziri gukendera utangiye urugendo rwawe rw'iteka ryose rwerekeza mu Ijuru cyangwa Ikuzimu?#

*[Amagambo akurikiyeho, kuva ku kanyenyeri (*) kugeza ku kandi, aboneka mu gitabo cyitwa Vatican Assassins cyanditswe na Eric Jon Phelps, kuri paje 144,145]*

*Iyo babaga bamaze kwigarurira abayobozi b'igihugu, umuryango w'Abajezuwite watangiraga gukoresha ububasha bwawo ku baturage ukoresheje *Ibiro "Bitagatifu" by'Urukiko ruhana Abahakanyi* ("Holy" Office of the Inquisition). Dusoma amagambo akurikira:

"Abajezuwite bafata urwo rukiko nka kimwe mu bintu by'ingenzi cyane by'Umuryango wabo, Loyola yashyigikiye, akoresheje urwandiko yandikiye Papa [Pawulo wa 3 (1534-1549)], amusaba kwemererwa kongera kubyutsa urukiko rwabaye ikimenywabose rwa Roma rwo kuburanisha abahakanyi (Abaporotesitanti n'Abantu bose batemera ububasha bwa Papa bwo gutegeka ibihugu); rwaje kwemezwa mu ibaruwa (Papal Bull) yanditswe na Papa Pawulo wa 3 ku itariki 01/04/1542… Uru rukiko ruteye ubwoba[8], rwayoborwaga n'umuntu utaragira impuhwe cyangwa imbabazi witwaga Caraffa [*Gian Pietro Cardinal Caraffa, waje kuba Papa Pawulo wa 4 (1555-1559)*], rwakwije kwiheba no gucika intege mu Butaliyani bwose, kuva rugitangira… urupfu rwafashe indi ntera nshya iteye ubwoba kurushaho. Kandi umuntu

---

[8] Abantu bose baburanishijwe n'urwo rukiko, iyo babaga banze kureka ibyo bizera byabaga binyuranye n'ibyo kiliziya gaturika yigisha bahabwaga igihano kimwe gusa: Kwicwa. Wabibona mu cyegeranyo cyitwa The inquisition: *A Study in Absolute Catholic Power cyakozwe na* Arthur Maricle, Ph.D.

wese wahimbaga ibikoresho bishya by'iyicarubozo byo gutandukanya ingingo z'imibiri y'abicwaga mu buryo burushijeho gutera uburibwe yaragororerwaga!!! Mu Butaliyani, no mu bice bitandukanye by'Uburayi, mu gihe ibirimi by'umuriro byabaga biri kuzamuka mu kirere abantu bari gutwikwa, washoboraga kubona Abajezuwite bari kumwenyura, kuko umugambi wabo wabaga ari uguteza imbere umuryango wabo, bakoresheje uru rukiko rwabaheshaga imbaraga zo kugenzura ibintu byose!" *History of the Jesuits: Their Origin, Progress, Doctrines, and Designs, G. B. Nicolini of Rome, (London: Henry G. Bohn, 1854) p. 59-62*

Mugenzi wanjye, wowe ushaka kumenya ukuri, *Ibiro "Bitagatifu" by'Urukiko ruhana Abahakanyi* (ni ko abarushyizeho barwise) – mu gukoresha ububasha bwarwo bwo kugenzura abaturage muri buri kintu cyose – rwajyanywe mu Burusiya mu gihe cya Staline no mu Budage mu gihe cya Hitler rwihishe inyuma y'ingengabiterezo za politiki z'Ubukomunisime n'Ubunazi (Communism and Nazism)! Rwajyanywe no muri Amerika rwihishe inyuma y'igitekerezo cyo gushyiraho inganda zikora imiti (*drug-based, allopathic and medical ideology*) ku butugetsi bwa Perezida Theodore Roosevelt, bashyiraho n'Ikigo kigenzura Ibiryo n'Imiti [Food and Drug Administration (FDA)] ari na cyo kigenzura abakozi bakora muri za nganda z'imiti bashyizeho, bashyiraho n'Ishyirahamwe ry'Abaganga bo muri Amerika [American Medical Association (AMA)]. Ubwo yavugaga ku bubasha Roma ifite kuri Amerika mu mpera z'ikinyejana cya cumi n'icyenda, Thomas Edward Watson, wahoze ari umusenateri ukomeye w'umunyamerika wo muri Leta ya Georgia, yaravuze ati:

"Muri iki gihe umupadiri w'I Roma ni we muntu w'umunyagasuzuguro kandi w'umwirasi muri Amerika. Amategeko ntacyo azamutwara. Abanyapolitiki bakora ibyo abategetse.

Itangazamakuru riramutinya. Ikiganza cye cy'imbaraga kigenzura Inteko Ishinga Amategeko na Perezida… [Abapadiri] bashinze Urukiko ruhana abahakanyi hano:… Mu buryo bw'ibanga, bunze ubumwe n'abayobozi b'amashyaka abiri akomeye (Abademokarate n'Abarepubulike): bamaze kuniga itangazamakuru; n'abanyapolitiki b'ibigwari barabatinya cyane. Basezeraniye Papa wabo ko Leta Zunze Ubumwe za Amerika zizaba ize mu myaka micye iri imbere! Ariko Papa abishoboye n'ubu yatwika abahakanyi (Abaporotesitanti n'Abantu bose batemera ububasha bwe bwo gutegeka ibihugu)… Kiliziya Gaturika y'I Roma, ni itsinda ribi rikomatanya imiryango n'ibigo bikorera mu bwiru, bihurira mu mwijima, bigakora indahiro z'ikuzimu bikarahirira kwiyungira hamwe mu rwego rwo kugera ku byo bararikiye, guhaza irari ry'ubusambanyi, ubwicanyi, ku bw'umugambi mubisha wo kugira ububasha n'imbaraga bitagenzurwa n'undi muntu wese, no kugera ku butunzi butagira akagero, kandi bagahora babona abagore b'uburanga bo kunezeza irari ryabo. Iyo miryango n'ibigo bikorera mu bwiru, birimo Umuryango w'Abajezuwite (*The so-called Society of Jesus*), Abagendera ku Mafarashi b'I Melita (*The Knights of Malta*), Abagendera ku Mafarashi b'I Columbus (*The Knights of Columbus*), n'Abafurimasoniri (*Shriner Freemasonry*), n'abandi. Iyo miryango n'ibyo bigo, ari na byo bikoresho nyakuri cya Kiliziya Gaturika y'I Roma, bifite iyobokamana bihuriyeho, ku buryo na Satani aramutse yambaye umubiri wa kimuntu hano ku isi ari ryo yashyiraho." *The Roman Catholic Hierarchy: The Deadliest Menace to American Liberties and Christian Civilization, Thomas E. Watson, (Thomson, Georgia: The Jefferson Publishing Co., 1915) pp. 7, 15, 16, 254.*

Ubutware bw'abajezuwite n'umurimo wabo twongera kandi kubibona mu buhamya bukurikira:

“Umuntu Papa yaturira ibyaha, umupadiri usanzwe, agomba kuba ari umujezuwiti; agomba kujya I Vatikani rimwe mu cyumweru ku gihe cyagenwe, maze we wenyine akavana kuri Papa umutwaro w’ibyaha bye.” – *The Vatican Empire, Nino Lo Bello, (New York: Trident Press, 1968) p.78*

“…Umuyoboke wa kiliziya gaturika y’i Roma witwa Lafayette yatanze umuburo agira ati: ‘Ndatekereza ko umudendezo n’ubwigenge by’iki gihugu – Leta Zunze Ubumwe Za Amerika – nibiramuka bisenyutse, bizaba biturutse ku bucakura bwo kwiyoberanya kw’abapadiri b’abajezuwite, kubera ko ari bo banzi bakomeye bazi kwiyoberanya b’umudendezo w’iyobokamana n’ubwigenge bw’ibihugu. Ni bo bateje intambara nyinshi zo mu Burayi.’” *Romanism: A Menace to the Nation, Jeremiah J. Crowley, (Aurora, Missouri: The Menace Publishing Co., 1912) p. 140*

“Mu mwaka w’1816, John adams yandikiye Perezida Jefferson ati: ‘Mbese ntiduhora tubafite hano bameze nk’inzuki nyinshi, biyoberanyije cyane ku buryo umwami w’abaromani wenyine ari we ushobora kubamenya, biyambitse nk’abasiga amarangi, nk’abasohora inyandiko (publishers), nk’abanditsi, ndetse nk’abigisha? Niba harigeze kubaho itsinda ry’abantu bakwiriye gucirwaho iteka hano ku isi ndetse n’ikuzimu ni itsinda ry’abagize umuryango washinzwe na Loyola (abajezuwite).’” *[The New Jesuits, George Reimer 1971]*

“Sinabona uko nsobanura cyane ngo ntere ubwenge bw’abasomyi banjye kumva ko Abajezuwite, icyo bahamagariwe mu buryo bwihariye, ari na yo mpamvu shingiro yo kubaho kw’itsinda ryabo, ari ugusenya ubuporotesitanti bakoresheje uburyo ubwo ari bwo bwose, bwaba bwiza cyangwa bubi. Iki ni cyo kibabeshejeho, ni yo nshingano bagomba kuzuza cyangwa bakareka kuba Abajezuwite. Ni muri ayo mahitamo y’ikibi

uzababonamo. Baba bagomba gusohoza inshingano z'umuhamagaro wabo cyangwa bakabireka [ntibabe bakiri abajezuwite.] Tugomba kubabona bwa mbere nk'abanzi bakomeye b'ukwizera kwa giporotesitanti; bwa kabiri tukababona nk'abihaye Imana babi kandi batabikwiriye; kandi muri ubwo buryo bwombi, bakwiriye gufatwa nk'abantu batari abo kwizerwa." *G.B Nicolini, History of the Jesuits: Their Origin Progress, Doctrine, and Design. Henry G. Bohn, preface.*

Nk'uko tuzabibona, ububasha bw'Abajezuwite bwamaze gukwira isi yose. Mu rwego rwo gutegeka guverinoma zose zo ku isi, Abajezuwite bica abayobozi b'ibihugu iyo baramutse barwanyije gahunda zabo, nubwo abo bayobozi baba ari Abagaturika b'I Roma – nk'uko byagenze mu rupfu rwa Perezida John F. Kennedy wayoboraga Leta Zunze Ubumwe za Amerika. Bateza intambara kugira ngo bagere ku migambi yabo mu gushyira mu bikorwa Inama ya Trent – nk'intambara ya Vietnam, n'Intambara zifite isura y'intambara "ntagatifu" (crusades) za Papa, Amerika irwana n'Abayisilamu mu bihugu nka Iraq, Afghanistan no muri Arabia Saudite!*

# BABULONI YO MU BYAHISHUWE 17

*"1.Haza umwe wo muri ba bamarayika barindwi bari bafite za nzabya ndwi arambwira ati 'Ngwino nkwereke iteka maraya ukomeye azacirwaho, yicara ku mazi menshi. 2.Ni we Abami bo mu isi basambanaga na we, abari mu isi bagasinda inzoga ari zo busambanyi bwe.' 3.Anjyana mu butayu ndi mu Mwuka, mbona umugore yicaye ku nyamaswa itukura yuzuye amazina yo gutuka Imana, ifite imitwe irindwi n'amahembe cumi. 4.Uwo mugore yari yambaye umwenda w'umuhengeri n'uw'umuhemba. Yari arimbishijwe n'izahabu n'amabuye y'igiciro cyinshi n'imaragarita, mu ntoki ze yari afite igikombe cy'izahabu cyuzuye ibizira n'imyanda y'ubusambanyi bwe. 5.Mu ruhanga rwe afite izina ry'amayoberane ryanditswe ngo BABULONI IKOMEYE, NYINA W'ABAMARAYA, KANDI NYINA W'IBIZIRA BYO MU ISI. 6.Mbona ko uwo mugore asinze amaraso y'abera n'amaraso y'abahowe Yesu. Mubonye ndatangara cyane. 7.Marayika arambaza ati ni iki kigutangaje? Reka nkumenere ibanga ry'uriya mugore n'iry'inyamaswa imuhetse, ifite imitwe irindwi n'amahembe cumi. 8.Iyo nyamaswa ubonye yahozeho nyamara ntikiriho, kandi igiye kuzamuka ive ikuzimu ijye kurimbuka. Abari mu isi amazina yabo atanditswe mu gitabo cy'ubugingo, bazatangara babonye iyo nyamaswa yahozeho ikaba itakiriho, kandi ikazongera kubaho. 9.Aha ni ho hakwiriye ubwenge n'ubuhanga. Iyo mitwe irindwi ni yo misozi irindwi uwo mugore yicaraho. 10.Kandi ni yo bami barindwi: abatanu baraguye, umwe ariho undi ntaraza, kandi naza azaba akwiriye kumara igihe gito. 11.Ya nyamaswa yariho ikaba itakiriho, iyo ubwayo ni uwa munani, nyamara kandi ni umwe muri ba bandi barindwi kandi arajya kurimbuka." Ibyahishuwe 17:1-11*

Mbere y'uko dutangira kurebera hamwe ubutumwa bukubiye muri iyi mirongo ya Bibiliya, reka tubanze turebe ubusobanuro

bw'ibimenyetso n'imvugoshusho byakoreshejwe muri iki gice kirimo ubutumwa bwa gihanuzi:

- ✓ Umugore: Mu buhanuzi "umugore" asobanura itorero (2Abakorinto 11:2; Abefeso 5:22-32, n'ayandi).
- ✓ Maraya cyangwa umusambanyi: Mu gihe mu buhanuzi umugore utunganye ashushanya itorero rya Kristo, umugore wa maraya ashushanya itorero ryaguye, rigahindukirira izindi mana, kandi rifite inyigisho ridakomora kuri Kristo cyangwa mu Ijambo Rye (Bibiliya) (Ezekiel 16; 23; Yeremiya 3:1,8; Abalewi 17:7; 20:5,6).
- ✓ Inyamaswa: Mu buhanuzi "inyamaswa" isobanura ubwami cyangwa ubutegetsi (Daniyeli 7:17; 8:20, 21).
- ✓ Inyanja cyangwa Amazi menshi: Mu buhanuzi "Inyanja cyangwa Amazi menshi" bisobanura abantu benshi cyangwa amahanga n'amoko menshi (Ibyahishuwe 17:15).

Mbese Babuloni ivugwa mu Byahishuwe igice cya 17 ni iyihe?

Ubwo marayika yahaga Yohana ubutumwa buri mu gice cya 17 cy'igitabo cy'Ibyahishuwe, hari ibintu yavuze biranga Babuloni:

1. Ni umugore wicaye ku nyamaswa itukura yuzuye amazina yo gutuka Imana (Ibyahishuwe 17:3).
2. Uwo mugore yari yambaye umwenda w'umuhengeri n'uw'umuhemba (Ibyahishuwe 17:4).
3. Yari arimbishijwe izahabu n'amabuye y'igiciro cyinshi n'imaragarita (Ibyahishuwe 17:4).
4. Mu ntoki ze yari afite igikombe cy'izahabu cyuzuye imyanda y'ubusambanyi bwe (Ibyahishuwe 17:4).
5. Mu ruhanga rwe afite izina ry'amayoberane ryanditswe ngo BABULONI IKOMEYE, NYINA W'ABAMARAYA, KANDI NYINA W'IBIZIRA BYO MU ISI (Ibyahishuwe 17:5).

6. Mbona ko uwo mugore asinze amaraso y'abera n'amaraso y'abahowe Yesu (Ibyahishuwe 17:6).
7. "Iyo nyamaswa ubonye yahozeho nyamara ntikiriho, kandi igiye kuzamuka ive ikuzimu ijye kurimbuka. Abari mu isi amazina yabo atanditswe mu gitabo cy'ubugingo, uhereye ku kuremwa kw'isi, bazatangara babonye iyo nyamaswa yahozeho ikaba itakiriho, kandi ikazongera kubaho. Aha ni ho hakwiriye ubwenge n'ubuhanga. Iyo mitwe irindwi ni yo misozi irindwi uwo mugore yicaraho. Kandi ni yo bami barindwi: abatanu baraguye, umwe ariho undi ntaraza, kandi naza azaba akwiriye kumara igihe gito. Ya nyamaswa yariho ikaba itakiriho, iyo ubwayo ni uwa munani, nyamara kandi ni umwe muri ba bandi barindwi kandi arajya kurimbuka." (Ibyahishuwe 17:8-11).

Reka dusesengure ibyo bintu birindwi marayika yavuze biranga umugore wa maraya wo mu Byahishuwe 17, mu ruhanga rwe ufite izina ry'amayoberane ryanditswe ngo BABULONI IKOMEYE NYINA W'ABAMARAYA, KANDI NYINA W'IBIZIRA BYO MU ISI.

### 1. Ni umugore wicaye ku nyamaswa itukura yuzuye amazina yo gutuka Imana (Ibyahishuwe 17:3):

Nk'uko amasomo yo muri Bibiliya twabonye haruguru yabitugaragarije, mu buhanuzi umugore asobanura itorero, naho inyamaswa igasobanura ubwami cyangwa ubutegetsi. Bityo mu ishusho nk'iyi y'ubuhanuzi igaragaza umugore wicaye ku nyamaswa, biragaraza imitere y'itorero rifite ububasha bwo kugenzura ubutegetsi bw'isi kandi rikabukoresha kugira ngo rigere ku byo rigambiriye. Mu cyegeranyo cyakozwe na Dr Arthur Maricle cyitwa "*The inquisition: A Study in Absolute Catholic Power*" dusomamo amagambo akurikira:

“Ubwo Kiliziya Gaturika y’I Roma yavukaga ishinzwe n’umwami w’abami w’umupagani Constantine mu Nama y’I Nicea (Council of Nicea) mu mwaka wa 325 nyuma y’ivuka rya Yezu, Kiliziya Gaturika yahise ikwira hirya no hino kandi igira imbaraga mu nzego zose z’ubwami bwa Roma.”

Ubundi buhamya bugaragaza ko Kiliziya gaturika y’I Roma ari yo yagaragajwe na marayika nk’umugore wicaye ku nyamaswa, mu mvugo ya gihanuzi, cyangwa mu mvugo isanzwe, nk’itorero ryunze ubumwe na leta z’isi ku buryo ari ryo riziyobora, tubusanga mu gitabo cyanditswe n’umunyamateka w’Ubugorozi bwa Giporotesitanti witwa J. H. Merle D’Aubigne, mu gitabo cye yise “History of The Reformation of The Sixteenth Century” (Amateka y’Ubugorozi bwa Giporotesitanti bwo mu Kinyejana cya Cumi na Gatandatu). Yaranditse ati:

[Ubwo hatangiraga amakimbirane y’amoko atandukanye mu bwami bwa Roma, ari yo yaje gutuma Roma yigabanyamo ubwami icumi hagati y’umwaka wa 351 kugeza mu mwaka wa 476[9],] “Ibikomangoma byashegeshwe n’ibyo bihe bikomeye, byemeye kurinda Roma mu gihe na yo yaba yemeye kubashyigikira. Bayemereye ububasha bwose mu bijyanye n’iyobokamana, mu gihe na yo yaba yemeye kurinda ubutegetsi bwabo. Bayemereye kuyiha ubugingo bw’abantu, biringiye ko izabafasha kurwanya abanzi babo. Ububasha bwa Kiliziya Gaturika bwari buri kugenda bwiyongera, n’ububasha bwa cyami bwari buri kugenda bucika intege, bwafatanye mu biganza, maze ubwo butware bwombi bufata icyerekezo kimwe mu kugera ku ntego zabwo. Ku bw’ubwo bumwe, Roma ntacyo yari guhomba. Iteka ry’umwami Theodosius wa 2 n’iry’umwami Valerian wa 3 yatangaje ko Umuyobozi wa Kiliziya y’I Roma ari we ‘muyobozi mukuru w’itorero rya gikristo

[9] Aya magambo aboneka mu gitabo cyitwa “Daniel and The Revelation” cyanditswe na Uriah Smith, p.67

ku isi yose.’ Umwami Justinian na we yaciye iteka nk’iryo” *J. H. Merle D’Aubigne, History of The Reformation of The Sixteenth Century, Vol. 1, p.81*

“Ariko nta teka na rimwe muri ayo y’abo bami ryashoboraga gushyirwa mu bikorwa, mbere y’uko Abavandari, Abaheruru n’Aba Ostrogoths bari babangamiye ibyo byemezo bakurwa mu nzira. [(Abaheruru ni bo batsinzwe mbere)]. Abavandari batsinzwe n’ingabo za Belisarius mu mwaka wa 534; hanyuma Aba ostrogoths batsindwa urugamba ubwo bageragezaga kwigarurira Roma mu mwaka wa 538” *Uriah Smith, Daniel and The Revelation, p.151*

Ushobora gutekereza ko ibyo tumaze kubona byari ibyo mu myaka ya kera, ko ahari kiliziya gaturika ishobora kuba yarahindutse. Ibyo byaba ari ukwibeshya. Reka turebe ibyo amateka ya vuba aduhamiriza:

“Mu mwaka w’1550 Papa Julius III yatangaje ku mugaragaro ko afite ububasha n’imbaraga bya politiki ku isi yose abihamisha gushyira ahagaragara igiceri gishya cyari cyanditseho amagambo avuga ngo: ‘Igihugu cyangwa ubwami butazanyoboka buzarimburwa!’” *Popery. An Enemy to Civil and Religious Liberty; and Dangerous to Our Republic, W.C Brownlee, (New York: John S. Taylor, Publisher, 1836) p. 159*

“Mu mwaka w’1720 ubwo uwari umuyobozi w’abajezuwite ku isi Michael Angelo Tamburini yaganiraga n’igikomangoma cyo mu Bufaransa yaracyibwiye ati: ‘Reba, nyagasani, nicaye muri iki cyumba ntabwo nyobora Paris yonyine, ahubwo nyobora n’Ubushinwa, atari n’Ubushinwa gusa, ahubwo nyobora n’isi yose, kandi nta muntu n’umwe umenya uburyo ibyo bikorwamo.’” *History of the Jesuits, Andrew Steinmetz, (Philadelphia, Pennsylvania, Lea and Blanchard, 1848) Vol I, p.107*

“Uburenganzira bwo kwimura abami ni karemano mu bubasha bw’ikirenga bufitwe n’Abapapa, nk’abari mu cyimbo cya Kristo, kandi ubwo bubasha babukoresha ku bihugu byose bya gikristo.” – *Karidinali Henry Manning, 1892, Umushumba mukuru wa diyoseze ya Westminster; mu gitabo cyitwa “The Jesuits in History” cyanditswe na Hector Macpherson, (Springfield, Missouri: Ozark Book Publishers, 1997; cyasohotse bwa mbere mu mwaka w’1900) p.115*

“Mu by’ukuri, ni iki abajezuwite bagamije? Bo ubwabo bavuga yuko icyo bashaka gusa ari icyubahiro gikomeye cy’Imana: ariko nugenzura ibyo bakora uzabona yuko icyo bagamije gusa ari ukwigarurira isi. Biyeguriye Papa nk’abakozi be b’ingirakamaro cyane, ku buryo atabafite n’Ubupapa budashobora kubaho, kubera ko ubugaturika bugira ubusobanuro kubera bo. Biyeguriye no gukorera abategetsi b’isi nk’abakozi babo b’ingirakamaro kandi ni bo bafite impinduramatwara mu biganza byabo; kandi muri ubu buryo, binyuze mu kwiyoberanya gutandukanye, ni bo bayobora isi.” *Popery, Puseyism and Jesuitism, Luigi Desanctis, (London : D. Catt, 1905; cyahinduwe na Maria Betts kivuye mu mwimerere wanditse mu rurimi rw’igitaliyani cyasohotse cyitwa Roma Papale mu 1865) p. 139*

“Papa w’I Roma, nk’umuyobozi mukuru w’ubutegetsi bw’Ubupapa, avuga ko afite ubutware kuri za guverinoma zose zo ku isi.” *Romanism as a World Power, Luther S. Kauffman (Philadelphia, Pennsylvania: The American Publishing Co., 1922) p.31*

“Hitler yaravuze ati: ‘Nigiye byinshi ku muryango w’Abajezuwite… Kugeza ubu, ku isi ntihigeze habaho ikindi kintu gikomeye kandi gitangaje, nk’inzego z’ubuyobozi za kiliziya gaturika. Umugabane munini w’imiyoborere y’ishyaka ryanjye (NAZI) nayikuye muri gahunda y’imiyoborere yo muri kiliziya

gaturika.'" *[Hermann Rauschning, former national-socialist chief of government of Dantzig: 'Hitler m'a dit', (Ed. Co-operation, Paris 1939, pp.266,267,273 ss)]*

"Papa afite abatasi babarirwa mu bihumbi ku isi yose. Barimo Abajezuwite, Knights of Columbus (bisobanura ingabo zigendera ku mafarashi z'i Columbus), Knights of Malta (bisobanura ingabo zigendera ku mafarashi z'I Melita), Opus Dei (bisobanura umurimo w'Imana), n'abandi. Urwego rw'ubutasi rwa Vatikani ni rwo rwa mbere ku isi rukomeye." *A Woman Rides the Beast, Dave Hunt (Eugene, Oregon: Harvest House Publishers, 1994) p. 87*

Mu mwaka wa 2007 Musenyeri Pietro Parolin (ubu yabaye umukaridinali mu mwaka 2014, ku itariki 22 Gashyantare), umuyobozi ushinzwe ububanyi n'amahanga I Vatican, yaravuze ati: "Kiliziya gaturika ni ryo dini ryonyine rishobora kujya muri politiki y'ububanyi n'amahanga kandi rikareba ibijyanye n'uburenganzira ku rwego mpuzamahanga, ikabikora binyuze muri Leta ya Vatican, ifite urwego rufite ubwo budahangarwa yihariye mu yandi madini." *(Monsignor Pietro Parolin, Undersecretary for Relations with States, [http://www.zenit.org/en/articles/holy-see-insists-that-it-has-right-to-speak](http://www.zenit.org/en/articles/holy-see-insists-that-it-has-right-to-speak) )*

"Uwahoze ari umunyamabanga wa Leta ushinzwe ububanyi n'amahanga w'Ubwongereza Robin Cook, mu mwaka w'2010 yavuze amagambo akurikira: 'Ukuri ni uko, nta ngabo za kiyisilamu cyangwa umutwe w'iterabwoba witwa Al Qaida bibaho. Kandi buri muntu wese ukora mu rwego rw'ubutasi ibi bintu abizi neza. Ahubwo hariho inkubiri y'akagambane (propaganda) yo gutuma abantu bemera ko hariho umutwe w'abantu bahagarariye 'ikibi' cyangwa 'ibikorwa by'ubugizi bwa nabi' kugira ngo bayobore abareba amakuru kuri za televiziyo kwemera ubuyobozi bwishyize hamwe mpuzamahanga burwanya iterabwoba. Igihugu kiri inyuma

y'aka kagambane ni Leta Zunze Ubumwe Za Amerika… *Hashize iminsi mike* atangaje ayo magambo yahise apfa mu buryo butunguranye kandi butanabonewe ubusobanuro kuko nta kibazo ubuzima bwe bwari bufite.'" [http://suspiciousdeaths.blogspot.com/2010/05/robin-cook.html](http://suspiciousdeaths.blogspot.com/2010/05/robin-cook.html)

[Ibi Leta Zunze Ubumwe za Amerika zibikora zigamije gutuma isi yose ipfukamira Ubupapa nk'uko byari byarahanuwe mu gitabo cy'Ibyahishuwe 13:11-17]

Marayika kandi yavuze ko iyo nyamaswa yuzuye amazina yo gutuka Imana. Kuri iyi ngingo dusoma mu Byanditswe Byera amagambo akurikira: "*Umutambyi mukuru arahaguruka aramubaza ati "Ntiwiregura na hato? Ntiwumvise ibyo aba bakureze?" Yesu aricecekera. Umutambyi mukuru aramubwira ati "Nkurahirije Imana ihoraho, tubwire niba ari wowe Kristo, Umwana w'Imana." Yesu aramusubiza ati "Wakabimenye, kandi ndababwira yuko hanyuma muzabona Umwana w'umuntu yicaye iburyo bw'ubushobozi bw'Imana, aje ku bicu byo mu ijuru." Umutambyi mukuru abyumvise atyo ashishimura imyenda ye ati "Arigereranije. Turacyashakira iki abagabo? Dore noneho mwiyumviye kwigereranya kwe. Muratekereza iki?" Baramusubiza bati "Akwiriye kwicwa.*"" Matayo 26:62-66

Mu kibazo umutambyi mukuru yabajije agira ati "*Nkurahirije Imana ihoraho, tubwire niba ari wowe Kristo, Umwana w'Imana*." Ntabwo umutambyi mukuru yabajije iki kibazo agamije kumenya igisubizo, ngo nasanga Kristo ari Umwana w'Imana amwizere. Ahubwo ni umutego yari amuteze kugira ngo nahamya ko ari Umwana w'Imana amushinje ko yigereranije, kuko kwiyita Imana kandi uri umuntu cyari igitutsi kandi n'ubu ni igitutsi ku Mana, kandi Imana yavuze ko umuntu uzatuka izina ry'Imana agomba kwicwa, nk'uko byanditse mu gitabo cy'Abalewi 24:16.

Imana yongeye kugaragaza uburyo kwigerenya na Yo ari icyaha ubwo yavugaga kuri Lusiferi[10] nk'uko byanditse mu gitabo cy'umuhanuzi Yesaya; handitswe ngo: "*Wa nyenyeri yo mu ruturuturu we, mwana w'umuseke ko uvuye mu ijuru, ukagwa!... Waribwiraga uti... 'nzaba nk'Isumbabyose.' Ariko uzamanuka ikuzimu ugere ku ndiba ya rwa rwobo.*" Yesaya 14:12-15

No mu gitabo cy'umuhanuzi Ezekiyeli, handitswe ngo, "*Ijambo ry'Uwiteka ryongeye kunzaho riti "Mwana w'umuntu, ubwire umwami w'i Tiro uti 'Uku ni ko Umwami Uwiteka avuga ngo: Umutima wawe wishyize hejuru, uravuga uti "Ndi Imana, nicaye ku ntebe y'Imana iri hagati y'inyanja." Nyamara ariko uri umuntu nturi Imana, nubwo ugereranya umutima wawe n'umutima w'Imana." "'Ni cyo gituma Umwami Uwiteka avuga ati: Kuko wagereranije umutima wawe n'umutima w'Imana, ni cyo gituma ngiye kuguteza inzaduka z'abanyamahanga bateye ubwoba, na bo bazakuhira inkota zabo zikumareho ubwiza bw'ubwenge bwawe, banduze no kubengerana kwawe.*" Ezekiyeli 28:1,2,6,7

Ibyanditswe tumaze kubona bigaragaza neza ko kwiyita Imana kandi uri umuntu ari ugutuka Imana. Mbese ibintu nk'ibyo Roma yaba yarabikoze, ku buryo ibyavuzwe na marayika ko "yuzuye amazina yo gutuka Imana" na byo byaba ari ukuri kuri kiliziya gaturika y'I Roma? Kuri iki kibazo, mu ibaruwa yanditswe na Papa Bonifasi wa 8,mo dusoma amagambo akurikira:

"Papa w'I Roma acira urubanza abantu bose, ariko we ntawe umucira urubanza. Dutangaje, twemeje, dusobanuye kandi tuvuze ko: Kuba munsi y'ubutware bwa Papa w'I Roma ni ngombwa kuri buri kiremwa cyose kugira ngo kibone agakiza... ibyavuzwe kuri Kristo ngo 'yamuhaye gutwara byose abishyira munsi y'ibirenge

[10] Muri Bibiliya y'ingeri yitiriwe umwami Yakobo, yahinduwe mu buryo butaziguye ikuwe mu ndimi z'umwimerere zanditswemo Bibiliya, ni ukuvuga Isezerano Rya Kera mu Giheburayo n'Isezerano Rishya mu Kigereki, muri iyi mirongo handitsemo izina "Lucifer"

bye’[11], birasa n’aho ari njye yari yerekejeho… Mfite ubutware bw’Umwami w’abami. Ndi byose kandi ndi hejuru ya byose, ku buryo Imana Ubwayo nanjye, uri mu cyimbo cy’Imana, dufite kamere imwe, kandi nshobora gukora ibyo Imana ishobora gukora byose. None ubwo bimeze bityo, mwanyita iki kindi kitari Imana?” *Pope Boniface VIII, in his Bull Unam Sanctam (Papa Bonifasi wa 8, mu ibaruwa ye yanditse mu 1302, yise ‘Unam Sanctam’ bisobanura ‘umwe utunganye’).*

“Papa Lewo wa 8 na we yavuze ko ari Imana mu mabaruwa yanditse atandukanye, kandi biratangaje ukuntu ikinyamakuru cyitwa ‘*Time Magazine,*’ ubwo Papa Yohani Pawulo wa 2 yaraswaga n’abantu bashakaga kumwica, icyo kinyamakuru cyaranditse ngo: “Byari nko kurasa Imana.” *George J. Church et. al, "Hands of Terrorism," TIME (May 25, 1981). [http://www.time.com/time/magazine/article/0,9171,924742-1,00.html](http://www.time.com/time/magazine/article/0,9171,924742-1,00.html)*

Ibihamya tumaze kubona biragaragaza neza ko ubutumwa bwa marayika bwerekezaga kuri kiliziya gaturika y’I Roma.

## 2. Uwo mugore yari yambaye umwenda w’umuhengeri n’uw’umuhemba (Ibyahishuwe 17:4):

Umuhengeri (purple) n’umuhemba (red) ni amabara y’imyambaro yambarwa n’abakaridinali n’abasenyeri bo muri kiliziya gaturika. Abakaridinali ni rwo rwego ruri hejuru y’izindi nzego muri kiliziya gaturika. Ni bo batorwamo ugomba gusimbura papa mu gihe uriho apfuye cyangwa yeguye, kandi ni na bo bamutora.

[11] 1Abakorinto 15:27

Kuri iyi ngingo y'amabara y'umuhengeri n'umuhemba, hari ubundi buhamya butangaje bw'ibyabaye mu gihe cya papa Yohani wa 23:

"Kuva mu mwaka w'1939, inshingano yo gukora inkweto za papa yari ifitwe na Telesforo Carboni, wavuze ko papa Pawulo wa 6 yari afite ikirenge gito naho papa Yohani wa 23 akagira ikirenge kinini… Umunsi umwe Carboni yarambwiye ati: 'Ndibuka igihe papa Yohani wa 23 yazaga aho ndi akambwira ati: 'Carboni, ugomba kunkorera inkweto nziza kandi nini kandi ntumpambire ibirenge.' Yanyeretse inkweto nziza kurusha izindi yigeze kwambara, zari zarakozwe n'umwishywa we, wari umukozi w'inkweto I Bergamo, zari zisize ibara ry'umuhengeri (purple). Nagize ubwoba ubwo nabonaga iryo bara. Ni nde waba warigeze kumva papa yambaye inkweto zifite ibara ry'umuhengeri (purple)?' Naramubwiye nti, 'Mubyeyi nyirubutungane, ntabwo ushobora kwambara inkweto zifite ibara ry'umuhengeri. Ntabwo ari ibara rya papa.' Papa Yohani wa 23 yamaze akanya gato ari gutekereza, maze aravuga ati, 'Ariko Carboni, ntabwo nshaka kubabaza umwishywa wanjye. Iyo mwandikiye, ngomba kumubwira ko nambaye inkweto yankoreye.' Naramubwiye nti, 'Izo ngiye gukora, ndazisiga ibara ry'umuhemba (red).' Papa yaratangaye aravuga ati, 'Benissimo! (mu gitaliyani, bisobanura ngo 'ni byiza cyane.'), ucyemuye ikibazo cyanjye. Uri umutagatifu. Ukoze igitangaza cya mbere ku ngoma yanjye!'" *The Vatican Empire, Nino Lo Bello, (New York: Trident Press, 1968), p.50,51*

[Ntabwo nzi niba Telesforo Carboni na Papa Yohani wa 23 bari bazi ko bari gusohoza ubuhanuzi bwanditse mu Byahishuwe 17:4, ariko ikigaragara ni uko nk'uko marayika Gaburiyeli yabibwiye Mariya, 'Nta jambo Imana ivuga ngo rihere' Luka 1:37]

## 3. Yari arimbishijwe izahabu n'amabuye y'igiciro cyinshi n'imaragarita (Ibyahishuwe 17:4):

Mu magambo malayika yavuze ngo, "Yari arimbishijwe izahabu n'amabuye y'igiciro cyinshi n'imaragarita," humvikanamo ishusho y'ubwiza n'icyubahiro by'inyuma bikurura abantu, kandi bigaragaza ubutunzi bwinshi bw'uwo mugore. Kuri iyi ngingo, birahagije kureba ubutunzi kiliziya gaturika ifite nk'uko tugiye kubibona hepfo, imyubakire n'imiterere ya za kiliziya, ibikoresho bakoresha mu mihango itandukanye, n'amazina y'icyubahiro ahabwa abihaye Imana bo muri kiliziya gaturika, kugeza ubwo umuyobozi mukuru wabo (papa) bamwita 'Nyirubutungane.'

Ku butumwa malayika yavuze ku murongo wa 2 w'igice cya 17 cy'Ibyahishuwe, yongeraho indi ngingo y'ingenzi igaragaza neza uwo mugore uwo ari we. Mu Byahishuwe 18:3 handitswe ngo: "Kuko amahanga yose yanyoye inzoga ari zo ruba ry'ubusambanyi bw'uwo mudugudu, kandi abami bo mu isi basambanaga na wo, <u>abatunzi bo mu isi bagatungishwa n'ubwinshi bw'ubutunzi bwawo</u> no kudamarara."

Ubwo malayika yasangaga Yohana mu Byahishuwe 17:1, yaramubwiye ati: "Ngwino nkwereke iteka maraya ukomeye azacirwaho, yicara ku mazi menshi." Naho mu Byahishuwe igice cya 18 hari ubutumwa bugaragaza gusohora kw'iteka maraya ukomeye azacirwaho. Ku murongo wa 3 w'igice cya 18, umudugudu wa Babuloni uvugwa ko abami bo mu isi basambanaga na wo, <u>abatunzi bo mu isi bagatungishwa n'ubwinshi bw'ubutunzi bwawo</u> no kudamarara. Iby'isano kiliziya gaturika ifitanye n'abami bo mu isi, nk'uko byavuzwe n'Ijambo ry'Imana mu gitabo cy'Ibyahishuwe, twabibonye.

Ku magambo ya malayika ngo: “abatunzi bo mu isi bagatungishwa n’ubwinshi bw’ubutunzi bwawo no kudamarara,” dusoma ubuhamya butangaje bukurikira:

“Ibikorwa by’imari n’ubucuruzi bya Vatikani bizengurutswe n’ubwiru. Ni yo Leta yonyine itajya ishyira ahagaragara ingengo y’imari yayo; Vatikani ni ryo torero ryonyine rigenzura ibijyanye n’amafaranga yaryo ridakebakeba. Kandi ibyo bikorwa bijyanye n’amafaranga biraremereye kandi bifite amashami menshi ku buryo nta muntu umwe ushobora kubimenya byose uko byakabaye, ndetse na Papa ubwe ntabizi byose.

Ku kibazo kibaza ngo: ‘Mbese Papa akize bingana iki?’ Birahagije kuvuga ko byagaragaye neza ko na we ubwe atabizi.” *The Vatican Empire, Nino Lo Bello, (New York: Trident Press, 1968), p.12*

“Ku kibazo cy’ingenzi kirebana n’umutungo wa Vatikani, hari icyuho gikomeye mu kumenya amakuru ajyanye na byo, haba mu bantu b’imbere muri Vatikani ndetse no mu bo hanze yayo. Vatikani yashatse ko bimera bityo. Ntabwo yashatse gukora ibikorwa byayo ku buryo umuntu umwe, mu nshingano ze za buri munsi, ashobora kumenya ishusho yose y’ubutunzi butangaje bwa Vatikani. Uko bigaragara, umuntu umwe gusa niwe wagize amahirwe yo kubona iyi shusho yose uko yakabaye. Uwo muntu yitwaga Bernardino Nogara.

Itsinzi ikomeye ya Vatikani mu bijyanye n’ubucuruzi nyuma y’umwaka w’1929 [12] iyicyesha uyu mugabo wigeze kuba umunyeshuri mu bijyanye no gukora ibishushanyo by’inyubako (architecture). Bernardino Nogara yerekanye ubuhanga bwe mu bijyanye n’icungamari ubwo yari amaze guhabwa inshingano zo

[12] Kuva mu mwaka w’1798, ubwo Vatikani yatakazaga ububasha bwayo mu ruhando rwa politiki, yongeye kubugarurirwa mu mwaka w’1929, ubwo yasubizwaga ubutaka bwa Vatikani na Mussolini wayoboraga Ubutaliyani, ikongera kwemerwa mu isi nka Leta yigenga.

kubyaza umusaruro miliyoni mirongo icyenda z'amadolari y'Amerika, zari zimaze guhabwa Vatikani nk'impozamarira, izihawe na Mussolini wayoboraga Ubutaliyani icyo gihe. Nogara yahawe izo nshingano na Papa Piyo wa 11. Nogara, wahoze ari umuyobozi wungirije wa Banki y'Ubucuruzi y'Ubutaliyani (Banca Commerciale Italiana), yamenywe n'ubuyobozi bwa Vatikani binyuze muri Papa Benedigito wa 15, wari warashoye imari mu nzego z'umutekano z'ubwami bugari bwa Turukiya (Turkish Empire) abifashijwemo na Nogara, icyo gihe wari umuyobozi mukuru w'ishami rya Banki y'Ubucuruzi y'Ubutaliyani mu mugi wa Istanbul muri Turukiya. Amaze guhabwa inshingano yo kuyobora urwego rushya rushinzwe ubucuruzi rwa Vatikani (rwitwaga Special Administration), Nogara yahawe umudendezo wose wo kuruyobora; nubwo byinshi mu bikorwa by'ubucuruzi bya Vatikani byabaga biri hanze ya Vatikani, Nogara yigaragaje nk'umucungamari udasanzwe. Akoresheje politiki y'ishoramari yo ku rwego mpuzamahanga, yongereye umutungo yahawe gucunga wikuba inshuro nyinshi." *The Vatican Empire, Nino Lo Bello, (New York: Trident Press, 1968), p.25*

"Urwego rwa Vatikani rushinzwe ubucuruzi rufite umwihariko wo kugira umudendezo, udafitwe n'undi muntu uwo ari wese mu bikorwa byarwo (yaba abashoramari cyangwa ba minisitiri b'imari b'ibihugu), kuko nta muntu n'umwe urubaza ibyo rukora. Nta nteko ishinga amategeko cyangwa inama y'abaminisitiri irugenzura. Ntabwo higeraga habazwa gutanga raporo mu nama z'abanyamigabane. Kuko urwo rwego rwakoraga mu ibanga (nk'uko minisiteri y'imari ya Vatikani ubu ikora), nta kinyamakuru cyashoboraga kumenya amakuru yarwo. Mu Butaliyani no mu bindi bihugu byinshi ntibishyuraga imisoro. Kuko nta n'ikibazo cy'amafaranga bari bafite bashoboraga gukora ishoramari ryo ku rwego rwose kandi ry'igihe kirekire. Binyuze mu bushobozi

bahabwaga na politiki y'ububanyi n'amahanga ya Vatikani, ibikorwa byabo by'ubucuruzi byarihutishwaga, kandi binyuze no mu bakozi bahagarariye Vatikani mu bindi bihugu, bahoraga batanga amakuru I Vatikani, bigatuma bahora bari hejuru y'abandi bashoramari.

Nubwo amafaranga amwe aba abitse muri banki zo mu Busuwisi, Vatikani iba ifite amafaranga no mu zindi banki zitandukanye." *The Vatican Empire, Nino Lo Bello, (New York: Trident Press, 1968), p.21,22*

"Vatikani ntabwo ikorana n'amabanki yo mu Butaliyani gusa. Umutungo ugenzurwa n'Urwego rwa Vatikani Rushinzwe Ubukungu (Vatican's Prefecture of Economic Affairs) ubitse no mu mabanki atandukanye atari ayo mu Butaliyani. Amwe muri ayo mabanki ari muri Amerika, andi menshi ari mu Busuwisi, aho Vatikani ifite umutungo ubitse ku makonti atandukanye y'ayo mabanki. Nta muntu n'umwe uzi ingano y'amafaranga Vatikani ibitse mu Busuwisi. Ariko birazwi ko impamvu imwe ituma Vatikani ikunda kubitsa mu Busuwisi ari uko ifaranga ry'Ubusuwisi rifite ubushobozi bwo guhangana no guta agaciro kw'amafaranga yo mu bindi bihugu." *The Vatican Empire, Nino Lo Bello, (New York: Trident Press, 1968), p.118*

"Nanone kandi, Vatikani ikoresha amakonti yo mu Busuwisi mu rwego rwo guhisha izina ryayo iyo ishaka kwigarurira ibigo by'ubucuruzi byo mu mahanga. Amabanki yo mu Busuwisi, afite itandukaniro arusha ayo muri Amerika, kuko amabanki yo mu Busuwisi ashobora gukora nk'abanyamigane; aba afite imigabane myinshi y'abakiliya bayo mu bindi bigo ariko atagaragaza izina ry'umukiliya [nyir'iyo migabane]. Vatikani, nk'undi mukiliya wese ubitsa muri izo banki, ishobora kubwira banki ikagura imigabane mu kigo cy'ubucuruzi ariko iyo migabane ikaba iri ku izina ry'iyo

banki, maze muri ubwo buryo ikaba ishobora kugenzura icyo kigo nta muntu n'umwe umenye ko ari Vatikani ibikora." *The Vatican Empire, Nino Lo Bello, (New York: Trident Press, 1968), p.119*

"Ahari, amagambo y'ubuhanuzi yaba yarigeze avugwa n'umupapa, ku bigendanye n'umwanya ukomeye Vatikani ifite mu rwego rw'ubukungu, ni ayavuzwe na Papa Piyo wa 11 mu rwandiko rwe rwamenyekanye cyane kugeza n'uyu munsi rwitwa 'Non Abbiamo Bisogno' [bisobanura ngo 'We don't Have Need' (Ntacyo Ducyennye). Iyo baruwa yashyizwe ahagaragara mu Bufaransa, itangazwa mu ibanga kuko yanengaga ubutegetsi bw'igitugu bwariho mu Butaliyani (Fascist regime). Ayo magambo aravuga ngo:

"Imbaraga nyinshi n'ububasha bukomeye mu rwego rw'ubukungu biri mu biganza by'abantu bacye, kandi umugabane munini w'abo bantu ntabwo ari bo ba nyir'ubwo butunzi, ahubwo ni abagiriwe icyizere cyo kuyobora uwo mutungo, bakoresha uko bashaka. Ubwo bubasha bukoreshwa n'abo bantu, kubera ko ari bo bafite amafaranga kandi bakayagenzura, ni na bo bagenzura iby'inguzanyo n'uko zikoreshwa; kubera iyo mpamvu, twavuga ko ari bo batanga ubuzima mu rwego rw'ubukungu rwose, kandi nk'uko bigaragara, ni nk'aho ari bo bafite umutima w'ibitanga umusaruro; bityo nta muntu n'umwe ushobora kurwanya ibyo bashaka. Uku kwigarurira imbaraga ni cyo kintu cy'ingenzi kiranga gahunda y'ubukungu yo muri iki gihe (modern economic order).

Papa Piyo wa 11 avuga aya magambo, yari arimo arenguriza ahandi, kandi amagambo yavuze agira ubusobanuro bwayo iyo yerekeye ku bwami bukomeye bwa Vatikani nk'uko bumeze muri iki gihe." *The Vatican Empire, Nino Lo Bello, (New York: Trident Press, 1968), p.14,15*}

[Duhereye ku buhamya tumaze kubona, biragaragara ko nta kindi gihugu, ubwami cyangwa umuntu ushobora kuzuza ibyavuzwe na malayika mu buhanuzi ngo "...abatunzi bo mu isi bagatungishwa n'ubwinshi bw'ubutunzi bwawo (Babuloni)," uretse Leta ya Vatikani iyoborwa na Papa akaba n'umuyobozi mukuru wa kiliziya gaturika.]

### 4. Mu ntoki ze yari afite igikombe cy'izahabu cyuzuye imyanda y'ubusambanyi bwe (Ibyahishuwe 17:4).

Kuri iyi ngingo ya kane, hari amagambo dusoma mu Byanditswe Byera ashobora kudufasha:

Mu gitabo cy'umuhanuzi Yeremiya dusomamo amagambo akurikira: "I Babuloni hahoze ari igikombe cy'izahabu mu ntoki z'Uwiteka, hashindishaga isi yose. Amahanga yanyoye kuri vino yaho, ni cyo cyatumye amahanga asara." Yeremiya 51:7. Mu magambo umuhanuzi Yeremiya biragaragara ko atavugaga Babuloni yo kwa Nebukadinezari kubera ko ishusho umuhanuzi yakoresheje igaragaza Babuloni nk'iyigeze kuba igikoresho cy'Imana mu guhaza amahanga ibiturutse kuri Yo. Kandi tuzi neza ko Babuloni yo kwa Nebukadinezari bwari ubwami busenga ibigirwamana ku mugaragaro. Nubundi Umuhanuzi Yeremiya yavugaga ibya Babuloni ivugwa mu Byahishuwe 17.

Kuri iyi ngingo ya kane, malayika yaravuze ati: "Mu ntoki ze yari afite igikombe cy'izahabu cyuzuye imyanda y'ubusambanyi bwe." Nk'uko twabibonye dutangira iki gice, maraya cyangwa umusambanyi mu buhanuzi bisobanura itorero ryaguye, rigahindukirira izindi mana, kandi rifite inyigisho ridakomora kuri Kristo cyangwa mu Ijambo Rye (Bibiliya) [Ezekiel 16; 23; Yeremiya 3:1,8; Abalewi 17:7; 20:5,6].

Ingingo eshatu zabanje zatugaragarije nta gushidikanya ko ubutumwa marayika yabwiye Yohana bwerekezaga kuri kiliziya gaturika y'I Roma, kandi ibyo yabivuze bitaraba, ariko kuko Ijambo ry'Imana ritabeshya, ubwo kiliziya gaturika yabagaho, yitwaye neza nk'uko ubuhanuzi bwatanzwe na Kristo bwari bwarabivuze. None se, kiliziya gaturika yaba ifite inyigisho zidakomoka mu Ijambo ry'Imana (Bibiliya) ku buryo yaba ari yo yavuzwe n'ubuhanuzi ko ifite mu ntoki zayo igikombe cyuzuye imyanda y'ubusambanyi?

Uwitwa Steve Rudd yakusanije imihango n'amahame byinjijwe mu myizerere ya gikristo bizanywe na kiliziya gaturika, nyamara bikaba nta hantu na hamwe biboneka mu Ijambo ry'Imana:

| Nº | Inyigisho z'ibinyoma zaturutse muri kiliziya gaturika | |
|---|---|---|
| 1 | 200 AD[13] | Kubatiza(kwibiza) abana bari hafi gupfa, ariko bafatwa nk'abere. (Tertullian V.12) |
| 2 | 250 AD | Bwa mbere akarere k'Afurika y'amajyaruguru katangije umubatizo w'abana kanamanura imyaka yo kubatizwa iva ku bana bato igera no ku bakivuka. Ariko ibi byarwanijwe n'utundi duce. |
| 3 | 257 AD | Umubatizo wo gushyira amazi ku gahanga ku bantu bakuru mu kimbo cyo kwibiza wakoreshwejwe bwa mbere nk'umwihariko ku barwayi baryamye ku bitanda, ariko byateje impagarara. |
| 4 | 300 AD | Gusengera abapfuye |
| 5 | 320 AD | Amategeko agenga imyambaro yihariye y'abihaye Imana mu gihe cyo gusenga |
| 6 | 325 AD | Mu nama rusange y'I Nice, muri 325, hatanzwe |

[13] AD: bisobanura Anno Domini. Iri jambo rikoreshwa mu gihe umuntu ashaka kugaragaza imyaka ya nyuma y'ivuka rya Kristo hakurikijwe kalindari yahimbwe na Papa Gerigori wa 13 mu mwaka w'1582, akaba yari avuguruye iyahimbwe n'umwami wa Roma Julius Kayisari mu mwaka wa 46 mbere ya Kristo.

| | | |
|---|---|---|
| | | igitekerezo, bivugwa ko cyatanzwe na Musenyeri Hosius, cyo kuvanaho burundu ugushyingirwa kw'abihaye Imana; ariko cyararwanijwe cyane, maze cyirangwa. |
| 7 | 325 AD | Itariki ya pasika yashyizweho. |
| 8 | 379 AD | Gusenga Bikiramariya n'abatagatifu (Amasengesho ya Ephraim Syrus) |
| 9 | 385 AD | Mu Burengerazuba, bwa mbere ugushyingirwa kw'abihaye Imana kwarabuzanijwe, ari byo byaje kuba imvano y'iryo tegeko muri kiliziya ku isi, bikomeza mu mwaka wa 385 muri kiliziya y'I Roma ariko yari ibaruwa yanditswe na Musenyeri Siricius ayandikira Musenyeri wa Tarragona muri Espagne, Musenyeri Himerius. |
| 10 | 389 AD | Gusenga Bikiramariya bitangijwe na Gregory Nazianzen |
| 11 | 400 AD | Ihame rivuga ko umuntu wakijijwe adashobora gusubira inyuma cyangwa ngo uwakijijwe rimwe aba akijijwe by'iteka (Augustine XII.9) |
| 12 | 416 AD | Umubatizo (kwibiza) w'abana wabaye itegeko ku bana bose (Mu nama y'I Mela, yari iyobowe na Austin) |
| 13 | 430 AD | Kwerereza Bikiramariya nk' "Umubyeyi w'Imana" byashyizweho bwa mbere n'inama yabereye muri Efeso (Council of Ephesus) |
| 14 | 502 AD | Itegeko rishyiraho imyambaro yihariye y'abihaye Imana igihe cyose |
| 15 | 500 AD | Umugenzo w'ababikira (kwambara ikanzu y'umukara n'ivara ry'umeru) |
| 16 | 519 AD | Igisibo |

| | | |
|---|---|---|
| 17 | 526 AD | Ugusigwa kw'abarwayi |
| 18 | 593 AD | Ihame rya Purigatori ryamamajwe rivuye mu bitabo byo mu rwego rwa kabiri (Apocrypha) na Gregory mukuru |
| 19 | 600 AD | Bwa mbere ikilatini gikoreshwa muri gahunda yo gusenga (Gregory I) |
| Itangira rya kiliziya gaturika y'I Roma y'aba orthodox nk'uko tuyizi imeze ubu | | |
| 20 | 607 AD | Papa wa mbere: Boniface III ni we wa mbere wahawe izina ry' "Umushumba wa kiliziya ku isi" abihawe n'iteka ry'umwami w'abami Phocas. (Roman emperor 602-610) |
| 21 | 608 AD | Papa Boniface IV. Yahinduye ingoro y'ibigirwamana y'I Roma yitwa Pantheon ihinduka iya Bikiramariya n'abahowe ukwizera kwabo: Inzu y'ikigirwamana cya Olympus ihinduka iy'imana zo ku ijuru. |
| 22 | 670 AD | Ibicurangisho by'umuziki: Ibya mbere byashyizweho na papa Vitalian |
| 23 | 709 AD | Gusoma ibirenge bya papa Constantin |
| 24 | 753 AD | Umubatizo wo ku gahanga ku barwayi bari ku buriri waremewe |
| 25 | 787 AD | Gusenga ibishushanyo n'amashusho byaremewe (Mu nama ya 2 y'I Nicea) |
| 26 | 787 AD | Roma (Latin) na Constantinople (Greek) zaritandukanije havuka ibice bibiri, ari byo byaje kubyara amadini abiri mu mwaka w'1054 nyuma ya Kristo. |
| 27 | 965 AD | Umubatizo w'abana bataravuka (inda itaravuka) byatangijwe na papa Yohani XIII |

| | | |
|---|---|---|
| 28 | 850 AD | Gucana imuri ntagatifu |
| 29 | 995 AD | Guhindura abantu bapfuye abatagatifu, byatangijwe bwa mbere na papa Yohani XV |
| 30 | 998 AD | Uwa gatanu mutagatifu: Kurya ifi gusa no kubuzanya kurya inyama zitukura |
| 31 | 1009 AD | Amazi matagatifu (amazi y'umugisha) |
| 32 | 1022 AD | Penetensiya |
| 33 | 1054 AD | Ugutandukana kwa kiliziya gaturika y'I Roma na kiliziya y'aba orthodox |
| 34 | 1054 AD | Kiliziya gaturika yemeye bidasubirwaho ibicurangisho by'umuziki, aba Orthodox barabyanga kugeza n'ubu. |
| 35 | 1079 AD | Ukudashyingirwa kw'abihaye Imana kwahindutse itegeko (Papa Gregory VII) |
| 36 | 1090 AD | Ishapule: Yahimbwe n'uwihaye Imana w'umugaturika witwa Peter the Hermit |
| 37 | 1095 AD | Ibicurangisho by'umuziki |
| | 1190 AD | Gucuruza indurugensiya cyangwa "Icyangombwa cy'ibyaha" (Igihano cy'ibyaha gikurwaho) |
| 38 | 1215 AD | Guhindura ukarisitiya na divayi bakavuga ko bihindutse umubiri n'amaraso bya Kristo nyakuri (Transubstantiation) byashyizweho na papa Innocent III mu nama ya IV y'I Lateran |
| 39 | 1215 AD | Kwaturira umupadiri ibyaha byatangijwe na papa Innocent III mu nama y'I Lateran |
| 40 | 1215 AD | Misa nk'igitambo cya Kristo |
| 41 | 1217 AD | Kuramya no kwerereza ukarisitiya: ni ukuvuga nk'ibisabanisha abakristu gaturika (Papa Honrius III) |

| | | |
|---|---|---|
| 42 | 1230 AD | Inzongera mu gihe cya misa |
| 43 | 1251 AD | Imyambaro y'abihaye Imana yahimbwe na Simon Stock (yabaye umwe mu bayobozi bakuru ba mbere b'umuryango w'abakarumelite) |
| 44 | 1268 AD | Ububasha ntavuguruzwa bw'abapadiri |
| 45 | 1311 AD | Umubatizo wo ku gahanga wemejwe ko ari wo ugomba gukorwa ku isi yose mu mwanya wo kwibiza, atari ku barwayi gusa ahubwo ku bantu bose. (Inama y'I Ravenna) |
| 46 | 1414 AD | Abalayiki babujijwe gutanga divayi mu gihe cyo gusangira ukaristiya ana divayi. (Inama y'I Constance) |
| 47 | 1439 AD | Purigatori yahinduwe ihame ry'ukwizera n'inama y'I Florence |
| 48 | 1439 AD | Ihame ry'amasakaramentu arindwi ryaremejwe. |
| 49 | 1480 AD | Urukiko rwaciraga imanza abantu babaga bafite imyemerere inyuranye n'iya kiliziya gaturika. (rwo muri Espagne) |
| 50 | 1495 AD | Ububasha bwa papa bwo kugenzura uburenganzira bwo gushyingirwa |
| 51 | 1534 AD | Umuryango w'abajezuwuiti washinzwe na Loyola |
| 52 | 1545 AD | Imigenzo y'itorero yahimbwe n'abantu yashyizwe ku rwego rumwe na Bibiliya. (Inama y'I Trent) |
| 53 | 1545 AD | Ibitabo byo mu rwego rwa kabibiri (Apocrypha) byongewe kuri Bibiliya (Inama y'I Trent) |
| 54 | 1546 AD | Gutsindishirizwa n'imirimo myiza yo gukiranuka |
| 55 | 1546 AD | Misa yatangiye gusomwa mu kiliatini ku isi yose |
| 56 | 1547 AD | Kuzuzwa roho mutagatifu |
| 57 | 1560 AD | Ibiteketerezo bwite bya papa Pius IV byemejwe |

| | | |
|---|---|---|
| | | nk'amahame y'ukwemera kwa kiliziya yose. |
| 58 | 1864 AD | Syllabus Errorum [Umuzingo w'amakosa] wavugaga ko "Ibihugu by'abagaturika" bitagomba kwihanganira andi madini, (nta mudendezo mu by'idini), nta mudendezo w'umutimanama, gutandukanya kiliziya gaturika na leta byari bibujijwe, ubutware bwa papa ku bategetsi bose (byashyizweho umukono na papa Pius IX n'inama y'I Vatican), byavanyweho. |
| 59 | 1870 AD | Papa ntiyibeshya (inama y'I Vatikani) |
| 60 | 1908 AD | Abagaturika bose bagomba kubatirizwa muri kiliziya gaturika |
| 61 | 1930 AD | Amashuri ya leta yaciwe na papa Pius XII |
| 62 | 1950 AD | Isengesho ru'abanyabayaha, ryahimbwe na Billy Sunday rikamamazwa na Billy Graham. (abagaturika bamwe n'ubu bararikoresha) |
| 63 | 1950 AD | Inyigisho ivuga ko umubiri wa bikiramariya wagiye mu ijuru nyuma gato y'urupfu rwe. (Papa Pius XII) |
| 64 | 1954 AD | Inyigisho ivuga ko Bikiramaliya atasamanywe icyaha yahimbwe na papa Pius XII |
| 65 | 1995 AD | Gukoresha abakobwa mu mirimo yari isanzwe ikorwa n'abahungu kuri aritari. |
| 66 | 1996 AD | Abagaturika bashobora kwemera ihindagurika (Papa Yohani Pawulo wa II) |

Source: http://www.bible.ca/cath-new-doctrines.htm by Steve Rudd

Mu gushimangira umurimo wabo wo gushyiraho gahunda y'imisengere inyuranye n'iyashyizweho n'Imana, kiliziya gaturika yahinduye umunsi wo kuruhuka no guterana kwera (Abalewi 23:3) iwuvana ku munsi wa karindwi wategetswe n'Imana mu itegeko

rya kane iwushyira ku munsi wa mbere w'icyumweru (dimanche). Nubwo abakristo benshi baruhuka dimanche bibwira ko ari wo Imana yategetse, nta hantu na hamwe uwo munsi ugaragara muri Bibiliya nk'umunsi wo kuruhuka no guterana kwera, ahubwo uwo munsi wazanywe na kiliziya gaturika mu buryo butemewe n'Ijambo ry'Imana (Bibiliya). Kuri iyi ngingo dufite ubuhamya bukurikira:

*"Ku wa mbere w'iminsi irindwi, kare mu museke bajya ku gituro bajyanye bya bihumura neza batunganije. Babona igitare kibirinduye kivuye ku gituro, binjiramo ntibasangamo intumbi y'Umwami Yesu. Bakiguye mu kantu, abagabo babiri bahagarara aho bari bambaye imyenda irabagirana. Abagore baratinya bubika amaso, nuko abo bagabo barababaza bati "Ni iki gitumye mushakira umuzima mu bapfuye? Ntari hano ahubwo yazutse."* Luka 24:1-6

Birazwi neza ko Yesu yazutse ku munsi wa mbere w'iminsi irindwi ari wo munsi benshi bita "ku cyumweru" (dimanche). Ushobora kuvuga uti 'umunsi wose naheraho mbara, uwo naherukirizaho wose ushobora kwitwa uwa karindwi.' Ariko si ryo tegeko Imana yatanze. Uwiteka yaravuze ati: "Kandi mujye mubara iminsi muhereye kuri uwo munsi wa mbere w'isabato…"

Amagambo akurikiyeho ni ayavuzwe n'abihaye Imana bo muri kiliziya gaturika, andi ni ayo bagiye basohora mu binyamakuru bya kiliziya gaturika bitandukanye, ahamya ko Isabato idahinduka ko gusenga ku cyumweru ari ibyahimbwe na kiliziya gaturika kandi ko nta hantu na hamwe iyo mbpibnnduka bakoze ishyigikirwa n'Ijambo ry'Imana (Bibiliya):

"Icyumweru ni umunsi washyizweho na kiliziya gaturika kandi gusenga kuri uwo munsi nta handi bishingiye uretse ku mahame ya kiliziya gaturika… Kuva mu itangiro ukageza aho Ibyanditswe birangirira, nta murongo n'umwe ushyigikira gusimbuza gahunda

yo gusenga ku munsi wa karindwi w'icyumweru, umunsi wa mbere." *Ibiro Ntaramakuru bya Kiliziya Gaturika, by'I Sydney, Australia, Kanama 1900. (The Catholic Press, Sydney, Australia, Août 1900)*

"Abaporotesitanti, uretse kwishingikiriza ku bubasha bwa kiliziya gaturika y'I Roma, nta mpamvu n'imwe yumvikana bafite ishyigikira inyigisho yo kuruhuka icyumweru, bityo bakabaye mu by'ukuri baruhuka Isabato, [y'umunsi wa karindwi] Samedi." *John Gilmary Shea, mu cyinyamakuru cya kiliziya gaturika gisohoka buri gihembwe cyitwa American Catholic Quaterly Review, Mutarama, 1883.*

"Tugomba kwibutsa Abapresibiteriyene, Ababatisita, Abametodisite, n'abandi bakristo bose, ko Bibiliya itabashyigikira na gato mu gubahiriza icyumweru. Icyumweru cyashyizweho na Kiliziya gaturika kandi kucyubahiriza bisobanuye kugandukira (kumvira) itegeko rya kiliziya gaturika." *Ijambo ryavuzwe na padiri Brady, rikandikwa mu kinyamakuru cyitwa Elizabeth, N.J. News cyo ku itariki 18/03/1903*.

"**Ikibazo**: Mbese hari ibindi bihamya byaba bishyigikira ubutware bwa kiliziya ku bijyanye no gushyiraho iminsi mikuru (gufata iminsi bakayindura iyo kuruhukaho)? **Igisubizo**: Niba idafite ubwo butware, ibyo yakoze isimbuza umunsi wa karindwi, ari wo Sabato (Samedi), ikawusimbuza umunsi wa mbere w'icyumweru, ari wo dimanache, ibintu bidashyigikirwa n'inyigisho za Bibiliya, ntibikwiriye kwemerwa n'abigisha b'iyobokamana bo mu gihe cyacu." *Stephan Keenan, A Doctrinal Catechism, page 176*.

"Ubwenge no gushyira mu gaciro bisaba ko umuntu ahitamo kimwe muri ibi bintu bibiri: Ubuporotesitanti no kuruhuka ku munsi wa karindwi w'icyumweru (Samedi) nk'umunsi w'ikiruhuko, cyangwa ugahitamo ubugaturika n'umunsi wa mbere w'icyumweru

nk'umunsi w'ikiruhuko. Nta kumvikana kundi gushoboka." *The Catholic Mirror, 23/12/1893*

"Abaporotesitanti… bemera dimanche aho kwemera samedi nk'umunsi w'amateraniro yo gusenga nubwo ari kiliziya gaturika yabihinduye… Ariko icyo abaporotesitanti batamenya… ni uko mu kubahiriza dimanche, baba bagaragaje ko bemera ubutware bw'umutegeka wa kiliziya, ari we papa." *Our Sunday Visitor, 05/02/1950*

"Niba Abaporotesitanti baha Bibiliya agaciro, bari bakwiriye gusenga Imana ku munsi w'Isabato. Mu kubahiriza dimanche, baba bari kubahiriza itegeko rya kiliziya gaturika." *Albert Smith, Umwe mu bayobozi ba diyoseze ya Baltimore, asubiza umukaridinari, mu ibaruwa yo ku itariki 10/02/1920.*

*[Amagambo akurikiyeho yasohotse mu nyandiko yanditswe n'umuryango w'abihaye Imana b'abagaturika wa mutagatifu Visenti wa Pawulo, yashyizwe ahagaragara na Musenyeri wa diyoseze ya Clifton witwaga Cardinal Wiseman, mu mwaka 1852 mu mugi wa London mu gihugu cy'Ubwongereza. Nyuma iyo nyandiko yaje kongera gusohoka ihawe uburenganzira n'umuyobozi wa kiliziya gaturika muri New York, Musenyeri John Hughes mu mwaka w'1856 muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika]*

"Ngiye kubaza ikibazo cyumvikana kandi cy'ingenzi cyane, kandi ndifuza ko abantu bose bavuga ko bakurikiza "Bibiliya ndetse Bibiliya yonyine" bacyitaho cyane. Ni ikingiki: Kuki mutaziririza umunsi w'isabato ngo muweze?

"Itegeko ry'Imana Ishoborabyose ryanditse neza muri Bibiliya mu buryo bugaragara muri aya magambo: "Wibuke kweza umunsi w'isabato. Mu minsi itandatu ujye ukora, abe ari yo ukoreramo imirimo yawe yose, ariko uwa karindwi ni wo sabato y'Uwiteka

imana yawe. Ntukagire umurimo wose uwukoraho.” Kuva 20:8,9. [Imana] irongera iti: “Mu minsi itandatu imirimo ijye ikorwa, ariko uwa karindwi ujye ubabera umunsi wera, isabato yo kuruhuka yerejwe Uwiteka, ugira umurimo wose awukoraho azicwe. Ntimugacane umuriro mu buturo bwanyu bwose ku munsi w’isabato.” Kuva 35:2,3 Mbega ukuntu itegeko ry’Imana ryeruye kandi ridakebakeba! Nta murimo uwo ari wo wose wagombaga gukorwa ku munsi [Imana] yatoranije ikawiyegurira kandi ikaweza; Yasabye ubwoko bwayo ko batagomba gucana n’umuriro kuri uwo munsi. Hanyuma ku bw’iryo tegeko, ubwo abana b’Isiraheli “basangaga umuntu utoragura inkwi ku isabato,” “Uwiteka yabwiye Mose ati ‘uwo muntu ntabure kwica, iteraniro ryose rimwicishe amabuye inyuma y’aho baganditse’ Kubara 15:35. Ubwo itegeko ry’Imana rimeze rityo, ndongera kubabaza, kuki mutaryumvira? Kuki muteza umunsi w’isabato?

“Ahari, muransubiza ko mweza umunsi w’Isabato; kubera ko muhagarika imirimo yanyu yose maze mukajya gusenga mwitonze, mukavuga amasengesho yanyu, kandi mukanasoma Bibiliya zanyu mu rugo, buri ku Cyumweru (dimanche) mu buzima bwanyu.

“Ariko *Icyumweru (dimanche) ntabwo ari umunsi w’Isabato*. Dimanche ni umunsi wa mbere w’icyumweru. Imana Ishoborabyose ntiyigeze itanga itegeko ko abantu bagomba kweza *umunsi umwe mu minsi irindwi;* ahubwo yatoranije umunsi wayo wihariye, nuko ivuga yeruye iti: ‘*Ujye weza umunsi wa karindwi;*’ kandi yatanze n’impamvu yahisemo uyu munsi aho guhitamo undi uwo ari wo wose – impamvu yihariye ku munsi wa karindwi w’iminsi irindwi wonyine, kandi idashobora kuboneka ku yindi minsi isigaye. Iravuga iti, ‘Kuko iminsi itandatu ari yo Uwiteka yaremeyemo ijuru n’isi n’inyanja n’ibirimo byose, akaruhukira ku wa karindwi. Ni cyo cyatumye Uwiteka aha umugisha umunsi

w'isabato, akaweza.' Imana Ishoborabyose yategetse ko abantu bose bagomba kuruhuka imirimo yabo ku munsi wa karindwi, kubera ko na Yo yaruhutse kuri uwo munsi: Ntabwo yaruhutse ku Cyumweru (dimanche), ahubwo yaruhutse ku wa Karindwi (Saturday). Ku Cyumweru (dimanche), ari wo munsi wa mbere w'iminsi irindwi, ni wo Yatangiriyeho umurimo wo kurema. Ntiyigeze iwurangiza kuri uwo munsi; ku munsi wa karindwi (Saturday), 'Imana irangiza imirimo yakoze, iruhuka ku munsi wa karindwi imirimo yayo yose yakoze. Imana iha umugisha umunsi wa karindwi iraweza, kuko ari wo Imana yaruhukiyemo imirimo yakoze yose.' (Itangiriro 2:2,3) Nta kindi kintu kibasha kumvikana neza nk'ibingibi; kandi nta muntu n'umwe wagerageza kubihakana; Byemerwa na buri muntu wese ko umunsi Imana Ishoborabyose yashyizeho kugira ngo tuweze ari umunsi wa Karindwi (Saturday), atari ku Cyumweru (Sunday). Kuki mwubahiriza Icyumweru (dimanche), ntimwubahirize umunsi wa Karindwi (Saturday)?

"Ahari murambwira ko umunsi wa Karindwi yari Isabato y'Abayahudi, ko Isabato y'Abakristo yahinduwe igashyirwa kuwa mbere w'iminsi irindwi (dimanche). Yahinduwe! Ariko, yahinduwe na nde? Ninde ufite ububasha bwo guhindura itegeko ryahuranije ry'Imana? Mu gihe Imana yavuze iti: Ujye weza umunsi wa karindwi, ninde ushobora gutinyuka kuvuga ngo: Oya, ushobora gukora imirimo yawe yose ushatse ku munsi wa karindwi; ahubwo uzajye weza umunsi wa mbere w'iminsi irindwi? Iki ni ikibazo cy'ingenzi cyane, ntazi uburyo mushobora kugisubiza.

"Uri umuporotesitanti, kandi uvuga ko ugendera kuri Bibiliya ndetse Bibiliya yonyine; hanyuma mu kintu gikomeye nk'iki cyo kubahiriza umunsi umwe mu minsi irindwi nk'umunsi wera, ukanyuranya n'ibyanditswe muri Bibiliya, ugashyiraho undi munsi

mu mwanya w'umunsi wategetswe na Bibiliya. *Itegeko ryo kweza umunsi wa karindwi, ni rimwe mu mategeko icumi; kandi wemera y'uko icyenda yandi agifite agaciro; ninde waguhaye ububasha bwo gukandagira irya kane?* Niba ushikamye ku mahame yawe, niba koko ugendera kuri Bibiliya kandi Bibiliya yonyine, wakabaye ushobora kugaragaza bimwe mu bice byo mu Isezerano Rishya bigaragaza neza ko iri tegeko ryahinduwe, cyangwa se nibura bigaragaza mu buryo bwizewe ko bwari ubushake bw'Imana ko abakristo bagomba guhindura uburyo bwo kuruhuka nk'uko mwabikoze. Reka turebe niba iyo mirongo ishobora kuboneka [muri Bibiliya]. Ndagerageza kureba iyo mirongo mu byanditswe n'abanditsi mukunda cyane, bagerageje gushyigikira ibyo mukora ku birebana n'iki kibazo:

1. Imirongo ya mbere nkunda kubona yifashishwa kuri iyi ngingo ni Abakolosayi 2:16; havuga hati: 'Nuko rero ntihakagire ubacira urubanza ku bw'ibyo murya cyangwa ibyo munywa, cyangwa ku bw'iminsi mikuru, cyangwa ku bwo kuziririza imboneko z'kwezi, cyangwa amasabato.' Njya numva Abakristo bavuga ko bakurikiza Bibiliya bishingikiriza kuri uyu murongo, bavuga ko tutakagombye gushira itandukaniro hagati y'umunsi wa Karindwi (Saturday), n'umnsi wa mbere (Sunday), n'undi munsi wose mu minsi irindwi; ko muri iki gihe cy'ubukristo ibyo byo gutandukanya iminsi byakuweho; ko umunsi wose ari mwiza kandi ko wera kimwe n'iyindi; bityo hakaba nta masabato agomba kubaho, ndetse n'imnsi mikuru. Ariko muri ibyo byose nta nyuguti n'imwe igira icyo ivuga ku guhindura Isabato iva ku munsi wa Karindwi ngo ijye ku wundi munsi.

2. Ubwa kabiri, amagambo yavuzwe na Yohana mu Byahishuwe 1:10 na yo akunda gukoreshwa, aravuga ati: 'Ku munsi w'Umwami wacu nari ndi mu Mwuka.' Mbese birashoboka ko

hagira umuntu utekereza ko hano hari itegeko ryeruye ryo guhindura gahunda yo kuramya ya buri cyumweru ikava ku munsi wa karindwi igashirwa ku munsi wa mbere? Uyu murongo nta kintu na kimwe uvuga ku ngingo nk'iyo; ahubwo ibyo Byanditswe biduha ububasha bwo kuba hari umunsi twakwita mu buryo bwihariye 'umunsi w'Umwami' (ariko ntibinavuga uwo munsi uwo ari wo).

3. Iyi mirongo ikurikiyeho itwibutsa igihe Pawulo yasabaga abakorinto bari bamaze guhinduka ati: 'Kuwa mbere w'iminsi irindwi hose, umuntu wese muri mwe abike iwe ibimushobokera nk'uko atunze, kugira ngo ubwo nzaza ataba ari ho impiya zisonzoranywa.' 1Abakorinto 16:2. Ni gute ibi bigira icyo bihindura ku itegeko ry'Isabato y'Abayahudi? Pawulo yategetse ko icyo gikorwa cy'ubugwaneza gikorwa ku munsi wa mbere w'icyumweru. Nta kintu na kimwe yavuze kirebana no kudakora gahunda yo gusenga no kuramya Imana ku munsi wa karindwi.

4. Kandi, hari 'kuwa mbere w'iminsi irindwi' ubwo abigishwa bari bateraniye mu nzu inzugi zikinze kuko batinyaga abayuda, maze Yesu araza ahagarara hagati yabo; nuko iminsi munani ishize (ni ukuvuga ku munsi wa mbere w'icyumweru cyakurikiyeho), 'abigishwa bongera guterana mu nzu nka mbere na Toma ari kumwe na bo' maze Yesu arongera araza ahagarara hagati yabo (Yohana 20:19,26): ni ukuvuga, hari ku mugoroba w'umunsi wa mbere Yesu yazutseho ubwo yiyerekaga bwa mbere abigishwa benshi bateraniye hamwe; maze nyuma y'iminsi umunani arongera yiyereka rya teraniro, na Toma ahari. Mbese ni iki kiri muri aya masomo gikuraho itegeko ryo kweza umunsi wa karindwi? Umwami wacu yazutse mu bapfuye kuwa mbere w'iminsi irindwi, maze kuri uwo munsi nimugoroba abonekera benshi mu bigishwa be; arongera ababonekera kuri uwo munsi w'icyumweru, nanone

ahari no ku yindi minsi hagati aho. Reka abaporotesitanti, niba babishaka, bubahirize umunsi wa mbere w'icyumweru bishimira kandi bibuka icyo gitangaza gikomeye, Umuzuko wa Kristo, kandi nk'igihamya cy'impuwe ze ni wo munsi yiyeretseho abigishwa be bashidikanyaga ko yazutse; ariko aya magambo yo mu byanditswe nta bubasha atanga bwo kureka kubahiriza umunsi Imana yategetse ko ugomba kwezwa ku mpamvu iyo ari yo yose.

5. Bwa nyuma, dufite urugero rw'Intumwa ubwazo. 'Ku wa mbere w'iminsi irindwi duteranira kumanyagura imitsima, Pawulo arabaganirira ashaka kuvayo mu gitondo, akomeza amagambo ageza mu gicuku.' Ibyakozwe n'intumwa 20:7. Hano tuhafite igihamya kigaragaza neza ko bateraniye hamwe kugira ngo bizihize ifunguro ryera, kandi ko bumvise ikibwiriza ku wa mbere (dimanche). Ariko se hari igihamya kigaragaza ko batari babwirijwe no ku munsi wa karindwi? Mbese ntibyanditswe neza kuri abo Bakristo ba mbere, ko 'iminsi yose bakomezaga kujya mu rusengero n'umutima uhuye, n'iwabo bakamanyagura umutsima?' Kandi nk'ikindi gihamya, mbese ntidufite n'ibindi bihamya, bigaragaza ko mu bice bitandukanye aho itorero ryabonekaga, ko Abakristo ba mbere bari bafite akamenyero ko guhurira hamwe bagasenga, bagasangira ifunguro ryera, bagakora n'izindi gahunda, ku Masabato kimwe no ku minsi ya mbere y'icyumweru? None rero, ndavuga nti, reka Abaporotesitanti baziririze umunsi wa mbere w'icyumweru, niba babishaka, kugira ngo base na ba Bakristo ba mbere bari bateraniye mu cyumba cyo hejuru kuri uwo munsi I Troas; ariko kandi bibuke ko ibyo bidashobora kubavanaho inshingano yo kweza umunsi Imana Ishoborabyose yategetse ko ugomba kwezwa, kubera ko kuri uwo munsi 'ari wo Imana yaruhukiyemo imirimo yakoze yose.'

Ntabwo nzi undi murongo n'umwe wo mu Byanditswe Byera Abaporotesitanti bakunda kwifashisha kugira ngo bashyigikire igikorwa cyabo cyo kweza umunsi wa mbere wicyumweru aho kweza uwa karindwi; …. *The Brotherhood of St. Vincent of Paul, The Clifton Tracts, Vol. 4, page 3-10*

## 5. Mu ruhanga rwe afite izina ry'amayoberane ryanditswe ngo BABULONI IKOMEYE, NYINA W'ABAMARAYA, KANDI NYINA W'IBIZIRA BYO MU ISI (Ibyahishuwe 17:5).

Ingingo ya gatanu ni ingenzi cyane muri iki gice cya 17 cy'Ibyahishuwe, kuko itunga urutoki mu buryo bwahuranije uvugwa muri iki gice. Malayika yavuze ko uwo mugore afite izina ry'amayoberane ryanditswe ngo BABULONI IKOMEYE, NYINA W'ABAMARAYA, KANDI NYINA W'IBIZIRA BYO MU ISI. Mbese uyu mugore uvugwa n'ubuhanuzi ko ari Babuloni ni inde?

Umukaridinari witwa James Gibbons mu gitabo cye yise "Faith of Our Fathers" (Ukwemera kw'Abakurambere Bacu) yaravuze ati: "Iyobokamana rya Babuloni ryakwiriye ahantu hose kandi riramenyekana cyane ku buryo na Roma yaje kwitwa 'Babuloni nshya'" *Faith of Our Fathers 1917 ed. Cardinal Gibbons, p.106*

"Babuloni, aho Petero yandikiye urwandiko rwe rwa mbere (1Petero 5:13), yumvikana ku Baporotesitanti n'Abagaturika basobanukiwe na Bibiliya, ko ari Roma – ijambo 'Babuloni' rishushanya ukononekara kw'imico kwari kuri mu murwa wa ba Kayisari." *Cardinal James Gibbons, Faith Of Our Fathers, p.107, James Cardinal Gibbons,* Faith of Our Fathers *(111th printing, Illinois: TAN Books Inc., 1980): 87 [James Gibbons (July 23, 1834 – March 24, 1921)*

"Kuva mu gihe cya Yehoyakimu… ibitekerezo by'abantu, ndetse n'abo muri kiliziya y'I Roma, byaje kumenya kandi bimenyera ko

Babuloni ivugwa mu Byahishuwe itari Roma ya gipagani gusa, ko ahubwo ari na Roma y'Abapapa; kandi ko Antikristo ari ho yagombaga kwicara ku ntebe y'ubupapa." *[Alford, Henry, THE GREEK NEW TESTAMENT, Vol. VI, Guardian Press, Grand Rapids, Mich. 1976., Reprint, p. 246] The Vatican Jesuit Global Conspiracy By Ronald Cooke, p.49,50*

Nyuma y'ubuhamya bw'uyu mukaridinali wo muri kiliziya gaturika y'I Roma, dufite n'ubundi buhamya bugaragaza neza ko imihango ikorwa mu iyobokamana rya kiliziya gaturika idakomoka ku Mana cyangwa mu Ijambo Ryayo ko ahubwo ikomoka mu bapagani basengaga ibigirwamana. Nk'uko mugiye kubyisomera, ubuhamya bukurikira bwatanzwe n'abihaye Imana bo mu nzego zo hejuru muri kiliziya gaturika y'I Roma, ubundi butangwa n'ababihagazeho ubwabo:

"Biratangaje kubona ukuntu kiliziya yacu yemeye imigenzo yakorwaga mu bapagani… bityo ni ukuri ko imwe mu mihango n'imigenzo yo muri kiliziya gaturika ari imwe neza n'iyo mu myemerere ya gipagani…" *The Externals of the Catholic Church, Her Government, Ceremonies, Festivals, Sacramentals and Devotions, by John F. Sullivan, p.156, published by P.J. Kennedy, NY, 1942*

"Kiliziya gaturika yakunze kuregwa ko yuzuye imihango myinshi ya gipagani. Kiliziya gaturika yiteguye kwemera icyo kirego ndetse no kukirata… Mu by'ukuri ikigirwamana gikomeye cya Pani[14] ntabwo cyapfuye ahubwo cyarabatijwe." *The Story of Catholicism p.37*

"Kugira ngo Ubukristo bube ikintu gifite ubwiza bukurura abakomeye n'abanyacyubahiro, abapadiri bemeye kwambara

[14] Pan: ni ikigirwamana cy'abagereki

imyambaro n'imitako byakoreshwaga mu mihango yo gusenga kwa gipagani." *Life of Constantine, Eusebius, cited in Altai-Nimalaya, p.94*

Mu gitabo cy'amateka cyanditswe na Stanley, p.40 yaranditse ati: "Abapapa bazunguye intebe y'abami ba Roma, baragwa ububasha bwabo, icyubahiro, n'amazina y'icyubahiro yabo (titles) babikuye mu gipagani." Kuri iyi ngingo kandi dufite ubuhamya bukurikira:

"Uko ububasha bwa Roma bwagendaga bukwira mu bice byinshi by'ubwami bw'Ubugiriki, Attalus ari we mwami wa nyuma wa Perugamo yapfuye mu mwaka w'133 mbere ya Kristo maze asigira ubwami bwa Perugamo abaturage b'abaroma. Bityo ubwami bwa perugamo buhinduka kamwe mu duce dutwarwa na Roma. Ariko nubwo byari bimeze bityo, nta muntu n'umwe wari uhari washoboraga kuvuga mu buryo bweruye ko ari we ufite ubutware bwose yahawe nk'umwami wa Perugamo, ni ukuvuga umutware mukuru wabaga afite izina rya 'Pontiff.' Bityo ubutware bw'abami b'abaroma kuri Perugamo bwari bufite aho bugarukira; ariko ibi byahindutse mu buryo butangaje ubwo umwami Jules Kayisari yimaga ingoma. Ni ku mwami w'abami Jules Kayisari abami b'abaroma bose bakuye izina 'Kayisari' … ba Kayisari kandi ni bo baba bari mu mwanya wa 'Pontifex Maximus' (soma Pontifegisi Magisimusi)" https://fr-fr.facebook.com/notes/michael-terrence ampem/the-antichrist-pontifex-maximus-the-Papacy-and-its origin/381876440975

"Julius Kayisari yashyizwe ku rwego rwa 'Pontifex Maximus' mu mwaka wa 63 mbere ya Kristo. Hanyuma agirwa umutegetsi w'ikirenga wa Leta ya Roma. Ni muri ubwo buryo yigaruriye ububasha n'inshingano bya pontiff wa Babuloni, maze aba abaye umusimbura wemewe n'amategeko wa Belushazari. Abonye ko ibi

bidahagije, haje gutangazwa ko Jules Kayisari ari imana yitwa Jupiter yigize umuntu ku itariki 25 z'ukwezi kwa cumi na kabiri mu mwaka wa 48 mbere ya Kristo mu rusengero rw'ikigirwamana cya Jupiter muri Alegizandiriya. [Igitabo cyitwa Encyclopaedia Britannica na cyo cyivuga kuri Jules Kayisari muri ubu buryo: 'Hari ibimenyetso byerekana ko mu mezi atandatu ya nyuma y'ubuzima bwe, Julius Kayisari yashakaga ko atafatwa nk'umwami gusa, ko ahubwo yafatwa nk'imana igomba kwemerwa n'abagereki, n'abaturage bo mu burasirazuba, ndetse n'abandi bantu bose basanzwe.' Jules Kayisari, mu kwigira imana, yari akurikije urugero rw'abami ba Perugamo. Abami b'abaroma bakurikiye Jules Kayisari muri rusange bafatwaga nk'imana." https://fr-fr.facebook.com/notes/michael-terrence-ampem/the-antichrist-pontifex-maximus-the-Papacy-and-its-origin/381876440975

Mu buhamya tubonye haruguru bugaragaza neza ko Babuloni ivugwa aha ari itorero rya kiliziya gaturika y'I Roma. Ariko ubutumwa bwa marayika ntabwo buhagararira aha, ahubwo marayika yavuze ko Babuloni ikomeye ari na yo nyina w'abamaraya ndetse ikaba na nyina w'ibizira byo mu isi. Kuvuga ko Kiliziya gaturika ari yo nyina w'abamaraya ni uko ari yo ikomokamo n'andi madini yose afite imisengere idakomoka mu Ijambo ry'Imana, kuko mu buhanuzi twabonye ko maraya cyangwa umusambanyi bisobanura itorero ryaguye, rigahindukirira izindi mana, kandi rifite inyigisho ridakomora kuri Kristo cyangwa mu Ijambo Rye (Bibiliya) [Ezekiel 16; 23; Yeremiya 3:1,8; Abalewi 17:7; 20:5,6]. Bityo amadini ya giporotesitanti akurikiza ibihimbano bya kiliziya gaturika, ni abakobwa ba Babuloni. Kuri iyi ngingo dusoma amagambo akurikira:

"[Gahunda y'impuzamadini igendereye gushyiraho] idini rimwe ku isi yose, rizaba rigengwa na Roma kandi rikayoborwa na

Papa, ubu igeze ku ntambwe yayo isoza. Bishobora gufata imyaka runaka mbere y'uko tubona ishusho yuzuye ya Babuloni Ikomeye, ariko buri mwizera nyakuri wa Bibiliya wo muri buri kinyejana arwanya Kiliziya Gaturika y'I Roma ashikamye, kubera ko abona muri yo imbuto z'ubuhakanyi buheruka bwishyize hamwe ari bwo bwavuzwe mu Byahishuwe igice cya 17, icya 18, n'icya 19." *The Vatican Jesuit Global Conspiracy By Ronald Cooke, p.61*

"Tugomba kwibutsa Abapresibiteriyene, Ababatisita, Abametodisite, n'abandi bakristo bose, ko Bibiliya itabashyigikira na gato mu gubahiriza icyumweru. Icyumweru cyashyizweho na Kiliziya gaturika kandi kucyubahiriza bisobanuye kugandukira (kumvira) itegeko rya kiliziya gaturika." *Ijambo ryavuzwe na padiri Brady, rikandikwa mu kinyamakuru cyitwa Elizabeth, N.J. News cyo ku itariki 18/03/1903*.

"Abaporotesitanti… bemera dimanche aho kwemera samedi nk'umunsi w'amateraniro yo gusenga nubwo ari kiliziya gaturika yabihinduye… Ariko icyo abaporotesitanti batamenya… ni uko mu kubahiriza dimanche, baba bagaragaje ko bemera ubutware bw'umutegeka wa kiliziya, ari we papa." Our Sunday Visitor, 05/02/1950

"Abaporotesitanti, uretse kwishingikiriza ku bubasha bwa kiliziya gaturika y'I Roma, nta mpamvu n'imwe yumvikana bafite ishyigikira inyigisho yo kuruhuka icyumweru, bityo bakabaye mu by'ukuri baruhuka Isabato, [y'umunsi wa karindwi] Samedi." *John Gilmary Shea, mu cyinyamakuru cya kiliziya gaturika gisohoka buri gihembwe cyitwa American Catholic Quaterly Review, Mutarama, 1883.*

"Mu mwaka wa 2008 ubwo yaganiraga n'umunyamakuru Emiel Hakkenes, umujezuwite witwa Professor Eduard Kimman, icyo gihe wari Umunyamabanga Mukuru w'Inama y'Igihugu

y'Abepisikopi mu gihugu cy'Ubuholande, yaravuze ati: "Urebye, nta mpamvu n'imwe isigaye yatuma umuntu akomeza kuba umuporotesitanti…." Yongeyeho ko abona ko nyuma y'umwaka w'2017 ubuporotesitanti bushobora kutazongera kubaho. (Umwaka wa 2017 ni umwaka abaporotesitanti bazaba bizihiza isabukuru y'imyaka 500 ubuporotesitanti bubayeho) Yanavuze ko "Ubuporotesitanti bukwiriye gusubira mu itorero ryabubyaye (mother church)"" *Professor Walter J. Veith, From Crete To Malta, Part 4*

Ku ngingo marayika yavuze ati, 'kandi nyina w'ibizira byo mu isi,' mushobora kureba urehererekane rw'ibyigisho byitwa "Igitero Gikaze" byakozwe na Professor Walter J. Veith, birimo ubuhamya butangaje bushimangira ayo magambo yavuzwe na marayika. Ariko reka turebe bicye cyane byavuzwe n'ababihagazeho barimo n'abihaye Imana bo muri kiliziya gaturika:

"Umupadiri w'umujezuwite witwa Staempfle, ni we wanditse igitabo cya Hitler cyitwa Mein Kampf, ntabwo ari Hitler wacyanditse." *Leo H. Lehmann, Behind the Dictators (New York: Agora Publishing Co., 1942) p. 26*

"Mu mwaka w'1816, John adams yandikiye Perezida Jefferson ati: 'Mbese ntiduhora tubafite hano bameze nk'inzuki nyinshi, biyoberanyije cyane ku buryo umwami w'abaromani wenyine ari we ushobora kubamenya, biyambitse nk'abasiga amarangi, nk'abasohora inyandiko (publishers), nk'abanditsi, ndetse nk'abigisha? Niba harigeze kubaho itsinda ry'abantu bakwiriye gucirwaho iteka hano ku isi ndetse n'ikuzimu ni itsinda ry'abagize umuryango washinzwe na Loyola (abajezuwite).'" *[The New Jesuits, George Reimer 1971]*

Abanditsi b'urubuga rwa internet rwa kiliziya gaturika rwitwa www.immaculateheart.com/maryonline, mu mwaka w'2003 mu

kwezi kwa 12, banditse amagambo akurikira: "Ikibazo cyashyizwe ahagaragara na Rome mu myaka 100 ishize cyiracyari iki: '[Ibintu ni bibiri:] Kiliziya gaturika ni yo iri mu kuri cyangwa se Abadivantiste b'Umunsi wa Karindwi ni bo bari mu kuri. Nta kundi guhitamo gushobora kubaho. Iyo umuntu akoze andi mahitamo atari ukuba umudivantiste w'umunsi wa karindwi, ihame ryo kwishingikiriza ku Byanditswe Byera byonyine (Sola Scriptura) riba ritaye agaciro, n'inkingi ubuporotesitanti bwose bushingiyeho iba iguye hasi.'"

Ikindi kinyamakuru cya Kiliziya gaturika cyitwa "Saint Catherine Catholic Church Sentinel" cyo ku itariki 21/05/1995 ku ngingo ya cyo yitwaga "Pastor's page" (ipaji y'umupasitoro), banditsemo aya magambo ngo: "Abantu bose batekereza ko Ibyanditswe Byera ari byo bigomba kuyobora abantu byonyine, bari bakwiriye kuba Abadivantisite b'Umunsi wa Karindwi, maze bakeza umunsi wa Karindwi."

Ku itariki 10/08/2004, ku rubuga rwa internet rwa Kiliziya gaturika rwitwa www.catholic.com/tracts/seventh-day-adventism hasohotse amagambo avuga ngo: "Abadivantisiti b'Umunsi wa Karindwi ntibashobora guhindura imitekerereze yabo y'uko Kiliziya gaturika ari yo Babuloni ikomeye Nyina w'Abamaraya; keretse baramutse bemeye ko batari mu kuri ku bijyanye [n'ibyo bigisha] birebana no gusenga ku Cyumweru. Ntibashobora kwemera ko gusenga ku Cyumweru atari ikimenyetso cy'inyamaswa; keretse bahinduye imyumvire yabo ku birebana n'Isabato y'Abayahudi. Abadivantisiti b'Umunsi wa Karindwi ntibashobora kureka kurwanya kiriziya gaturika; keretse baretse kuba Abadivantisiti b'Umunsi wa Karindwi.
…… NIHIL OBSTAT [15] : Ndemeza ko inyandiko n'amakuru byakoreshejwe muri iki cyegeranyo bitabogamiye ku myemerere

[15] NIHIL OBSTAT ni ijambo rikoreshwa na Kiliziya gaturika rivuga ko igitabo runaka cyitanyuranije n'amahame y'iyobokamana cyangwa amategeko mbonezamubano.

runaka. *Byanditswe na Bernadeane Carr, umwanditsi mu by'iyobokamana wa Kiliziya gaturika.*"

## 6. Mbona ko uwo mugore asinze amaraso y'abera n'amaraso y'abahowe Yesu (Ibyahishuwe 17:6).

Imvugo marayika yakoresheje irakomeye cyane! Iragaragaza umugambi ukomeye wo kurwanya Imana kugeza ubwo amagambo y'ubuhanuzi avuga ngo, "Mbona ko uwo mugore asinze amaraso y'abera n'amaraso y'abahowe Yesu." Byagenze gute? Dore icyo amateka atugaragariza, nk'uko tubisoma mu gitabo cyitwa "Rulers of Evil" (Abatware b'Ikibi) cyanditswe na F. Tupper Saussy:

"Buri muryango mugari wose w'abantu (society) uba ufite icyo twakwita ibyanditswe byera. Ibyanditswe byera bya ba Kayisari b'I Roma byari ubuhanuzi hamwe n'amabwiriza y'imihango byari bikubiye mu buhanuzi icumi bwari bwarahanuwe n'abahanuzikazi b'ibigirwamana byabo (Sibyllines) hamwe n'igitabo cyitwa Aeneid (soma eniyedi) cyanditswe n'umusizi w'umuromani witwa Virgil.

"Izo nyandiko (Sibyllines na Aeneid) zabaga zemerewe gusomwa n'abatambyi b'ibigirwamana bonyine n'abandi bantu bacye bo mu bakomeye. Abaturage bamenyaga ibyabaga bikubiye muri izo nyandiko ari uko abo batambyi bamanutse bakabibabwira. Ubwo Isezerano Rya Kera n'Isezerano Rishya byemerwaga nk'Ibyanditswe Byera by'ubwami bwa Roma, na byo, byeguriwe abihaye Imana bonyine. Hanyuma, hakurikijwe umugenzo w'I Roma, abaturage bamenyaga ibyanditswe muri Bibiliya ari uko babibwiwe nk'ubwiru bugenewe abihaye Imana ari na bo babibabwiraga gusa. Ibi byakorwaga bityo, kubwo kurengera [icyo bitaga] ubwami butagatifu bwa Roma. Kuko iyo abaturage baramuka bagize ubumenyi bwa Bibiliya, bari kuvumbura ko *Pontifex Maximus* (ni yo title ifitwe na papa nk'umuyobozi wa

Roma) atari umuyobozi wemewe wa gikristo. Mu kumenya ibyo, ntibari kuba bacyongeyeye gupfukamira ubutware bwe. Ubwami bwashoboraga kugwa. Ku bw'iyo mpamvu itorero gaturika ry'I Roma ryisanze rigomba kuvanaho kwiga no gusoma Bibiliya.

"Ariko kandi, mu duce dutandukanye, aho Roma yatwaraga hari amatsinda anyanyagiye y'abakristo bari bararinze Ibyanditswe Byera babikomoye ku itorero rya mbere [ry'intumwa]. Kuri abo bakristo Bibiliya yatangaga irarika rihoraho ryo gusabana n'Umuremyi w'isanzure. Babeshwagaho n'ibyanditswe Roma yari ifitiye ishyari. Mu kinyejana cya 13, ayo matsinda yariyongereye ku buryo papa Geregori wa 9 yatangaje ko kwiga Bibiliya utabiherewe uruhushya ari ubuhakanyi. Nyuma yaje guca iteka rivuga ko: "ari inshingano za buri mugaturika wese gutoteza abahakanyi." Mu rwego rwo kugenzura uko iryo totezwa rigomba gukorwa, yashyizeho urukiko rwa papa ruburanisha abahakanyi (inquisition).... Buri rubanza rwose rwaburanishwaga, igihano cyabaga ari ukwicwa." *F. Tupper Saussy, Rulers of evil, p.15,16*

"Abajezuwite bafata urwo rukiko nka kimwe mu bintu by'ingenzi cyane by'Umuryango wabo, Loyola yashyigikiye, akoresheje urwandiko yandikiye Papa [Pawulo wa 3 (1534-1549)], amusaba kwemererwa kongera kubyutsa urukiko rwabaye ikimenywabose rwa Roma rwo kuburanisha abahakanyi (Abaporotesitanti n'Abantu bose batemera ububasha bwa Papa bwo gutegeka ibihugu); rwaje kwemezwa mu ibaruwa (Papal Bull) yanditswe na Papa Pawulo wa 3 ku itariki 01/04/1542... Uru rukiko ruteye ubwoba, rwayoborwaga n'umuntu utaragira impuhwe cyangwa imbabazi witwaga Caraffa [*Gian Pietro Cardinal Caraffa, waje kuba Papa Pawulo wa 4 (1555-1559)*], rwakwije kwiheba no gucika intege mu Butaliyani bwose, kuva rugitangira... urupfu rwafashe indi ntera nshya iteye ubwoba kurushaho. Kandi umuntu

wese wahimbaga ibikoresho bishya by'iyicarubozo byo gutandukanya ingingo z'imibiri y'abicwaga mu buryo burushijeho gutera uburibwe yaragororerwaga!!! Mu Butaliyani, no mu bice bitandukanye by'Uburayi, mu gihe ibirimi by'umuriro byabaga biri kuzamuka mu kirere abantu bari gutwikwa, washoboraga kubona Abajezuwite bari kumwenyura, kuko umugambi wabo wabaga ari uguteza imbere umuryango wabo, bakoresheje uru rukiko rwababeshaga imbaraga zo kugenzura ibintu byose!" *History of the Jesuits: Their Origin, Progress, Doctrines, and Designs, G. B. Nicolini of Rome, (London: Henry G. Bohn, 1854) p. 59-62*

Umugabo wigeze kuba padiri, akaba na musenyeri muri kiliziya gaturika, ariko nyuma akaza kwizera ubutumwa bwiza, witwa Dr Alberto Rivera yatanze ubuhamya bukurikira:

"Guhera mu mwaka w'1200, kiliziya gaturika yishe abantu bagera kuri miliyoni mirongo itandatu n'umunani (68.000.000). Muri iki gihe, iryo torero rigerageza guhindura amateka, by'umwihariko umugabane w'amateka urebana n'urukiko rwa kiliziya gaturika ruburanisha abahakanyi (Abaporotesitanti n'Abantu bose batemera ububasha bwa Papa bwo gutegeka ibihugu), kugira ngo rihishe ibyaha byaryo. Ibitabo bivuga kuri iyo ngingo byagiye bizimira bikava mu masomero mu buryo butangaje. Ni ryo banga rihishwe cyane ryo mu gihe cyacu." *Les Crimes du Vatican, Dr Alberto Rivera, p.15*

Ntabwo iyi nyifato ya kiliziya gaturika yo kurenganya abera ari iyo mu myaka yashize gusa, kuko kiliziya gaturika ubwayo ivuga ko itibeshya ; bityo na n'uyu munsi ni yo mico iranga kiliziya gaturika, nubwo bishobora gukorwa mu bundi buryo mu rwego rwo kwiyoberanya. Dore ubuhamya bwa vuba cyane kuri iyi ngingo:

“Ku byerekeye Abajezuwite, Alberto yatangaje ko: ‘Kathryn Kuhlman[16] (soma Katirini Kulumani, yavutse mu mwaka w’1907 apfa mu mwaka w’1976) yari umwe muri ba maneko ba Roma, wari warahawe inshingano yo kwinjirira amatorero y’Abapantekonte n’amaterero y’Abaporotesitanti binyuze mu misengere yo kuzura umwuka. Yari umuhanga cyane mu bumenyi bwo gusinziriza ibitekerezo (hypnosis) akagira n’imbaraga zitangaje zo kumenya ibintu bitari byaba.’ ‘Yemerewe kugirana na Papa umwiherero wihariye nk’igihembo cy’umurimo ukomeye yakoze.’ … ‘Kubera umurimo yakoze, ubu benshi bigisha ‘KWISHYIRA HAMWE’, aho kwigisha ‘KWITANDUKANYA [n’abatizera Ijambo ry’Imana] N’UBUTUNGANE, ari byo Roma yanga urunuka.’”” *(Jack Chick “The Crusaders” series, Volume 13.)*

“Umupasitoro wo mu itorero ry’abaperisebuteriyani ryo mu gihugu cya Ecosse (Scotland) wari uhagarariye itorero ryo mu gihugu cye ubwo habaga inama rusange y’abashumba b’iryo torero, witwa Donald MacLean, yandikiye ikinyamakuru cyitwa The Times amagambo akurikira: ‘Iyi mpuzamadini (Ecumenism) mwishimira cyane ni cyo cyago cyangije amatorero ya Gikristo kurusha ibindi muri iki kinyejana. Cyagwabije amatorero yo muri iki gihugu asigara ameze nk’umuntu utagira amaraso n’amagufwa, ku buryo adashobora guhagararira Kristo n’ukuri Kwe. Abantu bacye gusa ni bo babazwa n’uko ikibi gitera imbere nk’uko bimeze ubu, kandi n’umwijima mu by’umwuka ukaba uri kurushaho kubudika uko imyaka ihita. Birasa nk’aho mubona itsinda ry’abakristo nyakuri, birinda kandi bashikamye mu by’umwuka, nk’abaka bakabya. Niba bimeze bityo, ubwo noneho abantu bakomeye Imana yakoresheje nka John Knox wo muri Ecosse (Scotland), John Calvin na Martin Luther ku mugabane wose (w’I Burayi), n’uwari umushumba mukuru w’Abangilikani Mu Bwongereza Cranmer, baba na bo bari

[16] Kathryn Kuhlman yari umuvugabutumwa w’ikirangirire ukora ibitangaza akuzura n’imyuka.

abaka bakabya igihe barwanyaga amakosa y'UbuPapa. Dutewe ishema no kuba mu itsinda ry'abantu nk'abo.'" *(The Times: 9th November 1988) Quoted in "All Roads lead to Rome?" Michael de Semlyen, p.175*

"Ku itariki 18/04/2015, ubwo Papa Francis yabonanaga na Perezida w'Ubutaliyani Sergio Mattarella, Papa yaravuze ati 'kugira umuryango mugari wa rubanda nyamwinshi, bisaba ko umwuka nyakuri w'iyobokamana utashingira ku mutimanama w'umuntu ku giticye'…"*http://en.radiovaticana.va/news/2015/04/18/pope_religion_should_not_be_confined_to_personal_consience/1137800*

"Papa Francis yanenze cyane 'Gutsimbarara ku mahame y'ukwizera' mu madini ya Gikristo, muri Islam no mu idini rya Kiyahudi avuga ko na byo ari ihohotera. Yaravuze ati: 'Itsinda ry'abatsimbarara ku mahame y'ukwizera, nubwo nta muntu bica, ntihagire uwo bahutaza, na ryo ni ihohoterwa. Imiterere y'umurongo ngenderwaho y'abatsimbarara ku mahame yo kwizera ni ihoterwa bakora mu izina ry'Imana.'" http://www.israelnationalnews.com/News/News.aspx/181689#.VPAyBdWqqko

Amagambo papa Francis yavuze ntashobora guhura n'Ibyanditswe Byera, kuko dusoma mu gitabo cy'umuhanuzi Yesaya ngo: "*Bumba Ibihamya, amategeko uyafatanishe ikimenyetso mu bigishwa banjye. Nimusange amategeko y'Imana n'ibiyihamya. Nibatavuga ibihwanye n'iryo jambo nta museke uzabatambikira*." Yesaya 8:16,20. Ijambo ry'Imana ni ryo muyobozi rukumbi imitimanama y'abayoboke ba Kristo igomba kuyoboka no kumvira kandi ni ryo gipimo cy'imico n'amahame yose. Ibindi bitari ibyo bituruka kuri satani.

Mu gitabo cyitwa "The Art of War" bivuga "Ubuhanga bw'Intambara" cyitiririrwa Sun Tsu wari umujenerali w'umushinwa,

ariko kikaba cyarahinduwe n'umujezuwite w'umufaransa witwa Jean Joseph Marie Amiot wari umuhanga mu bumenyi bw'inyenyeri w'umwami w'Ubushinwa, yagaragaje uburyo (technics) abajezuwite bakoresha mu ntambara barwana bagamije kurimbura ubuporotesitanti no gushaka kwigarurira ubutware bw'isi yose. Bumwe muri ubwo buryo ni ubu bukurikira:

## (I) GUSHYIRAHO UBURYO NGENDERWAHO

i. Buri ntambara yose iba ishingiye ku bushukanyi. (18)[17]
ii. Bityo, mu gihe ufite ubushobozi bwo gutera umwanzi wawe, ugomba kwigaragaza nk'aho ntacyo ushoboye; mu gihe turi gukoresha imbaraga zacu, tugomba gusa nk'aho ntacyo turi gukora; mu gihe dusatiriye umwanzi, tugomba gutuma yibwira ko tukiri kure; mu gihe turi kure ye, tugomba gutuma yibwira ko tumusatiriye. (19)
iii. Shyira imbere y'umwanzi wawe impano zo kumushukashuka. Himba impagarara, maze umusenye. (20)
iv. Mu gihe asa n'uworohewe agiye gutuza, ntugatume aruhuka. Niba imbaraga ze zishyize hamwe, zitatanye. (23)
v. Mutere aho atiteguye, utungukire aho atari yiteze. (24)

## (II) KWISHYURA ICYIGUZI CY'INTAMBARA

i. Umujenerali w'umunyabwenge akura ibimutunga ku mwanzi we. Igare rimwe ritwaye ingemu z'umwanzi rihwanye n'amagare makumayabiri yawe, kandi ikiro kimwe cy'ibyo kurya bye gihwanye n'ibiro makumyabiri byo mu bubiko bwawe. (15)
ii. Kugira ngo twice umwanzi, hagomba kubaho uburakari mu bantu bacu; kandi kugira ngo tugire amahirwe yo gutsinda umwanzi, abantu bacu bagomba kubona ibihembo byabo. (16)

[17] Imibare iri mu dukubo ni nimero iyo ngingo igaragaraho mu gitabo cy'umwimerere

iii. Mu gihe amagare y'intambara ari kurwana, iyo hafashwe amagare y'intambara icumi cyangwa arenzeho, hagomba guhembwa uwafashe irya mbere. Amabendera yacu agomba gusimbuzwa ay'abanzi bacu, n'amagare y'intambara akavangwa agakoreshwa hamwe n'ayacu. Abasirikare [b'umwanzi] bafatiwe ku rugamba bagomba gufatwa neza kandi bakarindwa. (17)
iv. Ibi byitwa, gukoresha umwanzi wamaze kwigarurira kugira ngo wongere imbaraga zawe. (18)

## (III) GUTERA UKORESHEJE AMAYERI

i. Umujenerali aba ari ingabo ikingira ubutegetsi; iyo iyo ngabo yuzuye ku ngingo zose (ifite ibyangombwa byose); ubutegetsi buzagira imbaraga; iyo ituzuye, ubutegetsi bugira integer nke. (11)
ii. Iyo bimeze bityo dushobora kumenya ko hari ingingo z'ingenzi eshanu kugira ngo haboneke insinzi:
    a) Hazatsinda umuntu uzi igihe cyo kurwana n'igihe cyitari icyo kurwana.
    b) Hazatsinda umuntu uzi gukoresha neza ingabo ze zifite imbaraga n'izifite intege nke.
    c) Hazatsinda umuntu ufite ingabo zigengwa n'umwuka umwe mu rugerero rwe rwose.
    d) Hazatsinda umuntu witegura ubwe, agategereza gufata umwanzi mu gihe atiteguye.
    e) Hazatsinda umuntu ufite ubushobozi bwa gisirikare kandi ntavugirwemo n'umwami we. (17)

## (V) IMBARAGA

i. Guhisha gahunda mu mwambaro wo kutagira gahunda (ku buryo abarebera inyuma babona nta gahunda ufite) ni bwo buryo bwo kugaba amashami; guhisha ubutwari mu gisa

n’ubugwari ni ukuzigama imbaraga zo gukoresha mu gihe cya ngombwa; guhisha imbaraga mu bigaragara ko ari intege nke bigomba gukoranwa amayeri. (18)

ii. Mu gukomeza kujugunya imbere y’umwanzi wawe impano zo kumushukashuka, bituma akomeza kuza agusanga; maze ugakoresha itsinda ry’abantu watoranije bakaguma aho bamutegereje. (20)

iii. Umurwanyi w’umuhanga aha agaciro akamaro k’imbaraga zihurijwe hamwe, kandi ntabwo asaba abantu ibintu byinshi. Ubwo ni bwo aba afite ubushobozi bwo guhitamo abantu bakwiriye gukoreshwa no gukoresha imbaraga zihurijwe hamwe. (21)

## (VI) INTEGE NKE N’IMBARAGA

i. Sun Tzu yaravuze ati: ugeze ku kibuga bwa mbere maze agategereza ko umwanzi aza, azaba afite imbaraga zo kurwana; ugeze ku kibuga bwa kabiri kandi akaza afite ishyushyu ryo kurwana azahagera imbaraga ze zacogoye. (1)

ii. Umurwanyi w’umunyabwenge atera umwanzi kugendera ku bushake bwe, ariko we ntiyemera gukoreshwa n’ubushake bw’umwanzi. (2)

iii. Iyo uwo murwanyi amaze kwigarurira amahirwe, ashobora gutera umwanzi kumusatira igihe cyose abishakiye; cyangwa, binyuze mu kumuteza igihombo, ashobora gutuma bidashobokera umwanzi we kumusatira. (3)

iv. Umujenerali w’umuhanga mu kugaba ibitero ni utera umwanzi ariko ku buryo umwanzi aba atazi icyo agomba kurwanya; kandi aba ari umuhanga mu kwikingira iyo umwanzi atazi icyo agomba kugabaho ibitero. (8)

v. Mbega ukwiyoberanya gukomeye! Binyuze muri uku kwiyoberanya twiga uburyo bwo kutagaragara, no kutamenya

ko duhari; bityo dushobora kugumana ububasha bwo kugena iherezo ry'umwanzi. (9)

vi. Icyo imbaga nyamwinshi idashobora kumva – ni uburyo ushobora kugera ku nsinzi ukoresheje uburyo bwateguwe n'umwanzi ubwe. (26)

vii. Abantu bose bashobora kubona uburyo nkoresha kugira ngo nigarurire umwanzi, ariko icyo badashobora kubona ni inzira nyuramo kugira ngo ngere ku nsinzi. (27)

## (VII) KUYOBORA INTAMBARA

i. Sun Tzu yaravuze ati: Mu ntambara, umujenerali ahabwa amategeko n'umwami. (1)

ii. Ugomba gutuma imigambi yawe itagaragarira abantu nk'umwijima w'ijoro, maze mu gihe uteye umwanzi, ukamugwaho nk'inkuba. (19)

## (VIII) GUKORESHA AMAYERI ANYURANYE

i. Hari inzira zitagomba gukurikirwa, hari ingabo zitagomba guterwa, hari imidugudu itagomba kugotwa, hari ibirindiro bitagomba guhungabanywa, hari n'amategeko y'umwami atagomba kumvirwa. (3)

ii. Hari amakosa atanu akomeye ashobora kugirira nabi umujenerali:

a) Kutagira icyo yitaho, ari byo bishobora gutuma arimburwa;

b) Ubugwari, ari bwo bushobora gutuma afatwa bugwate;

c) Kurakara vuba, ari byo bishobora gutuma akoreshwa n'ibitutsi;

d) Gukunda icyubahiro ari byo bishobora gutuma ahungabanywa ku buryo bworoshye n'ikimwaro.

e) Gusaba ibintu byinshi abantu be, ari byo bishobora kumutera guhangayika no kudatuza. (12)

## (X) IKIBUGA CY'INTAMBARA

i. Niba ubona neza ko kurwana biri bugere ku nsinzi, rwana, nubwo umuyobozi wawe yaba atabyemera; niba ubona ko kurwana bidashobora kugera ku nsinzi, ntugomba kurwana nubwo waba ubitegetswe n'umuyobozi wawe. (23)
ii. Umujenerali ujya imbere atagamije kwishakira icyubahiro kandi agasubira inyuma adatinya ikimwaro, afite intego imwe gusa yo kurinda igihugu cye kandi agakorera umurimo mwiza umwami we, aba ari ibuye ry'igiciro ry'ubwami. (24)
iii. Jya ureba abasirikare bawe nk'abana bawe, bizatuma bagukurikira no mu manga; barebe nk'abahungu bawe ukunda cyane, bizatuma bakuba iruhande kugeza no mu rupfu. (25)

## (XI) AHANTU ICYENDA HO KURWANIRA

i. Umujenerali agomba kuba ashoboye kujijisha abayobozi b'ingabo ze hamwe n'abantu be akoresheje raporo z'ibinyoma n'ibigaragarira amaso bisa nk'ukuri ariko bishukana, ibyo bikamufasha kubaheza mu bujiji bwo kutamenya ukuri kw'ibyo akora. (36)
ii. Insinzi mu ntambara igerwaho iyo umuntu yihuje n'intego y'umwanzi abyitondeye. (35)
iii. Nituguma gukorera mu ruhande rw'umwanzi twihanganye, mu gihe kizaza bizadushoboza no kwica umuyobozi w'ingabo z'umwanzi. (61)
iv. Ibyo byitwa kandi byerekana ubushobozi bwo kugera ku kintu ukoresheje uburiganya buhambaye. (62)

## (XII) GUTERA N'UMURIRO

i. Iyo umuriro watse uturutse imbere mu rugerero rw'umwanzi, jya uhita utera uturutse inyuma. (6)

ii. Mu gihe umuriro watse , ariko abasirikare b'umwanzi bakagumya gutuza no guceceka, jya utegereza wirinde gutera. (7)
iii. Ntugatere intambwe n'imwe keretse igihe ubona ko hari amahirwe ahari; ntugakoreshe ingabo zawe keretse igihe ubona ko hari icyo ushobora kwigarurira; ntukarwane keretse igihe ubona ko uri mu kaga. (17)

## (XIII) GUKORESHA ABATASI

i. Hagomba gukoreshwa abatasi, bagizwe n' amatsinda atanu: 1: Abatasi b'aho ukorera; 2: Abatasi b'imbere; 3: Abatasi wigaruriye; 4: Abatasi b'ibitambo; 5: Abatasi barokotse. (7)
ii. Iyo ayo matsinda atanu y'abatasi yose ari ku murimo, nta muntu n'umwe ushobora gutahura imikorere yawe y'ibanga. Ibi ni byo byitwa "ubushobozi bw'ubumana bwo kugenzura imitego." Ubu ni bwo bushobozi buruta ubundi bw'umwami. (8)
iii. Kugira "Abatasi b'aho ukorera" bivuze gukoresha abantu ba kavukire. (9)
iv. Kugira "Abatasi b'imbere," bivuze gukoresha abayobozi bo mu ngabo z'umwanzi. (10)
v. Kugira "Abatasi wigaruriye," bivuze kwigarurira abatasi b'umwanzi maze ukabakoresha mu gusohoza imigambi yawe bwite. (11)
vi. Kugira "Abatasi b'ibitambo," bisobanuye ko hari ibintu bimwe ukora mu buryo bweruye ariko ugamije kuyobya umwanzi, maze ukemerera abatasi bawe kubivuga no kubimenyesha umwanzi. (12)
vii. Kugira "Abatasi barokotse," bivuze ko abatasi wohereje kuneka mu rugerero rw'umwanzi bagarukana amakuru bavanye ku mwanzi.

viii. Bityo nta n'umwe mu ngabo zawe zose mugomba kugirana umushyikirano wimbitse nk'abatasi. Ni bo bagomba guhembwa neza. Umurimo bakora ni wo ugomba kuba uw'ibanga kurusha indi yose. (14)
ix. Jya ukora mu ibanga! Jya ukora mu ibanga rikomeye cyane! Kandi ukoreshe abatasi bawe muri buri kintu cyose. (18)
x. Nubwo umugambi waba ari ukurimbura ingabo, gusenya umudugudu, cyangwa kwica umuntu umwe, ni ingenzi buri gihe gutangirira ku gushaka amazina y'abagomba gukora icyo gikorwa, abagomba kubafasha, n'abagomba kurinda no gucunga umutekano w'umuyobozi w'icyo gikorwa. Abatasi bacu ni bo bagomba guhabwa inshingano yo gushaka no kumenya abo bantu. (20)
xi. Abatasi b'umwanzi baje kutuneka bagomba gushakishwa, tukabategesha kubaha ruswa, tukabajyana kure kandi tukabatuza mu nzu nziza. Bityo bazahinduka "abatasi twigaruriye" kandi babe biteguye kudukorera umurimo. (21)
xii. Amakuru duhabwa n'abo batasi twigaruriye ni yo adushoboza kubona no gukoresha "Abatasi b'dukorera" "n'Abatasi b'imbere." (22)
xiii. Kandi ku bw'amakuru yabo, nanone, dushobora gutuma "Abatasi b'ibitambo" bajyana amakuru y'ibinyoma ku mwanzi. (23)
xiv. Bwa nyuma ni kubw'amakuru duhabwa "n'Abatasi twigaruriye" dushobora gukoresha "Abatasi barokotse" mu gihe cya ngombwa. (24)
xv. Umugambi n'intego by'ubutasi mu matsinda anyuranye y'abatasi ni ukumenya umwanzi; kandi mbere na mbere ubu bumenyi buturuka ku batasi twigaruriye. Bityo ni ingenzi cyane ko abatasi twigaruriye bafatwa mu buryo bwiza bushoboka. (25)

[Ubundi buhamya bugaragaza umutima wo kurenganya no gutoteza abayoboke ba Kristo wa kiliziya gaturika mushobora kubwisomera mu gice kivuga amateka n'umugambi by'abajezuwite kiri muri iki gitabo.]

**7. "Iyo nyamaswa ubonye yahozeho nyamara ntikiriho, kandi igiye kuzamuka ive ikuzimu ijye kurimbuka. Abari mu isi amazina yabo atanditswe mu gitabo cy'ubugingo, uhereye ku kuremwa kw'isi, bazatangara babonye iyo nyamaswa yahozeho ikaba itakiriho, kandi ikazongera kubaho. Aha ni ho hakwiriye ubwenge n'ubuhanga. Iyo mitwe irindwi ni yo misozi irindwi uwo mugore yicaraho. Kandi ni yo bami barindwi: abatanu baraguye, umwe ariho undi ntaraza, kandi naza azaba akwiriye kumara igihe gito. Ya nyamaswa yariho ikaba itakiriho, iyo ubwayo ni uwa munani, nyamara kandi ni umwe muri ba bandi barindwi kandi arajya kurimbuka." (Ibyahishuwe 17:9-11).**

Ubwo marayika yatangaga ubu butumwa yabanje kubwira Yohana ati, "Aha ni ho hakwiriye ubwenge n'ubuhanga…" Birumvikana ko aya magambo agomba kwitonderwa. Hari ubusobanuro bunyuranye bwagiye butangwa kuri iyi mirongo kandi ugasanga budahuriza ku gisobanuro kimwe cy'ubutumwa marayika yavuze nk'uko buri muri iyi mirongo, bityo mbere y'uko tugaragaza ubundi busobanuro ubwo ari bwo bwose, reka tubanze turebe icyo Bibiliya ivuga ku ngingo zisa n'iyo marayika yavuzeho.

Marayika yaravuze ati: "*Iyo mitwe irindwi ni yo misozi irindwi uwo mugore yicaraho. Kandi ni yo bami barindwi: abatanu baraguye, umwe ariho undi ntaraza, kandi naza azaba akwiriye kumara igihe gito. Ya nyamaswa yariho ikaba itakiriho, iyo ubwayo ni uwa munani, nyamara kandi ni umwe muri ba bandi barindwi kandi arajya kurimbuka*."

Ibimenyetso hafi ya byose byakoreshejwe muri iyi mirongo twamaze kubona ubusobanuro bwabyo, dukoresheje Ibyanditswe Byera (Bibiliya) n'ubuhamya bw'ibyabaye mu mateka bigahamya ibyari byaravuzwe n'Ijambo ry'Imana Itabeshya. Ibyo tugiye kureba ni ibyo marayika yavuze ko bisaba *ubwenge n'ubuhanga*.

Ubutumwa bwa gihanuzi bufite ishusho imeze gutya si bwo bwonyine buboneka muri Bibiliya. Mu gitabo cy'umuhanuzi Daniyeli igice cya karindwi tuhasanga ubundi butumwa bufitanye isano n'ubu. Mu nzozi Daniyeli yarose, na zo zari zikubiyemo ubutumwa bwa gihanuzi yohererejwe n'ijuru, Daniyeli yaravuze ati: "*Mu byo neretswe nijoro, nagiye kubona mbona imiyaga ine yo mu ijuru ihubukira ku nyanja nini. Muri iyo nyanja havamo inyamaswa nini enye, zidasangiye ubwoko. Iya mbere yasaga n'intare, ifite amababa nk'ay'ikizu. Nyihanga amaso kugeza aho amababa yayo ashikurijwe igahagarikwa ku isi, ihagarika amaguru yemye nk'umuntu kandi ihabwa umutima nk'uw'umuntu. "Ndongera mbona indi nyamaswa ya kabiri isa n'idubu yegutse uruhande rumwe, kandi yari itambitse imbavu eshatu mu mikaka yayo. Barayibwira bati 'Byuka uconshomere inyama nyinshyi.' "Hanyuma y'ibyo mbona indi nyamaswa isa n'ingwe, ku mugongo wayo yari ifite amababa ane asa n'ay'igisiga, kandi yari ifite imitwe ine, ihabwa ubutware. "Hanyuma y'ibyo nitegereje mu byo neretswe nijoro, mbona inyamaswa ya kane iteye ubwoba y'inyamaboko n'imbaraga byinshi cyane. Yari ifite imikaka minini y'ibyuma, iconshomera ibintu irabimenagura, ibisigaye ibisiribangisha amajanja yayo. Ariko yari ifite itandukaniro n'izindi nyamaswa zose zayibanjirije, kandi yari ifite amahembe cumi.*" Daniyeli 7:2-7

Inyamaswa yavuzwe na marayika mu Byahishuwe 17 *ifite imitwe irindwi n'amahembe cumi*, kandi akavuga ko iyo *mitwe irindwi ari yo misozi irindwi uwo mugore yicaraho*, ni inyamaswa ya

kane mu zo Daniyeli yarose, ari yo ihagarariye ubwami bwa Roma. Mwibuke ko, ubwo marayika yasobanuriraga Daniyeli ibyo yarose, yaramubwiye ati: "*Izo nyamaswa nini uko ari enye, ni bo bami bane bazaduka mu isi*." Inyamaswa ya mbere yasaga n'intare, yari ihagarariye ubwami bwa Babuloni bwabayeho kuva muri 605 kugeza muri 539 mbere ya Kristo, iya kabiri yasaga n'idubu yari ihagarariye ubwami bw'Abamedi n'Abaperesi bwabayeho kuva muri 539 kugeza muri 331 mbere ya Kristo, iya gatatu yari ihagarariye ubwami bw'Ubugereki bwabayeho kuva muri 331 kugeza muri 168 mbere ya Kristo, iya kane, itarabonewe ishusho mu nyamaswa zizwi zo mubyaremwe, ahubwo akavuga ko yari inyamaswa "*iteye ubwoba y'inyamaboko n'imbaraga byinshi cyane*," yari ihagarariye ubwami bwa Roma, bukomatanya Roma ya gipagani na Roma ya gikristo iyoborwa n'ubupapa. Ubwo bwami bwatangiye mu mwaka w'168 Roma ya gipagani irangira muri 476, izungurwa na Roma ya gikristo ari yo iyobora isi kugeza ubu, kandi ubuhanuzi bukaba bugaragaza ko ubwo bwami ari bwo bwa nyuma buzabaho hano ku isi mbere yo kugaruka kwa Kristo. Bityo inyamaswa umugore wo mu Byahishuwe 17 yari yicayeho ni iya kane ihagarariye ubwami bwa Roma nk'uko twabibonye.

Ubwo Yohana yerekwaga, yahawe andi makuru agaragaza imiterere y'iyo nyamaswa mu buryo burambuye, atari yahawe Daniyeli mu nzozi yarose. Yohana yabwiwe ko iyo nyamaswa ifite amahembe cumi, anabwirwa ko ifite n'imitwe irindwi. Iyo mitwe irindwi ni yo turi bwibandeho kuko ni yo yavuzwe mu mirongo turi gusuzuma.

Marayika yavuze ko iyo mitwe irindwi ari yo misozi irindwi uwo mugore yicaraho, kandi ko ari bo bami barindwi. Iyo turebye ubusobanuro bw'imitwe ine yo ku nyamaswa ya gatatu Daniyeli yarose, bihita byoroha kumenya iby'imitwe irindwi yo ku

nyamaswa yo mu Byahishuwe 17. Imitwe ine yo ku nyamaswa ya gatatu yasaga n'ingwe yari ihagarariye ubwami bw'Ubugereki, yashushanyaga ubwami bune bwiganyije mu bwami bw'Ubugereki nyuma y'urupfu rwa Alexandre mukuru, umwami wa mbere wategetse ubwami bw'Ubugereki bumaze kwigarurira isi. Ubu busobanuro ushobora kububona no muri Daniyeli 8, ubwo Daniyeli yongeraga guhabwa irindi yerekwa ryerekeye ku bwami bwagombaga kwaduka mu isi.

Dukurikije ubusobanuro bwo muri Daniyeli igice cya 7 n'icya 8, imitwe irindwi yo ku nyamaswa yo mu Byahishuwe igice cya 17 ni ubwami cyangwa ubwoko bw'ubutegetsi bwayoboye ku ngoma y'ubwami bwa Roma. Kuri iyi ngingo, reka turebe ibyo amateka aduhamiriza nk'uko byari byaravuzwe n'Ijambo ry'Imana. Twifashishije igitabo cyanditswe na Titus Livius, [abongereza bamwita Livy] (Livy, Book 1, p.60; Book 3, p.33; Book 4, p.7). Titus Livius yari umunyamateka w'umuromani wanditse amateka menshi ku bwami bwa Roma. Yavutse mu mwaka wa 64 cyangwa uwa 59 mbere ya Kristo, apfa mu mwaka wa 17 nyuma ya Kristo. Twifashishije kandi igitabo cyanditswe n'umukaridinari witwa James Gibbons. Uwo mukaridinari yanditse igitabo cyitwa "Faith of Our Fathers" bisobanura "Ukwizera kw'Abakurambere Bacu," aho icyigisho cya 12 yacyise: "The Temporal Power of the Popes" bisobanura: "Ububasha bwa politiki bw'abapapa." Twifashishije by'umwihariko igitabo cyitwa "Thoughts On Daniel and The Revelation" cyanditswe na Uriah Smith. Ibyavuzwe na marayika mu Byahishuwe igice cya 17:9-11, byasohoye mu buryo bukurikira:

"**Roma Mu Bika Bitatu:** Inyamaswa malayika avuga hano ntagushidikanya ni ya nyamaswa itukura. Inyamaswa y'inkazi, nk'uko igaragazwa hano, ni ikimenyetso cy'ubutegetsi butwaza igitugu kandi burenganya; kandi mu gihe kirekire ubutegetsi bwa

Roma nk'igihugu bwamaze, bwanyuze mu bika bitatu by'amateka ari byo ibi bimenyetso bivugwa hano byerekezaho, kandi mu gihe runaka iyo nyamaswa mu buhanuzi nk'ubu, ishobora kuvugwa ko itakiriho. Muri ubwo buryo Roma mu gihe cyayo cya gipagani yari ubutegetsi burenganya ubwoko bw'Imana, bityo muri icyo gihe ni ho Roma ivugwa n'ubuhanuzi nk'inyamaswa "*yahozeho;*" ariko ubwo bwami bwaje kuvuga ko buhindukiriye Ubukristo; maze habaho igihe cy'inzibacyuho cyo kuva mu bupagani bukajya mu rindi yobokamana ryiswe ko ari irya Gikristo (ariko ntibwari ubukristo nyakuri); muri icyo gihe kigufi cy'inzibacyuho [cyo kuva mu bupagani ikiyambika umwambaro w'ubukristo], iyo nyamaswa (Roma) yatakaje imiterere yayo ya kinyamaswa yo kurenganya, bityo iyo nyamaswa yashoboraga kuvugwa n'ubuhanuzi ngo "*ntikiriho*." Igihe cyarahise, maze ya nyamaswa ihindukamo ubupapa, maze yongera gufata imiterere yayo ya kinyamaswa yo kumena amaraso no gutwaza igitugu, bityo iba inyamaswa ubuhanuzi bugaragaza ko "iriho," cyangwa mu gihe cya Yohana ubuhanuzi bwavugaga ko "*igiye kuzamuka*."

**Imitwe Irindwi:** Imitwe irindwi, bwa mbere isobanurwa ko ari imisozi irindwi, hanyuma ikavugwa ko ari na bo bami barindwi, cyangwa ubwoko bw'ubutegetsi; ku ijambo ryakoreshejwe ku murongo wa 10, rivuga ngo "kandi ni yo bami barindwi," ni ko iyo mitwe igomba kumvikana, kandi ni yo bami barindwi. "Abatanu baraguye," ni ko malayika yavuze, cyangwa barahise; "umwe ariho;" uwa gatandatu ni we wari uri ku ngoma icyo gihe; undi yagombaga kuza, kandi akamara igihe gito; kandi ubwo iyo nyamaswa yongeraga kugaragara mu miterere yayo yo kumena amaraso no kurenganya, hari ku mwami wa munani cyangwa ubwoko bw'ubutegetsi bwa munani, ari bwo bwagombaga gukomeza kugeza iyo nyamaswa igiye mu irimbukiro. Ubwoko bw'ubutegetsi bwabayeho mu bwami bwa Roma buri gihe bugaragazwa mu buryo

bukurikira: (1) Ubuyobozi bw'abami {Kingly period (753[18]-509 B.C)}; (2) Ubuyobozi bwo muri Repubulika bwari bukuriwe n'abayobozi babiri banganya ububasha {Republic or Consular period (509-451 B.C[19])}; (3) Ubuyobozi bwo muri Repubulika bw'Inama y'abantu 10 {Decemvirate or Council of 10 (451-449 B.C)}; (4) Ubuyobozi bw'igitugu {Dictatorship (443-290 B.C)}; (5) Ubuyobozi bwo muri Repubulika[20] bwari bukuriwe n'abayobozi batatu bangana {Triumvirate (290-27 B.C)}; (6) Ubuyobozi bw'ubwami bugari bwayoborwaga n'umwami w'abami {Empire (27 B.C – 476 A.D[21])}; (7) Ubupapa {Papacy (538 A.D – The end)}. Mu gihe cya Yohana, kuva ku bwoko bwa mbere bw'ubutegetsi kugeza ku bwa gatanu bwari bwaracyuye igihe. Igihe Yohana yari arimo hayoboraga ubwoko bw'ubutegetsi bwa gatandatu ari bwo bwitwaga "Empire" (Ubwami bugari bwayoborwaga n'umwami w'abami). Nyuma y'iki gihe hagombaga kubaho ubundi bwoko bw'ubutegetsi bubiri. Ubwoko bw'ubutegetsi bumwe bwagombaga kumara igihe gito ku buryo butabariwe mu mitwe y'inyamaswa; mu gihe ubwa nyuma, bubarwa nk'ubwa karindwi mu by'ukuri ari ubwa munani. Umutwe wagombaga gukurikira ubwami bugari (empire), kandi ukamara igihe gito, ntushobora kuba ubupapa; kubera ko ubupapa bwo bwakomeje kubaho igihe kirekire kiruta n'icy'iyindi mitwe yose uyiteranije. Bityo, birumvikana ko umutwe w'ubupapa ari umwami wa munani, kandi umwami wamaze igihe gito akaba yarabayeho mu gihe kiri hagati y'ubwami bugari (empire) n'ubutegetsi bw'ubupapa. Mu gusohora k'ubu buhanuzi, dusoma ko nyuma y'uko ubutegetsi bw'ubwami bugari bwa Roma bukuriweho, habayeho ubutegetsi bwayoboye Roma mu gihe

---

[18] Aya matariki ari muri iyi nyandiko ni agaragazwa n'ibitabo by'amateka, bityo ashobora gutandukana bitewe n'umwanditsi w'igitabo, ariko abanditsi hafi ya bose bahuriza ku buryo ubwo butegetsi bwagiye bukurikirana.

[19] B.C: Izi nyuguti aho ziri zigaragaza ko uwo mwaka ari mbere y'ivuka rya Yesu

[20] Ubwoko bw'ubutegetsi bwababayeho mu ngoma ya Roma kuva mu mwaka wa 509 B.C kugeza mu mwaka wa 27 B.C bwakoreraga muri Repubulika.

[21] A.D: Izi nyuguti aho ziri zigaragaza ko uwo mwaka ari nyuma y'ivuka rya Yesu

kigera ku myaka mirongo itandatu aho umuyobozi yari afite izina ry'ubutware (title) rya "Exarch of Ravenna." (ni ukuvuga umutegetsi cyangwa Umutware utwarira I Ravenna). Muri ubwo buryo, dufite ubwoko bw'ubutegetsi bwabayeho mu ngoma ya Roma mu kuva mu bwami bugari (empire) ijya mu butegetsi bw'ubupapa. Igika cya gatatu "cy'inyamaswa yahozeho nyamara ikaba itakiriho, kandi ikaba igiye kuzamuka," ni ubwami bwa Roma mu gihe cy'ubutegetsi bw'ubupapa; kandi muri ubu bwoko bw'ubutegetsi buvugwa ko buzamuka buva ikuzimu, bushingiye ububasha bwabwo ku ruvangitirane rw'amakosa y'Ubukristo n'imihango ya gipagani." *Thoughts on Daniel and The Revelation, p.705,706*

> *"Dore ndaza vuba nzanye ingororano, kugira ngo ngororere umuntu wese ibikwiriye ibyo yakoze... Njyewe Yesu ntumye marayika wanjye guhamiriza mwebwe ibyo ku bw'amatorero."* Ibyahishuwe 22:12,16

********************

**Ibitabo n'inyandiko byifashishijwe mu kwandika icyi gitabo:**


- *Holy Bible*
- *F. Tupper Saussy, Rulers of evil*
- *Carroll Quigley, Tragedy and Hope*
- *Prof. Walter J. Veith, From Crete To Malta*
- *Eric Jon Phelps, Vatican Assassins*
- *M. F. Cusack, The Black Pope*
- *The Engineer Corps of Hell; Or Rome's Sappers and Miners, pp. 118-124*
- *Double-Cross: Alberto Part Two, Jack Chick, (Chino, California: Chick Publications, 1981)*
- *Papism in the XIX. Century, in the United States, Robert J. Breckinridge, (Baltimore: David Owen & Son, 1841)*
- *The History of Romanism*
- *History of the Jesuits, Steinmetz, Vol. I*
- *J.H. Merle D'Aubigne, D.D., History of the Reformation of the Sixteenth Century, 5 Volumes in 1. Grand Rapids, Mich.: Baker Book House, reproduced from London 1846 edition in 1976, book 10.*
- *History of the Jesuits: Their Origin, Progress, Doctrines, and Designs, G. B. Nicolini of Rome, (London: Henry G. Bohn, 1854)*
- *The Roman Catholic Hierarchy: The Deadliest Menace to American Liberties and Christian Civilization, Thomas E. Watson, (Thomson, Georgia: The Jefferson Publishing Co., 1915)*
- *The Vatican Empire, Nino Lo Bello, (New York: Trident Press, 1968)*
- *Romanism: A Menace to the Nation, Jeremiah J. Crowley, (Aurora, Missouri: The Menace Publishing Co., 1912)*
- *The New Jesuits, George Reimer 1971*

- *J. H. Merle D'Aubigne, History of The Reformation of The Sixteenth Century, Vol. 1*
- *Uriah Smith, Daniel and The Revelation*
- *Popery. An Enemy to Civil and Religious Liberty; and Dangerous to Our Republic, W.C Brownlee, (New York: John S. Taylor, Publisher, 1836)*
- *History of the Jesuits, Andrew Steinmetz, (Philadelphia, Pennsylvania, Lea and Blanchard, 1848) Vol I*
- *The Jesuits in History, Hector Macpherson, (Springfield, Missouri: Ozark Book Publishers, 1997; originally published in 1900) p.115*
- *Popery, Puseyism and Jesuitism, Luigi Desanctis, (London : D. Catt, 1905; translated by Maria Betts from the original Italian edition published as Roma Papale mu 1865)*
- *Romanism as a World Power, Luther S. Kauffman (Philadelphia, Pennsylvania: The American Publishing Co., 1922)*
- *Hermann Rauschning, former national-socialist chief of government of Dantzig: 'Hitler m'a dit', (Ed. Co-operation, Paris 1939*
- *A Woman Rides the Beast, Dave Hunt (Eugene, Oregon: Harvest House Publishers, 1994)*
- *Monsignor Pietro Parolin, Undersecretary for Relations with States, http://www.zenit.org/en/articles/holy-see-insists-that-it-has-right-to-speak*
- *http://suspiciousdeaths.blogspot.com/2010/05/robin-cook.html*
- *George J. Church et. al, "Hands of Terrorism," TIME (May 25,1981)http://www.time.com/time/magazine/article/0,9171,924742-1,00.html*
- *http://www.bible.ca/cath-new-doctrines.htm by Steve Rudd*
- *The Catholic Press, Sydney, Australia, Août 1900*
- *John Gilmary Shea, American Catholic Quaterly Review, January, 1883.*

- *Prêtre Brady dans un discours rapporté, dans le Elizabeth N.J News 18 mars, 1903*
- *The Catholic Mirror, 23/12/1893*
- *Our Sunday Visitor, 05/02/1950*
- *Albert Smith, Chancelier de l'Archevêché de Baltimore, répondant pour le Cardinal, dans une lettre datée, 10 février, 1920*
- *Faith of Our Fathers 1917 ed. Cardinal Gibbons*
- *Alford, Henry, THE GREEK NEW TESTAMENT, Vol. VI, Guardian Press, Grand Rapids, Mich. 1976., Reprint*
- *The Vatican Jesuit Global Conspiracy By Ronald Cooke*
- *The Externals of the Catholic Church, Her Government, Ceremonies, Festivals, Sacramentals and Devotions, by John F. Sullivan, p.156, published by P.J. Kennedy, NY, 1942*
- *The Story of Catholicism*
- *Life of Constantine, Eusebius, cited in Altai-Nimalaya*
- *https://fr-fr.facebook.com/notes/michael-terrence ampem/the-antichrist-pontifex-maximus-the-Papacy-and-its origin/381876440975*
- *https://fr-fr.facebook.com/notes/michael-terrence-ampem/the-antichrist-pontifex-maximus-the-Papacy-and-its-origin/381876440975*
- *Leo H. Lehmann, Behind the Dictators (New York: Agora Publishing Co., 1942)*
- *www.immaculateheart.com/maryonline*
- *www.catholic.com/tracts/seventh-day-adventism*
- *Les Crimes du Vatican, Dr Alberto Rivera*
- *Jack Chick "The Crusaders" series, Volume 13*
- *The Times: 9th November 1988) Quoted in "All Roads lead to Rome?" Michael de Semlyen*
- *http://en.radiovaticana.va/news/2015/04/18/pope_religion_should_not_be_confined_to_personal_consience/1137800*

- *http://www.israelnationalnews.com/News/News.aspx/181689#.VPAyBdWqqko*
- *Sun Tzu, The Art of War translated by the French Jesuit Jean Joseph Marie Amiot in 1772*

Byakusanijwe kandi bishyirwa mu kinyarwanda na
NIYONZIMA Paulin
paulinniyonzima@gmail.com
Tel: (+250)788798826 / (+250)728198808